KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Raporo y'umwaka w'2007

Kigali, Werurwe 2008

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

IBIRI MURI RAPORO

Urupapuro

IJAMBO RY'IBANZE..... 5

I. IRIBURIRO..... 7

II. IBYARANZE U RWANDA MU BIREBANA NO GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BYICIRO BINYURANYE BYABWO..... 11

2.1. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BY'IMBONEZAMUBANO NO MU BYA POLITIKE..... 11

2.1.1. Ibirebana n'uburenganzira bwo kubaho..... 11

2.1.2. Ibirebana n'uburenganzira bw'umwana..... 11

2.1.3. Ibirebana n'ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru..... 12

2.1.4. Amategeko yashyizweho mu mwaka w'2007..... 12

2.2. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA MU BY'UBUKUNGU, IMIBEREHO MYIZA, UMUCO, ITERAMBERE N'IBIDUKIKIJE..... 19

2.2.1. Mu rwego rw'uburenganzira ku murimo n'imibereho myiza..... 19

2.2.2. Mu rwego rw'uburenganzira bw'abafite ubumuga..... 19

2.2.3. Mu rwego rw'uburenganzira ku buzima..... 20

2.2.4. Ibirebana n'uburezi..... 20

2.2.5. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho n'inzego zinyuranye mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umugore..... 21

2.2.6. Ibirebana n'uburenganzira bw'impunzi..... 22

2.2.7. Ibirebana n'uburenganzira bw'abatahutse..... 22

III. IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2007..... 23

3.1. GUKANGURIRA NO KWIGISHA ABATURAGE B'INGERI ZOSE IBYEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [1°])..... 23

3.1.1. Gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu..... 23

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.1.2. Kwigisha Abanyarwanda uburenganzira bwa muntu..... 29

3.2. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZA LETA ZIBISHINZWE KWEMEZA AMASEZERANO MPUZAMAHANGA YITA KU BURENGANZIRA BWA MUNTU NO KUYINJIZA MU MATEGEKO IGIHUGU KIGENDERAHO (ingingo ya 4 [8°]..... 37

3.3. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZIBISHINZWE GUTANGIRA KU GIHE RAPORO ZISABWA KU MASEZERANO MPUZAMAHANGA YEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU U RWANDA RWEMEJE BURUNDU (ingingo ya 4 [12°])..... 41

3.4. GUKURIKIRANA IBIBAZO BIREBANA N'IHOHOTERWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU BYABA IBYO KOMISIYO IGEJEJWEHO CYANGWA YIMENYEYE (ingingo ya 4 [2°])..... 43

3.5. GUSURA AHAFUNGIYE ABANTU NO KUREBA KO UBURENGANZIRA BWABO BWUBAHIRIZWA (ingingo ya 4 [9°])..... 87

3.6. GUFATANYA NA KOMISIYO Z'IBINDI BIHUGU ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU, AMASHYIRAHAMWE AKORERA MU GIHUGU N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA MU BIKORWA BYO KUBAHIRIZA NO GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [11°])..... 89

3.7. IZINDI NSHINGANO KOMISIYO IHABWA N'ANDI MATEGEKO..... 97

3.8. IMIKORANIRE YA KOMISIYO N'INZEGO ZA LETA..... 99

3.9. ABAGENDEREYE KOMISIYO..... 103

3.10. GUSURA URUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA I ARUSHA..... 105

IV. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI..... 107

4.1. IBISOBANURO BY'IBANZE..... 107

4.2. ISHUSHO Y'IMARI YA KOMISIYO MU MWAKA W'2007..... 109

4.3. IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE NA LETA MU MWAKA W'2007..... 111

V. UMWANZURO N'IBYIFUZONAMA..... 123

VI. IBIKORWA BITEGANYIJWE MU MWAKA W'2007..... 125

UMUGEREKA..... 129

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

IJAMBO RY'IBANZE

Ishingiye ku ngingo y'177 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu n'Itegeko 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu nk'uko ryahinduwe n'Itegeko n° 37/2002 rya ku wa 31 Ukuboza 2002 nk'uko naryo ryahinduwe n'Itegeko n° 30/2007 ryo ku wa 6 Nyakanga 2007 rigena imitere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo yishimiye gushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko raporo yayo y'ibikorwa by'umwaka w'2007 no gushyikiriza kopi y'iyi raporo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Urukiko rw'Ikirenga na Guverinoma.

Iyi raporo iragaragaza ibikorwa byagezweho na Komisiyo mu mwaka w'2007 bijyanye n'inshingano zayo nkuru zerekeranye no guteza imbere no kurinda uburenganzira bwa muntu mu byiciro byabwo binyuranye, haba mu rwego rw'uburenganzira bwa muntu mu by'imbonezamubano na politiki no mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco, iterambere n'ibidukikije.

Ibikorwa bijyanye no guteza imbere uburenganzira bwa muntu byibanze ahanini ku biganiro n'amahugurwa byahawe ibyiciro binyuranye by'abaturarwanda hagamijwe kugira ngo barusheho kubusobanukirwa no kubuharanira. Naho ku byerekeye kurinda no kurengera uburenganzira bwa muntu, iyi raporo ya Komisiyo igaragaza ibyakozwe mu rwego rwo gukurikirana ibirego yagejejweho n'abo uburenganzira bwabo bwahutajwe n'ibibazo yakurikiranye ibyibwirije bitewe n'uburemere bwabyo. Ibyo bibazo byose yabikozeho ipereereza ndetse isaba inzego zishinzwe kubikemura kugira ngo abahohotewe basubizwe uburenganzira bwabo.

Ikindi gikorwa cy'ingenzi cyaranze imikorere ya Komisiyo ni ubufatanye bwarushijeho gutera imbere hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda na Komisiyo z'ibindi bihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu, amashyirahamwe akorera mu gihugu, imiryango mpuzamahanga n'inzego za Leta mu bikorwa byo kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu. Muri urwo rwego, Komisiyo irishimira icyizere Igihugu cyacu cyagiriwe cyakira, kikanayobora inama ya gatandatu y'Inzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yabere i Kigali kuva ku wa 8 kugeza ku wa 10 Ukwakira 2007. Iyo nama yitabiriwe n'intumwa ziturutse mu bihugu makumyabiri n'umunani, ndetse Komisiyo y'u Rwanda inatorerwa kuyobora urwego ruhuza za Komisiyo nyafurika z'Uburenganzira bwa Muntu mu gihe cy'imyaka ibiri, bityo ikaba ari imwe mu zigize biro ya Komite Mpuzamahanga ishinzwe guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu ku rwego rw'isi.

Komisiyo irishimira kandi ko mu mwaka w'2007 Leta y'u Rwanda yakomeje kwemeza amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu.

N'ubwo hari intambwe ndende yatewe mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bwa muntu mu mwaka w'2007, haracyagaragara hamwe na hamwe ibikorwa bibangamira ubwo burenganzira mu mibereho no mu migirire ya buri munsi y'abaturarwanda, akaba ari yo mpamvu, muri iyi raporo, Komisiyo igeza ku nzego nkuru z'Igihugu by'umwihariko no ku baturarwanda bose muri rusange ibyifuzonama byafasha mu kurushaho kubaka no gushimangira umuco wo kubaha uburenganzira bwa muntu mu gihugu cyacu.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yongeye gushimira Leta y'u Rwanda kubera inkunga idahwema kuyitera mu kurangiza inshingano zayo n'abaterankunga banyuranye bayifashije kugera ku bikorwa byanditse muri iyi raporo.

KAYITESI Zaïnabo Sylvie
Perezida wa Komisiyo.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

I. IRIBURIRO

Iyi raporo iragaragaza ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yagezeho mu mwaka w'2007 bijyanye n'inshingano ihabwa n'ingingo y'177 y'Itegeko Nshinga ryo ku wa 4 Kamena 2003 n'Itegeko 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu nk'uko ryahinduwe n'Itegeko n° 37/2002 rya ku wa 31 Ukuboza 2002 nk'uko naryo ryahinduwe n'Itegeko n° 30/2007 ryo ku wa 6 Nyakanga 2007 rigena imitere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Muri ibyo bikorwa, harimo ibijyanye no guteza imbere uburenganzira bwa muntu n'ibyerekeranye no kuburinda, kuburengera no gukurikirana iyubahirizwa ryabwo mu gihugu hose.

Ibikorwa by'ingenzi byakozwe mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu bishingiye ahanini ku mahugurwa n'ibiganiro ku burenganzira bwa muntu byahawe ingeri zinyuranye z'abaturarwanda.

Mu bijyanye n'ibikorwa byo kurinda no kurengera uburenganzira bwa muntu, mu mwaka w'2007, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakiriye ibirego igihumbi na mirongo itanu na bitanu (1055) hakaba hari n'ibirego 267 byari byarayigejejweho mbere y'uwo mwaka.

Mu birego 1055 byagejejwe kuri Komisiyo mu mwaka w'2007, 87 ntibyakiriwe kubera ko bitari byujuje ibisabwa, naho ibirego 128, Komisiyo yagiriye inama abayibigejejeho kubanza kubigeza ku nzego zifite inshingano zo kubikemura. Ibirego ijana na mirongo itandatu na bine (164) byageze kuri Komisiyo mu mpera z'umwaka, bikaba byari bimaze gukorerwa isesengura, ariko bitarakorerwa amaperereza. Ibirego bisigaye, ni ukuvuga magana atandatu na mirongo irindwi na bitandatu (676) byarakiriwe, birasesengurwa kandi birakurikiranwa.

Muri rusange, mu mwaka w'2007, Komisiyo yakoze isesengura ry'ibirego igihumbi na magana atatu na makumyabiri na bibiri (1322), ni ukuvuga ibyo yagejejweho muri uwo mwaka hiyongereyeho ibirego magana abiri na mirongo itandatu na birindwi (267) byari bitarakemuka mu mpera z'umwaka w'2006. Muri ibyo birego, ibyakurikiranywe ni 943. Muri byo hakemutse 453, ni ukuvuga 48,03 %**.** Nyuma y'amaperereza yakozwe, ibirego 229 (24,28 %) byashyikirijwe inzego zishinzwe kubikemura, Komisiyo ikaba ikomeza gukurikiranira hafi ikemurwa ryabyo. Ibindi 261 (27,67 %) biracyakorwaho amaperereza.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibirego byose uko ari 1.055 byageze kuri Komisiyo mu mwaka w'2007. Nyuma y'isesengura ryakozwe na Komisiyo, habonetsemo ibitarakiriwe, ibyo Komisiyo yasanze ari ngombwa ko byoherererezwa inzego zishinzwe kubikemura, ibindi irabikurikirana birakemuka, hakaba hari n'ibyo igikurikirana.

Imbonerahamwe I : Ibirego bitakiriwe, ibyoherejwe mu zindi nzego, ibyageze muri Komisiyo umwaka w'2007 urangira n'ibyakurikiranwe ugereranyije n'ibirego byose byakiriwe mu mwaka w'2007.



Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo ibirego Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2007 byakemutse.

Imbonerahamwe III : Ibirego byakemutse, ibyohererejwe izindi nzego n'ibigikorwaho ipererezа ugereranyije n'umubare w'ibirego byakurikiranwe mu mwaka w'2007.



PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo ibibazo Komisiyo yagejejweho byaketse mu mwaka w'2007 ugereranyije n'umwaka w'2006.

Imbonerahamwe IV : Ikigereranyo cy'ibirego byakemutse n'ibitarakemutse mu mwaka w'2006 n'uw'2007.



*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

II. IBYARANZE U RWANDA MU BIREBANA NO GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BYICIRO BINYURANYE BYABWO

2.1. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BY'IMBONEZAMUBANO NO MU BYA POLITIKE

2.1.1. Ibirebana n'uburenganzira bwo kubaho

Ku birebana n'uburenganzira bwa kubaho, hashyizweho Itegeko Ngenga n° 31/2007 ryo ku wa 25 Nyakanga 2007 rikuraho igihano cyo kwicwa.

2.1.2. Ibirebana n'uburenganzira bw'umwana

Mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana, hakozwe ibikorwa bikurikira :

- Hashyizweho gahunda yo kuvana abana b'inzererezi mu muhanda no kubasubiza mu buzima busanzwe, ikaba yaremejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 25 Nyakanga 2007. Iyo Nama y'Abaminisitiri yemeje na none Iteka rya Perezida wa Repubulika rishyiraho Ibigo Ngororamuco by'abana ;

- Kuva ku wa 30 kugeza ku wa 31 Nyakanga 2007, i Kigali habereye Inama Nkuru ya gatatu y'Abana. Insanganyamatsiko y'umwaka w'2007 igira iti : « Umwana muri Gahunda y'Amajyambere Rusange y'Umurenge » yitabiriwe n'abana batorewe guhagararira abandi muri buri Murenge. Iyi nsanganyamatsiko ijyanye na gahunda y'Igihugu yitwa EDPRS[1], ni ukuvuga « Gahunda yo kurwanya ubukene hagamijwe iterambere mu bukungu ». Iyo nama ya gatatu y'abana yari igamije guzuzuma ko ibitekerezo by'ingenzi by'abana byagaragajwe muri iyo nama byitaweho bikinjizwa muri gahunda ya EDPRS ;

- Guhera ku wa 15 kugeza ku wa 16 Werurwe 2007, i Kigali habereye inama mpuzamahanga yari igamije kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana yatumiwe na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ikaba yarahuje intumwa ziturutse muri Tanzanie, Kenya, Uganda na Etiyopiya. Abari muri iyo nama barebeye hamwe uburyo bwo gutegura politiki y'Igihugu yo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana.

- Mu rwego rwo kwizihiza umunsi w'umwana w'umunyafurika, ubusanzwe wizihizwa ku wa 16 Kamena, n'umunsi mpuzamahanga wo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana, usanzwe wizihizwa ku wa 12 Kamena, iyo minsi yombi yizihirijwe rimwe. Ni muri urwo rwego kuva ku wa 11 kugeza ku wa 15 Kamena 2007, habaye icyumweru kigamije kuzirikana ibibazo abana bahura na byo ;

[1] Economic Development and Poverty Reduction Strategy

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Ku birebana n'uburenganzira bw'umwana ku buzima, ibikorwa binyuranye byagezweho, birimo no kubarinda icyorezo cya SIDA. Umubare w'ibigo bitanga inama, bigapima, bikanatanga imiti igabanya ubukana bwa VIH/SIDA ku babyeyi banduye kugira ngo bongererwe amahirwe yo kubyara abana batanduye wavuye kuri 285 mu mwaka w'2006, ugera kuri 338 mu kwezi k'Ukwakira 2007. Umubare w'abana banduye bafataga imiti igabanya ubukana bwa SIDA, wavuye ku 1.314 mu mwaka w'2006 ugera ku 3.892[2] mu mwaka w'2007.

- Hashyizweho gahunda y'Igihugu y'imyaka 5 (guhera mu mwaka w'2007 kugeza mu mwaka w'2011) y'ibikorwa yerekeye imfubyi n'abandi bana bugarijwe n'ibibazo. Muri abo bana bugarijwe n'ibibazo, harimo n'abana bafite ubumuga.

2.1.3. Ibirebana n'ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru.

Mu mwaka w'2007, hateguwe umushinga w'itegeko rigenga itangazamamakuru n'umushinga w'itegeko rigenga Inama Nkuru y'Itangazamakuru ikaba isuzumwa n'Inteko Ishinga Amategeko.

Ibinyamakuru bitatu (3) bishya byahawe uburenganzira bwo gukora, « Isangano », « Umuganda » n' « Izuba » byahawe uburengnzira bwo gukora.

Ku maradiyo 14 yari yemerewe gukorera mu Rwanda kugeza mu mwaka w'2006, hiyongereyeho indi radiyo imwe yitwa « Voice of Africa, Kigali FM » yemerewe mu mwaka w'2007.

Kuva ku wa 13 kugeza ku wa 15 Werurwe 2007, i Kigali habereye Inama Mpuzamahanga ifite insanganyamatsiko ivuga ku « Kugenzura imikorere y'itangazamakuru : Kugenzura itangazamakuru no kwisuzuma / Monitoring des Médias : régulation et autorégulation » yahuje ibihugu cumi by'Afurika yo hagati.

2.1.4. Amategeko yashyizweho mu mwaka w'2007

A. Mu rwego rw'Ubutabera

Mu mwaka w'2007, hashyizweho Itegeko Ngenga n'amategeko yerekeye uburenganzira bwa muntu akurikira :

- Itegeko Ngenga n° 10/2007 ryo ku wa 1 Werurwe 2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19 Kamena 2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu.

Iryo Tegeko Ngenga rigamije guha Inkiko Gacaca ububasha bwo gukomeza gukora hakurikijwe imiterere y'inzego nshya z'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda nk'uko iteganywa n'itegeko Ngenga n° 29/2005 ryo ku wa 31 Ukuboza 2005.

[2] Iyi mibare yatanzwe na TRAC ku wa 11 Mutarama 2008

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Iby'ingenzi bigaragara muri iryo Tegeko Ngenga ni uko umubare w'abagize inteko y'Urukiko Gacaca wagabanyijwe, ubu Inteko y'Ukiko Gacaca ikaba igizwe n'abantu barindwi n'abasimbura babiri kandi rigateganya ko kugira ngo Inteko y'Urukiko Gacaca iterane mu buryo bwemewe n'amategeko hagomba kuba hari nibura abantu batanu mu bayigize. Ibi byari bigamije kongera umubare w'Inteko z'Inkiko Gacaca kugira ngo imanza zihutishwe.

Ikindi kintu gishya kigaragara muri iryo Tegeko Ngenga ni uko ibihano byahinduwe.

- Itegeko n° 46/2007 ryo ku wa 11 Nzeri 2007 rigenga abacamanza n'abakozi b'Inkiko.

Iryo Tegeko rigamije gushyiraho abacamanza n'abanditsi bo mu nkiko z'ubucuruzi nyuma y'uko hashyizweho itegeko rishyiraho Inkiko z'Ubucuruzi.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, itegeko rishyiraho Inkiko z'Ubucuruzi n'andi mategeko ngenga n'amategeko yavuguruwe mu rwego rwo kuyahuza naryo yari yaramaze gutorwa n'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, yarashyikirijwe Serivisi za Minisitiri w'Intebe zishinzwe Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo atangazwe. Ayo mategeko ni aya akurikira :

- Itegeko rishyiraho inkiko z'ubucuruzi.

Iryo Tegeko rigamije kwihutisha imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi kandi zikaburanishwa n'abacamanza babifitiye ubumenyi bwihariye.

- Itegeko ngenga rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Inkiko.

Iryo Tegeko Ngenga ryaravuguruwe kugira ngo ryongere inkiko z'ubucuruzi ku mubare w'inkiko zihariye.

- Itegeko ngenga rishyiraho kandi rigena imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga.

Iryo Tegeko ryaravuguruwe kugira ngo riteganye uburyo imanza ziciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi zijuririrwa mu Rukiko rw'Ikirenga.

- Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Iryo Tegeko ryaravuguruwe kugira ngo riteganye uburyo bwo kuburanisha imanza z'ubucuruzi.

B. Andi mategeko ngenga n'amategeko yashyizweho

- Itegeko Ngenga n° 19/2007 ryo ku wa 4 Gicurasi 2007 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga n° 16/2003 ryo ku wa 27 Kamerna 2003 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Iryo Tegeko Ngenga rigamije gushimangira ubwisanzure bw'inzego z'ubuyobozi bw'imitwe ya politiki rigena icyicaro cyayo ku rwego rw'Igihugu.

Riteganya kandi ko inzego z'ubuyobozi bw'imitwe ya politiki zishobora kugira icyicaro cy'ubuyobozi ku nzego zose z'imitegekere y'Igihugu.

Rishimangira na none ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo bigomba kugaragara buri gihe mu mutwe wa politiki haba mu gushaka abayoboke, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byawo.

- Itegeko Ngenga n° 31/2007 ryo ku wa 25 Nyakanga 2007 rikuraho igihano cyo kwicwa.

  Iryo tegeko ngenga rigamije ivanwaho ry'igihano cyo kwicwa.

- Itegeko n° 11/2007 ryo ku wa 16 Werurwe 2007 rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi Bihugu.

Iryo tegeko ngenga rigena kwimurira muri Repubulika y'u Rwanda imanza zivuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda n'izivuye mu bindi bihugu n'ibindi bibazo bijyana n'iryo yimurwa.

Iryo tegeko ngenga rinagena uburyo ibimenyetso byakusanyijwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda byakirwa mu manza ziburanishwirizwa mu Rwanda mu Rukiko rubifitiye ububasha.

- Itegeko n° 01/2007 ryo ku wa 20 Mutarama 2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange.

Iryo tegeko rigamije guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga. Riha, mu ngingo yaryo ya 10, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu inshingano yo guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'ufite ubumuga bwubahirizwa.

- Itegeko n° 02/2007 ryo ku wa 20 Mutarama 2007 rirengera abari ingabo bamugariye ku rugamba.

Iryo tegeko rigamije kurengera by'umwihariko abamugariye ku rugamba kugira ngo imibereho yabo irusheho kuba myiza.

- Itegeko n° 06/2007 ryo ku wa 1 Gashyantare 2007 rigena imiterere n'imikorere ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta.

- Itegeko n° 18/2007 ryo ku wa 19 Mata 2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Iryo tegeko riteganya ko Leta ari yo yonyine ishobora gutegeka kwimura abantu ku mpamvu z'ibikorwa by'inyungu rusange kandi habanje gutangwa indishyi ikwiye.

Riteganya kandi ko ku bwumvikane bw'uwimura n'uwimurwa, indishyi ikwiye ishobora kuba amafaranga, ubundi butaka, inyubako cyangwa ibindi bikorwa bihwanye n'indishyi ikwiye yabaruwe mu mafaranga kandi ko kugira ngo iyimurwa ryemerwe, iyo ndishyi ihabwa uwimurwa mbere y'uko yimuka.

Riteganya na none ko indishyi ikwiye yemejwe na Komisiyo y'ubutaka yishyurwa mu gihe kitarenze iminsi ijana na makumyabiri (120) uhereye igihe iyo ndishyi ikwiye yemerejwe. Iyo birenze icyo gihe, iyimurwa riba ritaye agaciro keretse uwimurwa n'uwimura babyiyumvikaniye.

Mu rwego rwo kurengera imibereho y'abaturage, itegeko riteganya ko agaciro k'ubutaka n'agaciro k'ibikorwa byakorewe ku butaka bwimurwaho abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, bibarwa hitawe ku ngano, imiterere yabyo n'aho bihereye kandi hashingiwe ku biciro biri ku isoko.

- Itegeko n° 27/2007 ryo ku wa 27 Kamena 2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Ubwishingizi bw'Indwara ku Bakozi (RAMA).

- Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho n'imiterere y'amakoperative mu Rwanda.

Iryo tegeko rigamije guteza imbere uburenganzira bwo kwishyirahamwe bw'imiryango y'abantu ku giti cyabo cyangwa y'ibigo bifite ubuzima gatozi hagamijwe gukorera hamwe ibikorwa biteza imbere abishyize hamwe.

C. Amasezerano mpuzamahanga.

Hashyizweho amategeko yemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga n'Amateka ya Perezida wa Repubulika yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga akurikira.

Amategeko yemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga ni akurikira:

- Itegeko n° 41/2007 ryo ku wa 10 Nzeri 2007 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga ashyiraho Ikigo Nyafurika Cyita ku Bantu Bafite ubumuga, yashyiriweho umukono Addis Abeba muri Etiyopiya ku wa 15 Nyakanga 1985.

- Itegeko n° 47/2007 ryo ku wa 11 Nzeri 2007 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano ku mutekano, amahoro n'Iterambere mu Karere k'Ibiyaga Bigari, yashyireweho umukono i Naîrobi muri Kenya ku wa 15 Ukuboza 2006.

- Itegeko n° 48/2007 ryo ku wa 11 Nzeri 2007 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano y'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe yerekeye kudashoza intambara no gutabarana, yashyiriweho umukono Abuja muri Nijeriya ku wa 31 Mutarama 2005.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Itegeko n° 54/2007 ryo ku wa 20 Ugushyingo 2007 ryemerera kwemeza burundu ivugururwa ry'amasezerano ashyiraho Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, ryashyiriweho umukono Arusha ku wa 20 Kanama 2007.

- Itegeko n° 29/2007 ryo ku wa 27 Kamena 2007 ryemerera kwemeza burundu Amasezerano yerekeye iyinjizwa rya Repubulika y'u Rwanda mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba yashyiriweho umukono i Kampala muri Uganda ku wa 18 Kamena 2007.

Amateka ya Perezida wa Repubulika yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga ni akurikira:

- Iteka rya Perezida wa Repubulika n° 21/01 ryo ku wa 14 Kamena 2007 ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Nyafurika y'Urubyiruko.

- Iteka rya Perezida wa Repubulika n° 04/01 ryo ku wa 2 Mata 2007 ryemeza burundu Amasezerano ashyiraho Ikigo kabuhariwe Gishinzwe Gucunga Ibiza mu Karere k'Ibiyaga Bigari n'Ihembe ry'Afurika, yashyireweho umukono i Nairobi (Kenya) ku wa 15 Kanama 2005.

Hagiyeho kandi Amateka ya Perezida wa Repubulika yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu Komisiyo yari yibukije Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu ibaruwa n° CRDH/414/07 yo ku wa 20 Kanama 2007 ko yemezwa burundu.

Ayo mateka ni akurikira :

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibabaza umubiri n'ubwenge kandi bitesha umuntu agaciro, yashyiriweho umukono i New York ku wa 10 Ukuboza 1984 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu umugereka wa kabiri ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki werekeye ivanwaho ry'igihano cyo kwicwa, washyiriweho umukono i New York ku wa 15 Ukuboza 1989 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Guca Burundu Ikandamizwa ry'Abagore iryo ari ryo ryose yashyiriweho umukono i New York ku wa 6 Ukwakira 1999.

Hagiyeho na none Amateka ya Perezida wa Repubulika yemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu akurikira :

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza burundu Amasezerano yo kurwanya ibyongerambaraga bitemewe mu mikino ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano yerekeye guca cyangwa kugabanya ikoreshwa rya zimwe mu ntwaro zisanzwe zirangwa no gutera ibikomere

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

bikabije cyangwa se kugira ingaruka ku bantu bose , yashyiriweho umukono i Genève ku wa 10 Ukwakira 1980 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurinda abana n'ubufatanye mu byerekeye « adoption » mpuzamahanga, yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993.

Hagiyeho na none Amateka ya Perezida wa Repubulika akuraho ukwifata kwari kwarakozwe ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu Komisiyo yari yaragaragaje mu ibaruwa n° CRDH/0472/05 yo ku wa 12 Kanama 2005 yandikiwe Perezida wa Repubulika.

Ayo mateka ni akurikira :

- Iteka rya Perezida wa Repubulika rikuraho ukwifata ku ngingo ya 13 yerekeye Uburenganzira mu by'Ubukungu, mu by'imibereho Myiza no mu by'umuco yashyiriweho umukono i New York ku wa 16 Ukuboza 1966 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika rikuraho ukwifata ku ngingo ya 22 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukuraho ivanguramoko iryo ari ryo ryose, yashyiriweho umukono i New York ku wa 21 Ukuboza 1965 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika rikuraho ukwifata ku ngingo ya 9 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside, yashyiriweho umukono i New York ku wa 9 Ukuboza 1948.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

2.2. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA MU BY'UBUKUNGU, IMIBEREHO MYIZA, UMUCO, ITERAMBERE N'IBIDUKIKIJE.

2.2.1. Mu rwego rw'uburenganzira ku murimo n'imibereho myiza

Hashyizweho Itegeko n° 06/2007 ryo ku wa 1 Gashyantare 2007 rigena imiterere n'imikorere ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta.

2.2.2. Mu rwego rw'uburenganzira bw'abafite ubumuga

Mu birebana n'uburenganzira bw'abafite ubumuga, hashyizweho amategeko akurikira :

- Itegeko n° 01/2007 ryo ku wa 20 Mutarama 2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange.

Iryo tegeko rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange. Mu ngingo yaryo ya 10 , iryo tegeko riha Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu inshingano yo gukurikirana ku buryo bw'umwihariko ibibazo by'abafite ubumuga.

- Itegeko n° 02/2007 ryo ku wa 20 Mutarama 2007 rirengera abari ingabo bamugariye ku rugamba.

Iryo tegeko rigamije kurengera by'umwihariko abamugariye ku rugamba kugira ngo imibereho yabo irusheho kuba myiza.

Hashyizweho na none amateka ya Perezida wa Repubulika arebana n'abantu bafite ubumuga :

- Iteka rya Perezida wa Repubulika n° 41/01 ryo ku wa 6 Ugushyingo 2007 rigena amafaranga yo gutunga uwari ingabo wamugariye ku rugamba utishoboye ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika n° 42/01 ryo ku wa 6 novembre 2007 rigena ahandi ibigenerwa abari ingabo bamugariye ku rugamba bituruka.

Hanashyizweho Iteka rya Minisitiri n° 010/07.01 ryo ku wa 12 Ukwakira 2007 rishyiraho amabwiriza agenga impuzamashyirahamwe, amashyirahamwe n'ibigo byita ku bafite ubumuga. Ni muri urwo rwego, guhera ku wa 16 kugeza ku wa 18 Ukwakira 2007, habaye amatora y'abahagarariye abafite ubumuga hagamijwe ko nabo bagira uruhare ku miyoborere y'Igihugu no mu iterambere ryacyo. Hatowe abantu 30 nabo bazitoramo abakandida 2 bazashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko, nayo igatora umuntu umwe uzahagararira abandi mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Ibihugu bigize Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.

Ku wa 9 Mutarama 2007, habaye inama yahuje Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze n'abayobozi ba za Kaminuza za Leta. Mu byavuye muri iyo nama, harimo icyemezo cy'uko abana 23 bafite ubumuga barangije amashuri yisumbuye bazoherezwa muri Kaminuza. Hemejwe ko abana 8 batabona n'umwana umwe udafite amaboko wandikisha amano boherezwa kwiga mu Ishuri Rikuru Nderabarezi

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

(KIE[1]), abandi 9 batabona bakoherezwa muri Kaminuza y'u Rwanda (UNR[2]), na 4 batumva bakoherezwa kwiga mu Ishuri Rikuru ry'Ubuvuzi (KHI[3]). Hashyizweho n'uburyo bwihariye bubafasha kwiga nk'abandi.

2.2.3. Mu rwego rw'uburenganzira ku buzima

Mu rwego rw'uburenganzira ku buzima, hakozwe ibikorwa binyuranye bigamije kurwanya ibyorezo nka malariya na VIH/SIDA byagezweho mu mwaka w'2007.

- **Malariya**

Mu mwaka w'2006, mu Turere twose two mu Gihugu hatanzwe inzitiramibu 8.658.351 ku baturage. Iyo mibare yariyongereye mu mwaka w'2007 kuko abaturage bahawe inzitiramibu 8.900.785.

Mu rwego rwo kurwanya malariya na none, mu gihe cy'ibyumweru icyenda, ni ukuvuga guhera ku wa 13 Kanama 2007 kugeza ku wa 13 Ukwakira 2007, mu Turere dutatu two mu Mujyi wa Kigali tw'icyitegererezo, hatewe umuti urwanya imibu. Ingo zaterewe umuti mu Karere ka Nyarugenge ni 43.673, mu Karere ka Kicukiro ni ingo 42.928, naho mu Karere ka Gasabo zikaba ingo 72.456.

- **VIH/SIDA**

Kugeza mu kwezi k'Ukwakira 2007 ibigo bipima bikanatanga inama kuri VIH/SIDA byari bimaze kugera kuri 314. Ugereranyije n'umwaka w'2006, umubare w'ibigo byiyongereye ni 64.

Guhera mu kwezi kwa Mutarama kugeza mu kwezi k'Ukwakira 2007, umubare w'abantu bagiriwe inama bakanipimisha agakoko gatera SIDA muri uyu mwaka ni 603.697, muri abo; abanduye agakoko gatera SIDA ni 30.711.

Kugeza mu kwezi k'Ukwakira 2007, umubare w'ibigo nderabuzima n'ibitaro bitanga imiti igabanya ubukana bwa SIDA ni 173, hakaba hariyongereyeho ibigo 44 ugereranyije n'umwaka w'2006.

Kuva gahunda yo guha imiti igabanya ubukana ababana n'agakoko ka SIDA itangiye kugeza mu kwezi k'Ukwakira 2007, umubare w'abantu bakuru banduye bafataga iyo miti bose hamwe ni 41.701. Abiyongereye kuva mu mwaka w'2006 kugeza mu kwezi k'Ukwakira k'umwaka w'2007 ni 12.768.

2.2.4. Ibirebana n'uburezi

Mu birebana n'uburezi mu mashuri abanza n'ayisumbuye, imibare igaragaza ko bugenda butera imbere ugereranyije no mu myaka yashize.

[1] KIE : Kigali Institute of Education / Ishuri Rikuru Nderabarezi rya Kigali
[2] UNR : Université Nationale du Rwanda
[3] KHI : Kigali Health Institute

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Icyiciro cy'amashuri abanza**

Mu mwaka w'2006, abana bagiye mu mashuri abanza bari 2.019.991. Mu mwaka w'2007, uwo mubare wariyongereye ugera kuri 2.150.430. Muri uwo mwaka, umubare w'abanyeshuri b'abahungu wari 1.058.026 (49,2%), uw'abakobwa ukaba 1.092.404 (50,8%).

Ibigo by'amamashuri abanza byariyongereye kuko mu mwaka w'2006 byari 2.323, naho mu mwaka w'2007 biba 2.370.

Umubare w'abarimu bigisha icyo cyiciro nawo wariyongereye kuko wavuye ku barimu 28.474 mu mwaka w'2006 ukajya ku barimu 29.059 mu mwaka w'2007. Umubare w'abarimu bafite impamyabushobozi wavuye ku barimu 27.795 mu mwaka w'2006 ugera ku 28.508 mu mwaka w'2007. Ariko na none ikigereranyo cy'umubare w'abanyeshuri ku mwarimu cyavuye ku bana 70,9 mu mwaka w'2006 kijya ku bana 74 mu mwaka w'2007. Ibi bigaragaza ko iki cyiciro cy'amashuri kigikeneye abandi barimu benshi kandi bafite impamyabushobozi.

- **Icyiciro cy'amashuri yisumbuye**

Umubare w'abanyeshuri bagiye mu mashuri yisumbuye wavuye ku 140.530 mu mwaka w'2006, ugera ku 156.375 mu mwaka w'2007.

Umubare w'abanyeshuri b'abakobwa biga mu bigo bya Leta wavuye ku 62.546 mu mwaka w'2006 ugera ku 70.288 mu mwaka w'2007, naho umubare w'abanyeshuri bo mu mashuri yigenga wavuye ku 51.226 mu mwaka w'2006 ugera 56.531 mu mwaka w'2007.

Ku byerekeranye n'abarimu bafite impamyabushobozi, umubare wabo wavuye ku 4.082 mu mwaka w'2006 ugera ku 6.458 mu mwaka w'2007. Ikigereranyo cy'umubare w'abanyeshuri ku mwarimu cyavuye ku banyeshuri 32 ku mwarimu mu mwaka w'2006 kigera kuri 22,2 ku mwarimu mu mwaka w'2007.

2.2.5. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho n'inzego zinyuranye mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umugore.

Mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'Umugore, ibikorwa binyuranye byagezweho. Ibyo bikorwa ni ibi bikurikira :

Hashyizweho Itegeko n° 51/2007 ryo ku wa 20 Nzeri 2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu (Gender Observatory Committee).

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iyubahirizwa ry'ubwo burenganzira, Leta y'u Rwanda yakoze raporo ikubiyemo amaraporo atatu (iya 4, iya 5 n'iya 6) ku ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ikandamizwa ry'abagore iryo ari ryo ryose. Iyo raporo y'Igihugu yo mu kwezi kwa Nyakanga yoherejwe Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe kurwanya ikandamizwa ry'abagore.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo**

Hashingiwe ku makuru yavuye muri Polisi y'Igihugu, iki kibazo cyaragabanutse mu mwaka w'2007 ugereranyije n'indi myaka. Ku birebana n'ibyaha byo gusambanya ku gahato ku bantu bari hejuru y'imyaka 18, kugeza mu kwezi k'Ugushyingo 2007, Polisi yagejejweho ibirego 491, mu gihe mu mwaka w'2006 yari yakiriye ibirego bigera kuri 597.

Hashyizweho kandi gahunda yo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore hanasabwa ko inzego z'ibanze zabishyira mu mihigo yazo.

2.2.6. Ibirebana n'uburenganzira bw'impunzi

Impunzi z'abanyamahanga zabarirwaga mu Rwanda kugeza ku wa 21 Ugushingo 2007 zari 53.216, zikomoka cyane cyane mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda.

Mu rwego rwo kurengera uburenganzira bwazo, Leta y'u Rwanda ifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi izifasha mu bikorwa binyuranye birimo : kuzishakira amacumbi, amazi, isuku, ibiribwa n'ibikoresho by'ibanze, umutekano, uburezi, ubuvuzi no kuziha sitati y'ubuhunzi n'ibyangombwa by'impunzi.

Mu rwego rwo kurinda no kurengera uburenganzira bw'impunzi kandi, guhera ku wa 8 kugeza ku wa 10 Ukwakira 2007, i Kigali habereye Inama ya 6 yahuje Inzego za Komisiyo Nyafurika z'Uburenganzira bwa Muntu zishinzwe guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu. Iyo nama yahuje abahagarariye Inzego 28 z'Afurika z'uburenganzira bwa muntu n'abandi bantu bahagarariye Imiryango itegamiye kuri Leta ishinzwe kurinda no kurengera uburenganzira bwa muntu.

Insanganyamatsiko y'inama yari « Uruhare rw'Inzego z'Ibihugu by'Afurika zishinzwe uburenganzira bwa muntu mu kurengera impunzi, abantu bakuwe mu byabo n'abadafite ubwenegihugu muri Afurika ».

Inama ya 6 yarangiye hakozwe « Itangazo rya Kigali ry'Inzego z'Ibihugu bya Afurika z'uburenganzira bwa muntu » rikubiyemo ibyo izo nzego ziyemeje gukora mu birebana no kurengera uburenganzira bw'impunzi, abantu bakuwe mu byabo n'abadafite ubwenegihugu.

2.2.7. Ibirebana n'uburenganzira bw'abatahutse

Mu mwaka w'2007, hari abanyarwanda 15.411 batahutse baturutse mu bihugu bya Tanzaniya, Uganda, Kongo na Malawi. Umubare munini ni uw'abaturutse bava muri Tanzaniya. Muri abo banyarwanda batahutse, 6.704 basubiye mu miryango yabo, abandi 8.974, ni ukuvuga imiryango 2.406, batujwe ahantu 20 hatandukanye. Abatujwe bishyuriwe amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza (mutuelle de santé).

Abanyarwanda batahuka bahabwa ibiribwa bizabatunga mu gihe cy'amezi atandatu n'ibikoresho by'ibanze, hanyuma bakajyanwa mu Turere bakomokamo, bagasubizwa mu buzima busanzwe hakurikijwe gahunda za Leta.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

III. IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2007

3.1. GUKANGURIRA NO KWIGISHA ABATURAGE B'INGERI ZOSE IBYEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [1°])

Mu mwaka w'2007, mu rwego rwo kwigisha no gukangurira abaturarwanda b'ingeri zose ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze amahugurwa n'ibiganiro ku byiciro binyuranye by'abaturage.

3.1.1. Gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu

Igikorwa cyo gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu cyibanze ku biganiro ku burenganzira bwa muntu ibinyujije ku maradiyo no mu binyamakuru n'inyigisho zahawe abantu b'ingeri zinyuranye.

3.1.1.1. Ibiganiro byahawe abantu b'ibyiciro binyuranye

Inyigisho ku burenganzira bwa muntu zahawe ibyiciro by'abaturarwanda bikurikira :

A. Abanyeshuri n'abarimu

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje guteza imbere uburenganzira bwa muntu mu mashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza. Ku butumire cyangwa ibyibwirije, Komisiyo yatanze ibiganiro ku banyeshuri n'abarimu b'amashuri abanza, ayisumbiye, ku bitegura kujya muri Kaminuza no ku banyeshuri ba Kaminuza.

Uko ibiganiro byatanzwe, biragaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira :

Akarere	Itariki	Abahawe ibiganiro	Umubare
Rutsiro	20 - 22/4/2007	Abarimu bo mu mashuri abanza	1.007
	2 - 3/8/2007	Abayobozi n'abarezi bo mu mashuri yisumbuye	223
Nyamagabe	28/5 - 1/6/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	7.000
Rubavu	21 – 25/5/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	5 251
Nyabihu	1 - 4/6/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	8.924
Ngororero	18 - 22/6/2007	Abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye	5.314
Gicumbi	18 - 22/6/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	7.492
Kamonyi	18 - 21/6/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	1.506

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Nyaruguru	26 - 29/6/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	4.029
Burera (NKumba)	21/6/2007	Abanyeshuri bitegura kujya muri Kaminuza	840
	27/7/2007	Abanyeshuri bitegura kujya muri Kaminuza	690
	25/8/2007	Abanyeshuri bitegura kujya muri Kaminuza	831
	20/11/2007	Abanyeshuri bitegura kujya muri Kaminuza	650
Kirehe	27 - 31/7/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	3.481
Gakenke	3 - 7/9/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	8.425
Ruhango	3 - 13/9/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	10.901
Ngoma	4 - 14/9/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	5.249
Gasabo	17 - 21/9/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	6.621
Kayonza	18 - 21/9/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	7.869
Rusizi	24/9 - 1/10/2007	Abanyeshuri n'abarimu bo mu mashuri yisumbuye	8.812
Nyabihu	13 - 16/11/2007	Abarimu bigisha mu mashuri abanza	1.137
BOSE HAMWE			**96.029**

Muri buri cyiciro, ibiganiro byatanzwe byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Inyigisho y'ibanze y'uburenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana.

B. Abitandukanyije n'abacengezi

Mu mwaka w'2007, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe gusubiza mu buzima busanzwe ingabo zavuye ku rugerero, yatanze ibiganiro ku burenganzira bwa muntu ku bantu bari abacengezi. Ibiganiro byatangiwe i Mutobo, mu Karere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, ku matariki anyuranye, bihabwa abantu 306.

Hatanzwe ibiganiro bikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;
- Igihugu, ubwenegihugu, uburenganzira n'inshingano zibukomokaho ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Amasezerano mpuzamahanga yo gukumira no guhana icyaha icyaha cya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu n'amategeko y'u Rwanda ahana ibyo byaha ;
- Amasezerano mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose n'itegeko ry'u Rwanda rihana icyaha cy'ivangura no gukurura amacakubiri.

C. Abaturage bahawe ibiganiro mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 13 abazize jenoside

Mu gihe cyo kwibuka inzirakarengane zazize jenoside yo mu 1994, Komisiyo yatanze ibiganiro mu Mirenge ya Kinyinya na Runda ku matariki ya 11 na 12 Mata 2007. Ibyo biganiro byahawe abaturage 344. Ni muri urwo rwego kandi Komisiyo yatanze ibiganiro ku rubyiruko rw'Abayisilamu 250 b'i Nyamirabo, ku wa 21 Mata 2007. Ibi biganiro byabereye mu cyumba cy'inama cya Centre Islamique.

Hatanzwe ibiganiro bikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;
- Jenoside, ingaruka zayo n'amategeko ayihana.

D. Abagize amashyirahamwe anyuranye

Ku wa 20 Gashyantare 2007, Komisiyo yatanze ibiganiro ku burenganzira bwa muntu byari bigenewe abahagarariye urubyiruko rwa Diyosezi ya Kabgayi 31 mu mahugurwa yari yateguwe na Diyosezi ku nkunga ya Serivisi y'Abadage ishinzwe Amajyambere (DED).

Hatanzwe ibiganiro bikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;
- Amasezerano mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ;
- Amasezarano mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu mu by'imbonezamubano no mu bya politiki.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze kandi ibiganiro ku banyamuryango 38 b'ishyirahamwe RUYAAC-KADOGO bo mu Turere twa Ruhango, Muhanga, mu mahugurwa yateguwe na Komisiyo y'Ubumwe n'ubwiyunge. Ibyo biganiro byatanzwe ku wa 13 Nzeri 2007, byibanda ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Inshingano, ububasha n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana n'amategeko aburengera ;
- Uburenganzira bw'umugore n'amategeko aburengera.

E. Abashinzwe umutekano

Ku wa 22 Kamena no ku wa 6 Ugushyingo 2007, ku butumire bw'Intara y'Amajyepfo, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yahaye ba « Local Defence Forces » ikiganiro ku burenganzira bwa

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

muntu mu cyumba cy'ahahoze ESO i Butare. Muri ibyo byiciro byombi hahuguwe abantu 1.480. Hatanzwe ikiganiro kivuga ku mahame remezo y'uburenganzira bwa muntu.

Komisiyo yahaye kandi ibiganiro abayobozi ba Polisi y'Igihugu n'abasirikare. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo ibyo biganiro byatanzwe :

Itariki	Aho ibiganiro byabereye	Abahawe ibiganiro	Umubare
12/7/2007	Fatima Hotel (Musanze)	Police post commanders, police stations commanders, OPJ, DJPONA, Intellligence staff	61
25/7/2007	Icyumba cy'inama cya polisi ku Kacyiru	Abayobozi ba Polisi	80
9/8/2007	Intara y'Amajyepfo (Mt Huye)		85
12/8/2007	Dereva Hôtel	"	80
20 - 24/8/2007	Hill top Hôtel (Remera)	"	32
16 - 20/7/2007	Centre Bethania	"	65
20/7/2007	Gako	"	38
2/8/2007	Nasho		1500
BOSE HAMWE			**1941**

Hatanzwe ibiganiro bikurikira :

Abayobozi ba sitasiyo za polisi n'abashinzwe iperereza bahawe ikiganiro ku nsanganyamatsiko ikurikira : « Amategeko agenga uburenganzira bwa muntu (Law of Human Rights) », havugwa ku ngingo zikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira bwa muntu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;
- Amategeko arengera uburenganzira bwa muntu mu bihe by'intambara.

Hanatanzwe kandi ikiganiro ku bayobozi bakuru ba polisi 60 ku Itegeko rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki hamwe n'imikorere yayo no ku burenganzira bwa muntu bwo kwishyira hamwe n'ubwo kugaragaza ibitekerezo.

F. Abagize itorero ry'igihugu

Ku butumire bwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Komisiyo yatanze ibiganiro ku bagize amatorero yo mu Ntara y'Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali :

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Huye : intore 440
- Nyamagabe : intore 539
- Nyanza : intore 570
- Gisagara : intore 371
- Gasabo : intore 683

Insanganyamatsiko zaganiriweho ni :

- Amateka y'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda
- Uruhare rw'Itorero mu kwirinda no kurwanya amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside.

3.1.1.2. Ibiganiro kuri radiyo zinyuranye

Mu rwego rwo gukangurira abanyarwanda uburenganzira bwa muntu, Komisiyo yakomeje gutanga ikiganiro « Uburenganzira iwacu » gihita kuri Radiyo Rwanda, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakomeje gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu itanga ibiganiro ku nsanganyamatsiko zitandukanye zigaragaza ubwo burenganzira ndetse n'ibikorwa bya Komisiyo bigamije kubuteza imbere no kuburengera.

Ibiganiro byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Jenoside ni icyaha ndengakamere kidasaza kandi gikwiye kurwanywa ku isi hose ;

- Uburezi bufite uruhare rukomeye mu guteza imbere uburenganzira bwa muntu ;

- Ubukene n'ubwigunge bidindiza imibereho y'Abatwa ;

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu n'amwe mu nkingi z'inyigisho z'abanyamadini n'abihaye Imana ;

- Inyigisho za Kiliziya Gatolika zifitanye isano nini n'inyigisho zitangwa ku burenganzira bwa muntu ;

- Uruhare rw'umuco mu guteza imbere uburenganzira bwa muntu ;

- Ibikubiye mu masezerano mpuzamahanga arwanya jenoside ;

- Amwe mu mahame remezo arengera uburenganzira bwa muntu ;

- Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu, Madamu Louise ARBOUR, yishimiye ivanwaho ry'igihano cy'urupfu mu Rwanda ;

- Incamake y'ibikubiye muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006 ;

- Komisiyo ikorana neza n'izindi nzego zishinzwe gukemura ibibazo by'abaturage ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore mu ngo ni inshingano za buri muntu ;

- Ingingo z'ingenzi zikubiye mu itegeko rigenga imicungire y'umutungo w'abashakanye, impano n'izungura ;

- Uburenganzira bw'abashakanye bwo kuzungura ku mitungo yasizwe n'umwe muri bo wapfuye ;

- Uruhare rw'inzego z'ibihugu by'Afrika zishinzwe uburenganzira bwa muntu mu kurengera impunzi, abavanywe mu byabo n'abatagira ibihugu bibemera nk'abanegihugu babyo ;

- Umuti w'ibibazo by'impunzi n'abavanywe mu byabo ugomba gushakirwa mu kibitera ;

- Uruhare rwa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu mu gukemura ibibazo by'impunzi ;

- Amwe mu masezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu u Rwanda rwashyizeho umukono mu mwaka w'2007 ni ingirakamaro ;

- Gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanaga arengera uburenganzira bwa muntu ni byiza ariko gutanga raporo z'ibikorwa mu kuyubahiriza bikaba akarusho ;

- Itangazo mpuzamahanaga ku burenganzira bwa muntu rifite ireme ryaba ishingiro mu guharanira uburenganzira n'ukwishyira ukizana bya muntu ku batuye isi;

3.1.1.3. Ibikorwa bijyanye no kwizihiza iminsi ngarukamwaka

Mu mwaka w'2007, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yagize uruhare mu kwizihiza iminsi mikuru irebana n'uburenganzira bwa muntu. Muri urwo rwego, yatanze ubutumwa bunyuranye bukangurira Abanyarwanda uburenganzira bwa muntu binyuze mu maradiyo, ku bitambaro byandikwaho ubwo butumwa no mu binyamakuru.

Iminsi ngarukamwaka yizihijwe ni iyi ikurikira :

- Umunsi mpuzamahanga w'abagore : ku wa 8 Werurwe 2007 ;
- Umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ivanguramoko : ku wa 21 Werurwe 2007 ;
- Umunsi mpuzamahanga w'umukozi : ku wa 1 Gicurasi 2007 ;
- Umunsi w'umwana w'umunyafurika : ku wa 16 Kamena 2007 ;
- Umunsi ngarukamwaka w'amasezerano mpuzamahanga yo gukumira no guhana icyaha cya jenoside : ku wa 9 Ukuboza 2007 ;
- Umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bwa muntu : ku wa 10 Ukuboza 2007.

Mu rwego rw'umunsi ngarukamwaka hibukwaho ishyirwa ry'umukono ku masezerano mpuzamahanga yo gukumira no guhana icyaha cya jenoside wizihizwa ku wa 9 Ukuboza buri mwaka, abagize Komisiyo n'abakozi bayo hamwe n'abagize « société civile » basuye inzibutso za jenoside za Nyamata na Ntarama mu Karere ka Bugesera, hagamijwe gushimangira uruhare rwa buri muturarwanda

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

mu guharanira uburenganzira bwo kubaho. Hanatanzwe udupira (T-Shirts), turiho ubutumwa bwamagana jenoside.

Na none, mu rwego rwo kwizihiza umunsi ngarukamwaka w'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, ishingiye ku nsanganyamatsiko y'Umuryango w'Abibumbye yo mu mwaka w'2007 ari yo « Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu ni inyandiko shingiro mu guharanira uburenganzira no kwishyira ukizana mu gihe abatuye isi bayisunze kandi bakayigira iyabo », Minisiteri y'Ubutabera ifatanyije na Komisiyo na CLADHO yateguye ikiganiro « kubaza bitera kumenya », cyanyuze kuri Radiyo no kuri Televiziyo ku wa 8 Ukuboza 2007. Tariki ya 10 Ukuboza 2007, umunsi wizihirijwe ku Musozi wa Jari mu Karere ka Gasabo, Minisitiri w'Ubutabera, wari umushyitsi Mukuru akaba n'intumwa ya Leta muri ibyo birori, atanga ubutumwa bugenewe Abanyarwanda. Hanatanzwe ubutumwa bwanditse ku bitambaro bimanikwa (banderoles) no ku dupira twambarwa (T-Shirts).

3.1.2. Kwigisha Abanyarwanda uburenganzira bwa muntu

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yahuguye abantu b'ingeri zinyuranye mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu : Abari mu nzego z'ibanze, abakorerabushake b'uburenganzira bwa muntu, abagize komite z'Urwego rushinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana, abagize amashyirahamwe, abahagarariye amadini anyuranye n'abandi.

A. Ababana n'ubwandu bwa SIDA bazahugura abandi

Kuva ku wa 22 kugeza ku wa 23 Gicurasi 2007, Komisiyo yahuguye abantu 48 bagomba kuzahugura abandi bo mu ishyirahamwe ry'ababana n'ubwandu bwa SIDA bo mu Karere ka Muhanga. Bahawe amasomo akurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira bwa muntu, inshingano z'umwenegihugu n'iza Leta mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;
- Amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cy'ivangura, gukurura amacakubiri na jenoside ;
- Uburenganzira bw'umwana n'amategeko aburengera ;
- Uburenganzira bwa muntu mu by'umubukungu, imibereho myiza n'umuco.

B. Abayobozi na bamwe mu bakozi b'inzego z'ibanze

Kuva ku wa 20 kugeza ku wa 21 Gashyantare 2007, Komisiyo yagize uruhare mu mahugurwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage yateguriye abayobozi b'inzego z'ibanze 93 bo mu Karere ka Burera. Ku masomo 14 yatanzwe, harimo n'irijyanye n'uburenganzira bwa muntu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

C. Abakorerabushake b'uburenganzira bwa muntu

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje guhugura abakorerabushake bayo ku rwego rw'Umurenge n'Akarere, banitoramo imboni zishinzwe kuyobora komite ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akarere zishinzwe gukurikirana by'umwihariko uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu muri rusange.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo ayo mahugurwa yakozwe :

Akarere	Aho Amahugurwa yabereye	Umubare w'abahuguwe
Karongi, Rutsiro	Karongi	**42**
Gatsibo	Kiramuruzi	**17**
Nyarugenge, Gasabo, Kicukiro	Kicukiro	**44**
Nyaruguru, Nyamagabe	Nyamagabe	**73**
Ngoma, Kirehe	Ngoma	**24**
Gisagara	Gisagara	**98**
Nyanza	Nyanza	**127**
Rubavu	Rubavu	**22**
Kayonza, Rwamagana	Rwamagana	**49**
Bugesera	Nyamata	**24**
Rulindo, Burera, Gicumbi	EER Byumba	**77**
TOTAL		**652**

Hahuguwe abakorerabushake bo mu Turere twagize umubare muto witabiriye amahugurwa yo mu Ugushyingo 2006.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ifite umukorerabushake umwe kuri buri rwego, k'urw'Umurenge no k'urw'Akarere. Bose hamwe akaba ari abakorerabushake 446.

Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana n'amategeko aburengera.

D. Abagize Komite z'Imirenge n'Uturere zishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana

Nyuma yo kwemeza intego z'urwego rushinzwe igenzura ry'iyubahirizwa rw'uburenganzira bw'umwana, abarugize, inshingano n'imiterere yarwo mu nama yabaye ku wa 7 Ukuboza 2006 yari yahuje Komisiyo n'inzego n'imiryango bitandukanye bifite mu nshingano zabyo ibirebana no kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'abana, mu mwaka w'2007, abagize za komite ku rwego rw'Umurenge n'urw'Akarere baturutse mu byiciro binyuranye baremejwe.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Kugira ngo abagize izo Komite bazashobore gutunganya neza inshingano zabo, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, ibitewemo inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF), yabateguriye amahugurwa ku burenganzira bwa muntu muri rusange no ku burenganzira bw'umwana by'umwihariko. Ni muri urwo rwego, mu Ntara zose z'Igihugu n'Umujyi wa Kigali habereye amahugurwa y'abagize Komite z'Urwego rushyinzwe igenzura ry`iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana (Observatoire des Droits de l'Enfant) ku rwego rw'Ukarere n'urw'Imirenge.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igihe amahugurwa yabereye n'umubare w'abahuguwe.

Intara	Amatariki	Umubare w'abahuguwe
Intara y'Iburasirazuba	Kuva ku wa 16 kugeza ku wa 17 Kamena 2007	1607
Intara y'Iburengerazuba	Kuva ku wa 23 kugeza ku wa 24 Kamena 2007	1618
Intara y'Amajyaruguru	Kuva ku wa 28 kugeza ku wa 29 Ugushyingo 2007	1420
Umujyi wa Kigali	Ku va ku wa 4 kugeza ku wa 5 Ukoboza 2007	524
Intara y'Amajyepfo	Ku va ku wa 7 kugeza ku wa 8 Ukuboza 2007	1438
BOSE HAMWE		**6.607**

Amahugurwa yakoreshejwe na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yateguwe hifashishijwe imfashanyigisho ikubiye mu dutabo tubiri : kamwe gakubiyemo Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bw'Umwana, Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira n'Imibereho Myiza y'Umwana n'Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa. Akandi gatabo gakubiyemo inyigisho zigenewe abagize izo Komite. Inyigisho zikubiye mu gatabo ka kabiri ni izi zikurikira :

- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'inshingano zayo ;
- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;
- Amategeko mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda yerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kuyashyira mu bikorwa ;
- Gukurikirana no gutanga raporo ku iyubahiriwa ry'uburenganzira bwa muntu.

E. Urubyiruko rwibumbiye mu ishyirahamwe RUYAAC-KADOGO

Kuva ku wa 9 kugeza ku wa 10 Kamena 2007, kuri « Complexe de Rwamagana », no kuva ku wa 30 kugeza ku wa 31 Kanama 2007, muri « Guest House Urumuri » mu Karere ka Musanze, Komisiyo yahuguye abanyamuryango 40 b'ishyirahamwe RUYAAC-KADOGO bo mu Turere twa Rwamagana, Kayonza, Gatsibo na Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba, na 40 bo mu Turere twa Musanze na Gakenke, mu Ntara y'Amajyaruguru.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Inshingano, ububasha n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bwa Muntu n'umuco w'amahoro ;
- Uburenganzira bw'umwana n'amategeko aburengera ;
- Uburenganzira bw'umugore n'amategeko aburengera.

F. Abanyamuryango b'Urugaga rw'ababana na Virus itera SIDA

Kuva ku wa 22 kugeza ku wa 23 Gicarasi 2007, mu Karere ka Muhanga, Komisiyo yahuguye abantu 48 bo mu Rugaga rw'ababana na virus itera SIDA bazahugura abandi.

Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Amahame remezo n'ibyiciro by'uburenganzira bwa muntu ;

- Uburenganzira bwa muntu, inshingano z'umwenegihugu n'iza Leta mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;

- Amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cy'ivangura, gukurura amacakubiri na jenoside ;

- Uburenganzira bw'umwana n'amategeko aburengera ;

- Uburenganzira bwa muntu mu by'imibereho myiza n'umuco ;

- Uburenganzira bw'umugore n'amategeko aburengera.

G. Abanyamuryango ba Ibuka bo mu Turere twa Musanze, Burera na Gakenke.

Kuva ku wa 30 kugeza ku wa 31 Kanama 2007, muri Home d'Accueil S^{t} Vincent mu Karere ka Musanze, Komisiyo yahuguye abanyamuryango 69 ba Ibuka bo mu Turere twa Gakenke, Musanze na Burera.

Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;

- Uburenganzira bwa muntu n'inshingano z'umwenegihugu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;

- Uburenganzira bw'umwana n'amategeko aburengera ;

- Uburenganzira bw'umugore n'amategeko aburengera ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco ;

- Amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cy'ivangura, amacakubiri na jenoside.

H. Abanyamakuru bo mu bihugu by'u Burundi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n'u Rwanda

Kuva ku wa 1 kugeza ku wa 9 Gicurasi no kuva ku wa 15 kugeza ku wa 16 Gicurasi 2007, i Butare, Komisiyo yahuguye abanyamakuru 90 bo mu Rugaga rw'Imuryango y'Uburenganzira bwa Muntu mu Karere k'Ibiyaga Bigari (LDGL[3]).

Hatanzwe inyigisho zikurikira :

- Uburenganzira bwa muntu mu by'ubutabera ;

- Uburenganzira bw'umwana ;

- Uburenganzira bw'umugore ;

- Uburenganzira mu bijyanye n'itangazamakuru ;

- Inshingano z'Inteko Ishinga Amategeko mu kurengera uburenganzira bwa muntu (urugero rw'u Rwanda).

I. Amashyirahamwe anyuranye ashinzwe guharanira no kurengera uburenganzira bwa muntu

Komisiyo yahuguye amashyirahamwe y'uburenganzira bwa muntu akurikira :

- Kuva ku wa 4 kugeza ku wa 5 Kamena 2007, kuri Paruwasi Gatolika ya Congo Nil, mu Karere ka Rutsiro, Komisiyo yahuguye abanyamuryango 62 b'ishyirahamwe Jijuka ;

- Kuva ku wa 24 kugeza ku wa 25 Kamena 2007, i Nyamata mu Karere ka Bugesera hahuguwe abanyamuryango 70 b'ishyirahamwe rirwanya iyicarubozo n'ihohotera (ALTV[4]) ;

- Kuva ku wa 26 kugeza ku wa 27 Ugushyingo 2007, muri Centre d'Accueil S[t] François d'Assise, mu Karere ka Kicukiro, Komisiyo yahuguye abanyamuryango 36 b'Ishyirahamwe « Hope for Living » ;

Inyigisho zibanzweho ni izikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku uburenganzira bwa muntu ;

[3] Ligue des Droits de l'Homme dans la Région des Grands Lacs
[4] Association de Lutte contre la Torture et la Violence

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;

- Uburenganzira bw'umwana mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;

- Uburenganzira bw'umugore mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda ;

- Uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'iterambere ;

- Amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cy'ivangura, gukurura amacakubiri na jenoside.

J. Abanyamadini

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yahuguye abayobozi b'amadini anyuranye. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo ayo mahugurwa yatanzwe :

Abahuguwe	Aho amahugurwa yabereye	Umubare
Abapadiri bo muri Diyosezi ya Butare	Butare	40
Abapadiri bo muri Diyosezi ya Cyangugu	Cyangugu	28
Abapadiri bo muri Diyosezi ya Kabgayi	Kabgayi	58
Abasitori b'Abaporotesitanti bo muri CPR (Conseil Protestant du Rwanda).	Butare	54
Abapadiri hamwe n'Abapasitori b'i Byumba	Byumba	37
Abapasitori ba ADEPER , Ururembo rwa Gikongoro	Gikongoro	42
Abapadiri bo muri Diyosezi ya Ruhengeri	Ruhengeri	45
Ba Shehe na ba Imamu baturutse mu Rwanda hose	Masaka	40
BOSE HAMWE		**344**

Hatanzwe amasomo akurikira :

- Inshingano n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa muntu ;

- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda no mu Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ;

- Uburenganzira bwa Muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'iterambere ;

- Uburenganzira bw'umwana mu mategeko y'u Rwanda no mu masezerano mpuzamahanga ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Uburenganzira bw'umugore mu mategeko y'u Rwanda no mu masezerano mpuzamahanga ;
- Amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cy'ivangura, gukurura amacakubiri na jenoside
- Bibiliya n'uburenganzira bwa muntu ;
- Uruhare rw'Abihaye Imana mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.2. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZA LETA ZIBISHINZWE KWEMEZA AMASEZERANO MPUZAMAHANGA YITA KU BURENGANZIRA BWA MUNTU NO KUYINJIZA MU MATEGEKO IGIHUGU KIGENDERAHO (ingingo ya 4 [8°])

Mu rwego rwo kwemeza amasezerano mpuzamahanga yita ku burenganzira bwa muntu no kuyinjiza mu mategeko igihugu kigenderaho, ku wa 10 Ukwakira 2007, Inama y'Abaminisitiri yemeje Amateka ya Perezida wa Repubulika yemeza burundu amwe mu Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu Komisiyo yari yarasabye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu ibaruwa n° CRDH/338/04 yo ku wa 11 Ukuboza 2004 ko yemezwa burundu no mu ibaruwa n° CRDH/414/07 yo ku wa 20 Kanama 2007 yibutsaga Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu akwiye kwemezwa burundu.

Inama y'Abaminisitiri yemeje kandi Amateka ya Perezida wa Repubulika akuraho ukwifata kwari kwarakozwe mu mwaka w'1975 ku Masezerano yerekeye uburenganzira bwa muntu Komisiyo yari yaragaragaje mu ibaruwa n° CRDH/0472/05 yo ku wa 12 Kanama 2005 yandikiwe Perezida wa Repubulika.

Amateka ya Perezida wa Repubulika yemeza burundu amwe mu Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu ni akurikira :

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibabaza umubiri n'ubwenge kandi bitesha umuntu agaciro, yashyiriweho umukono i New York ku wa 10 Ukuboza 1984 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu umugereka wa kabiri ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano no mu bya Politiki werekeye ivanwaho ry'igihano cyo kwicwa, washyiriweho umukono i New York ku wa 15 Ukuboza 1989 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ikandamizwa ry'abagore iryo ari ryo ryose yashyiriweho umukono i New York ku wa 6 Ukwakira 1999 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza burundu Amasezerano yo kurwanya ibyongerambaraga bitemewe mu mikino ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano yerekeye guca cyangwa kugabanya ikoreshwa rya zimwe mu ntwaro zisanzwe zirangwa no gutera ibikomere bikabije cyangwa se kugira ingaruka ku bantu bose , yashyiriweho umukono i Genève ku wa 10 Ukwakira 1980 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika ryemeza kandi rihamya burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurinda abana n'ubufatanye mu byerekeye « adoption » mpuzamahanga, yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Amateka ya Perezida wa Repubulika akuraho ukwifata kwari kwarakozwe ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu yemejwe mu Nama y'Abaminisitiri yo ku wa 10 Ukwakira 2007 ni akurikira :

- Iteka rya Perezida wa Repubulika rikuraho ukwifata ku ngingo ya 13 y'Amasezerano Mpuzamahanaga yerekeye uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, mu by'imibereho myiza no mu by'umuco yashyiriweho umukono i New York ku wa 16 Ukuboza 1966 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika rikuraho ukwifata ku ngingo ya 22 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukuraho ivanguramoko iryo ari ryo ryose, yashyiriweho umukono i New York ku wa 21 Ukuboza 1965 ;

- Iteka rya Perezida wa Repubulika rikuraho ukwifata ku ngingo ya 9 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside, yashyiriweho umukono i New York ku wa 9 Ukuboza 1948.

Nk'uko Komisiyo yari yabigaragaje mu ibaruwa n° CRDH/0472/05 yo ku wa 12 Kanama 2005 ukwifata kuri aya Masezerano Mpuzamahanga amaze kuvugwa kwari kwakuweho hakoreshejwe Itegeko-Teka rya Perezida n° 014/01 ryo ku wa 15 Gashyantare 1995. Iryo Tegeko-Teka ntiryigeze ryemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho nk'uko byateganywaga n'ingingo ya 20 y'Amasezerano y'inyongera ya Arusha yo ku wa 4 Kanama 1993 yerekeye ibibazo binyuranye n'ingingo zisoza yavugaga ko « Amategeko-Teka yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri agomba kwemezwa burundu n'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho mu gihembwe cyayo gitaha, bitagenda bityo agata agaciro ».

Kubera ko iryo Tegeko-Teka n° 014/01 ryo ku wa 15 Gashyantare 1995 ryatakaje agaciro karyo, byari ngombwa ko ukwifata ku Masezerano Mpuzamahanga ryavugaga kuvanwaho bityo bikagaragara ko u Rwanda rugamije kubahiriza ibiteganywa byose n'ayo Masezerano Mpuzamahanga kandi ko nta hohotera ry'uburenganzira bwa muntu rishobora kwihisha inyuma y'ukwifata.

Ku wa 14 Ugushyingo 2007, Umutwe w'Abadepite washyikirijwe imishinga y'amategeko ijyanye no kwemerera kwemeza burundu no gukuraho ukwifata, ku bijyanye n'Amasezerano Mpuzamahanga yavuzwe haruguru kugira ngo imihango yose iteganywa n'amategeko muri urwo rwego yuzuzwe.

Ishingiro ry'iyo mishinga y'amategeko ryemejwe n'Inteko Rusange y'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, imishinga y'amategeko isuzumwa muri Komisiyo zibishinzwe, amategeko aratorwa.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, amategeko yari yarashyikirijwe Serivisi za Mnisitiri w'Intebe zishinzwe Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo atangazwe.

Muri rusange, mu bijyanye no kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu no gukuraho ukwifata kuri amwe mu Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu yemejwe burundu, Komisiyo isanga hafi ya byose mu byo yari yarasabye mu ibaruwa n° CRDH/338/04 yo ku wa 11 Ugushyingo 2004 yandikiwe Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane isaba kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanaga yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ibaruwa n° CRDH/414/07 yo ku wa 20 Kanama 2007 yandikiwe Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

n'Ubutwererane yibutsa Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu akwiye kwemezwa burundu hamwe n'ibaruwa n° CRDH/0472/05 yo ku wa 12 Kanama 2005 yandikiwe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika isaba gukuraho ukwifata ku Masezerano Mpuzamahanga yemejwe burundu mbere yo ku wa 4 Kanama 1993 bimaze gukorwa.

Icyo gikorwa kikaba ari intambwe ikomeye u Rwanda rumaze gutera mu bijyanye no guteza imbere uburenganzira bwa muntu n'iyubahirizwa ryabwo, ndetse no kubaka igihugu kigendera ku mategeko.

Komisiyo ikaba ifite ikizere ko no gukuraho ukwifata kwakozwe ku ngingo ya 26 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi no ku ngingo ya IV y'Amasezerano y'Inyongera ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi ndetse no kwemeza burundu Amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku Murimo n° 122 yerekeye politiki y'umurimo, 1964 n'Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurengera uburenganzira bw'abakozi bose b'abimukira n'ubw'imiryango yabo, 1990 bizakorwa vuba bityo uburenganzira bw'abakozi n'ubw'impunzi bukarushaho kurengerwa.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.3. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZIBISHINZWE GUTANGIRA KU GIHE RAPORO ZISABWA KU MASEZERANO MPUZAMAHANGA YEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU U RWANDA RWEMEJE BURUNDU (ingingo ya 4 [12°])

Nyuma y'aho Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ishyikirije Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu ibaruwa n° CRDH/3032 yo ku wa 29 Ukuboza 2006 inyandiko igaragaza uburyo u Rwanda rufite ubukererwe mu gutanga raporo ziteganywa ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu rwemeje burundu, inamusaba gukora ibishoboka kugira ngo u Rwanda rurusheho kubahiriza inshingano rwiyemeje yo gutanga raporo z'igihembwe zigaragaza uburyo uburenganzira bwa muntu buteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga rwemeje burundu bwubahirizwa.

Ku wa 21 Nzeri 2007, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, ushinzwe ubutwererane, yandikiye inzego zirebwa n'ayo Masezerano Mpuzamahanga ibaruwa n° 1963/09.01/CAB/SG/AJ/07 asaba abantu bazihagararira mu itsinda rishinzwe gutegura raporo ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa Muntu.

Iryo tsinda rigizwe n'abahagarariye Minisiteri y'ubutabera, Minisiteri y'abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu, Minisiteri y'Ubuzima, Minisiteri y'Uburezi, Minisitiri muri Minisiteri y'Intebe ushinzwe Iterambere ry'Umuryango n'iry'Uburinganire na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ryamaze gushyirwaho rikaba mu minsi iri imbere rizatangira gutegura raporo zikenewe. Kuva ku wa 26 kugeza ku wa 31 Ukuboza 2007, iryo tsinda ryarahuguwe nk'uko byari byarateganyijwe.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ifite ikizere ko ibyo bizakorwa vuba, bityo u Rwanda rukarushaho kugaragaza uburyo uburenganzira buteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu rwemeje burundu bugenda bwubahirizwa.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.4. GUKURIKIRANA IBIBAZO BIREBANA N'IHOHOTERWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU BYABA IBYO KOMISIYO IGEJEJWEHO CYANGWA YIMENYEYE (ingingo ya 4 [2°]).

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje gushyira mu bikorwa iyi nshingano ikurikirana ibibazo binyuranye birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu yagejejweho cyangwa yibwirije gukurikirana kubera uburemere bwabyo.

Mu bibazo Komisiyo yakurikiranye, harimo ibirego byerekeranye n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko ku byaha bisanzwe n'ibikurikiranwa n'Inkiko Gacaca, ibirego birebana n'imanza zitinda n'izitarangizwa, ibibazo birebana n'iyicwa n'itotezwa ry'abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside, ibibazo by'abana basambanywa, ibirego birebana n'uburenganzira ku burezi, ku mibereho myiza, ku murimo n'amategeko awugenga, ibibazo by'uburenganzira ku buzima, ibibazo byerekeranye n'ihungabana ry'uburenganzira bwo kubaho, ibirebana n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca, mu matora n'ibindi birego by'ihohotera ry'uburenganzira bwa muntu.

A. Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko

Iki gice kigaragaramo ibirego birebana n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko ku byaha bisanzwe no ku byaha bya jenoside bikurikiranwa n'Inkiko Gacaca mu gihe cy'iburanisha ry'imanza zirebana n'ibyaha bya jenoside.

a. Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko ku bantu bakekwaho ibyaha bisanzwe

Muri iki gice, haragaragara ibibazo bike by'abantu bafungwa batabanje gukorerwa ibazwa ngo hakorwe dosiye, ibyabakomeza gufungwa kandi inkiko zarategetse ko bafungurwa, abamara igihe muri kasho bakarenza igihe giteganyijwe n'amategeko, abafungwa n'inzego zitabifitiye ububasha. Hagaragaramo kandi ibibazo by'abafungwa ntibaburanishwe vuba bigatuma bamara igihe kirekire kiruta igihano bahabwa mu gihe icyaha cyabahama.

1. Ifungwa ry'abakekwaho kuvunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko

Ikibazo cy'ifungwa ry'abakekwaho gukora umurimo wo kuvunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko mu Mujyi wa Kigali cyagejejwe kuri Komisiyo n'abantu batandukanye kandi ku minsi inyuranye.

Ku wa 17 Mutarama 2007, TWAHIRWA Tito, ubarizwa mu Murenge wa Gatenga mu Karere ka Kicukiro yandikiye Komisiyo atabariza abantu bagera kuri 20 bari bafungiye kuri Sitasiyo ya Polisi i Nyamirambo mu Mujyi wa Kigali bazira kuvunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko. Yavugaga kandi ko mu gihe cyo kubafata hagiyemo n'abagenzi bihitiraga badasanzwe bakora uwo mwuga. Yongeragaho ko abafunze batemererwa gusurwa, bityo bakaba bicwa n'inzara.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku wa 22 Mutarama 2007, UWINGABIRE Tabeya na MUKARUGIRA Tharcille bandikiye Komisiyo bayisaba kurenganura abagabo babo, MAZIMPAKA Dieudonné SIBOMANA Jacques bari bafashwe bagafungwa.

Na none ku wa 31 Mutarama 2007, INGABIRE Joseline yanditse asaba kurenganura umugabo we MUKASA Joseph, naho ku wa 19 Gashyantare 2007, MWIZERWA Fanny yandika asaba kurenganura umugabo we, INGABIRE Jean Pierre.

Abo bagabo bose bari mu bafashwe bagafungwa bakekwaho kuvunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko, bamwe bakaba barabaga bafungiye muri kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Nyamirambo cyangwa ya Muhima.

Ku wa 20 Mutarama 2007, Komisiyo yagiye kuri Sitasiyo ya Polisi i Nyamirambo ibonana n'umupolisi ukuriye ubugenzacyaha, MUTWARE Innocent, ayitangariza ko Sitasiyo ya Polisi yari icumbikiye abantu 20 bafashwe n'ubuyobozi bwa polisi mu Mujyi wa Kigali mu rwego rwo guca akajagari mu Mujyi. Abenshi muri bo bakaba ari abavunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko hamwe n'abandi bakekwaho kwiba amaterefoni agendanwa. Yavuze ko abo bafungwa basurwa rimwe mu cyumweru.

Komisiyo yasanze muri Kasho ya Nyamirambo hafungiyemo abantu 28, ivugana na bo, bayibwira igihe bafatiwe n'umurimo basanzwe bakora mu Mujyi. Batatu muri bo bakora akazi ko kuvunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko, abandi bakoraga akazi kajyanye no gucuruza cyangwa gukora (réparation) za telefoni zigendanwa. Harimo n'abavuga ko bafashwe bagiye gukoresha za telefoni zabo zapfuye.

Ku wa 23 Mutarama 2007, Komisiyo yavuganye n'ubuyobozi bwa Polisi mu Mujyi wa Kigali kuri icyo kibazo bwemera kubafungura ndetse ibyo bikorwa bucyeye bwaho.

Bitewe n'uko abakekwa bagiye bafatwa ku matariki atandukanye kandi bakaba barafatwaga bakamara iminsi myinshi muri kasho nta dosiye bakorewe, buri gihe Komisiyo yagiye ivugana n'ubuyobozi bwa Polisi mu Mujyi wa Kigali, isaba ko abafite ibyaha bakorerwa dosiye, bagakurikiranwa mu buryo bukurikije amategeko, naho abadafite ibimenyetso bibahamya icyaha bakarekurwa.

Muri rusange, iki kibazo cyo gufunga abantu bakora akazi ko kuvunja amafaranga si ubwa mbere cyari kigejejwe kuri Komisiyo. N'ubwo bwose bikorwa na Polisi byitirirwa guca akajagari mu Mujyi, Komisiyo isanga binyuranyije n'ingingo ya 37 y'itegeko n° 13/2004 yo ku wa 17 Gicurasi 2004 rigena Imiburanishirize y'Imanza z'Inshinjabyaha. Iyo ngingo igena impamvu zishobora gutuma ukurikiranyweho icyaha aba afunze by'agateganyo.

Iki kibazo gikwiye kwitabwaho kuko bidakwiye ko abantu bafatwa, bagafungwa badakorewe ibazwa, bakanafungurwa nta dosiye bakorewe. Mu gihe abantu bafashwe bagafungwa bakekwaho ibyaha, bakwiye gukorerwa dosiye, bakaburanishwa, kugira ngo niba barakoze ibyaha babihanirwe mu buryo bukurikije amategeko.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo iboneyeho gusaba Ubuyobozi Bukuru bwa Polisi y'Igihugu gutanga amabwiriza ahamye kugira ngo Polisi mu Mujyi wa Kigali ireke burundu gufata no gufunga abantu mu buryo budakurikije amategeko bikurikirwa buri gihe no gufungurwa nta dosiye bakorewe, batarigeze banashyikirizwa ubucamanza.

2. Ifungwa rya UBARIJORO Damien

Ku wa 14 Gashyantare 2007, ubwo Komisiyo yasuraga Kasho ya Polisi ya Kanjongo, mu Karere ka Nyamasheke, mu Ntara y'Iburengerazuba, yamenye ikibazo cy'ifungwa rinyuranyije n'amategeko rya UBARIJORO Damien.

Mu iperereza ryakozwe kuri icyo kibazo, Komisiyo yamenye ko UBARIJORO Damien yafunzwe by'agateganyo n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kirimbi ku wa 24 Mata 2006. Cyakora igenzura ryakozwe na Komisiyo ryasanze icyemezo kimufunga kitagaragaza impamvu y'ifungwa rye.

Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kirimbi, mu Karere ka Nyamasheke, rwamuburanishije ku wa 30 Mutarama 2007 rumugira umwere ku byaha bya jenoside yaregwaga ruhita rutanga icyemezo cyo kumufungura. Nyamara kugeza ku wa 15 Gashyantare 2007, ubwo Komisiyo yasuraga kariya Karere, UBARIJORO Damien yari agifungiye muri Gereza ya Cyangugu.

Ku wa 15 Gashyantare 2007, Komisiyo yasuye UBARIJORO Damien aho afungiye muri Gereza ya Cyangugu ayitangariza ko kuba adafungurwa biterwa n'abashinzwe kugeza kuri gereza icyemezo kimufungura batabikora bitewe n'uko bari mu bamugambaniye ngo afungwe.

Mu iperereza ryakozwe kuri icyo kibazo, Komisiyo yamenye ko icyemezo kimufungura cyatanzwe n'Urukiko Gacaca rwamuburanishije, aho koherezwa kuri gereza, cyabitswe na Sitasiyo ya Polisi ya Kanjongo bitegetswe n'Umukuru wa Polisi mu Karere ka Nyamasheke (DPC), akaba yarabikoraga kubera ikibazo yari afitanye n'uregwa.

Nyuma yo kuva i Nyamasheke, icyo kibazo Komisiyo yakivuganyeho n'Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'Igihugu, imusaba ko cyacyemurwa.

Komisiyo yamenye ko UBARIJORO Damien yafunguwe ku wa 27 Gashyantare 2007, amaze iminsi makumyabiri n'umunani afunze kandi urukiko rwarategetse ko afungurwa, ariko uwabigizemo uruhare yarabihaniwe.

Komisiyo isanga UBARIJORO Damien yaragiriwe akarengane mu gihe yamaraga iminsi makumyabiri n'umunani agifunzwe kandi yarafunguwe n'urukiko.

3. Ifatwa n'ifungwa rya HIGIRO Jean Marie Vianney

Ku wa 6 Kanama 2007, MUKABAGIRA Alexia, utuye mu Kagari ka Kamuhoza, Umurenge wa Kimisagara, yagejeje ikirego kuri Komisiyo ayisaba kurenganura umugabo we, HIGIRO Jean Marie Vianney, wari ufungiye kuri Sitasiyo ya Polisi i Nyamirambo kuva ku wa 27 Nyakanga 2007, akaba yaravugaga ko arengana.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku wa 8 Kanama 2007, MUKABAGIRA Alexia yitabye kuri Komisiyo, atanga ibisobanuro ku kirego cye. Yavuze ko umugabo we afungiye i Nyamirambo kuva ku wa 27 Nyakanga 2007, akaba yari amaze muri kasho iminsi cumi n'itatu atarakorerwa dosiye. Yamenyesheje kandi ko yafashwe ashinjwa gutera amabuye ku nzu y'umukecuru witwa MUKAGAKWAYA Marguérite. Yavuze ko umugabo we yari yarigeze gufungwa akekwaho icyo cyaha hamwe n'abandi bantu, nyuma bafungurwa na polisi ariko ibategeka kujya bayitaba. Hashize ibyumweru bibiri ni bwo yongeye gufatwa wenyine asubizwa muri kasho nta dosiye.

Uwo munsi, Komisiyo yagiye kuri Sitasiyo ya Polisi ya Nyamirambo gukurikirana ikibazo. Umuyobozi w'iyo Sitasiyo ya Polisi yayimenyesheje ko HIGIRO Jean Marie Vianney yari yararekuwe by'agateganyo ariko akongera gufatwa bitewe n'uko amabuye yongeye guterwa ku nzu ya MUKAGAKWAYA Marguérite, hakaba hari hagikorwa iperereza. Abajijwe niba dosiye ye yari yashyikirizwa Parike yavuze ko itarajyayo. Abajijwe niba afungurwa by'agateganyo mbere byarakozwe n'inama y'abacamanza yavuze ko byakozwe na Polisi kuko na bwo dosiye yari itarashyikirizwa Parike.

Ubwo Komisiyo yasabaga kuvugana na HIGIRO Jean Marie Vianney no kureba mu bitabo byandikwamo abafungwa, ntiyabyemerewe. Cyakora Komisiyo yamenye ko HIGIRO Jean Marie Vianney yafunguwe uwo munsi ku mugoroba amaze iminsi cumi n'itatu afunzwe atarakorerwa dosiye.

Ku wa 10 Kanama 2007, HIGIRO Jean Marie Vianney yandikiye Komisiyo yishingana kandi asaba kurenganurwa ku bijyanye n'akarengane agirirwa kubera guhora afungwa na Polisi ashinjwa gutera amabuye ku nzu y'umuturanyi we MUKAGAKWAYA Marguérite wavugaga ko bamuziza ko ari umutangabuhamya mu Nkiko Gacaca. Yavugugaga ko ibyo bikorwa ku kagambane kuko nta bimenyetso bimuhamya icyaha bashingiraho.

Yamenyesheje Komisiyo ko yagiye afungwa mu bihe bitandukanye ku buryo bukurikira :

- 13 -18 Kamena 2007
- 28 Kamena - 5 Nyakanga 2007
- 27 Nyakanga - 8 Kanama 2007.

Ubwa nyuma yafunguwe bisabwe na Komisiyo ishingiye ku kirego yari yagejejweho n'umugore we, MUKABAGIRA Alexia.

Mu kirego cye kandi, avuga ko yahisemo guhunga aho atuye kubera gutinya guhora afungwa.

Mu Ukwakira 2007, HIGIRO Jean Marie Vianney yamenyesheje Komisiyo ko ikibazo cyo guhora afungwa azira gutera amabuye ku nzu cyakemutse. Yavuze ko iperereza ryakozwe na Polisi ryasanze MUKAGAKWAYA Marguérite ari we witeraga amabuye. Hashyizweho abapolisi na Local Defense barinda urugo rwe amanywa n'ijoro ariko amabuye agakomeza agaterwa ku nzu. Iperereza rya Polisi ryaje kugaragaza ko MUKAGAKWAYA Marguérite ari we witeraga amabuye arafatwa ndetse anabishinjwa n'umukozi wo muri urwo rugo. Uwo mukozi wo mu rugo yabwiye polisi ko MUKAGAKWAYA Marguérite yajyaga amurema uruguma mu mutwe akamuha amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 FRw) kugira ngo avuge ko ari ibuye yatewe.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Polisi imaze kubona ibimenyetso, yakoze dosiye iyishyikiriza Parike, ariko MUKAGAKWAYA Marguérite afungurwa amaze muri kasho iminsi cumi gusa bitewe n'uko ngo ashaje (ubu afite imyaka 70).

Komisiyo irasanga HIGIRO Jean Marie Vianney yaragiriwe akarengane kuko yagiye afatwa agafungwa, akamara iminsi myinshi muri kasho adakorewe dosiye.

4. Ifungwa rya NAKABONYE Emmanuel

Ikibazo cya NAKABONYE Emmanuel, Komisiyo yari yaracyanditse ku buryo burambuye muri raporo yayo y'umwaka w'2006[5].

NAKABONYE Emmanuel avuga ko yafashwe ku wa 11 Kamena 1998, akagezwa muri Gereza Nkuru ya Kigali ku wa 12 Nyakanga 1998, akurikiranweho icyaha cy'ubuhemu, ubu akaba amazemo imyanda icyenda. Intandaro y'ifungwa rye ryaturutse kuri se wabo witwa BAVUGIRIJE Cyprien yakoreraga amucururiza inzoga i Nyamirambo mu Mujyi wa Kigali.

Komisiyo yari yandikiye Umuyobozi w'Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Nyarugenge ibaruwa n° CRDH/2086/06, mu Gushyingo 2006, imusaba gukora ibishoboka byose kugira ngo dosiye n° RMP2028/S13/RE/MUTEV iregwamo NAKABONYE Emmanuel isuzumwe mu buryo bwihutirwa kuko bigaragara nta gushidikanya ko yavukijwe uburenganzira ku rubanza ruciwe mu gihe gicirirtse. Komisiyo yaboneyeho kugaragaza impungenge zayo ko n'iyo icyaha ashinjwa cyamuhama, igihe amaze muri gereza cyaba gisumba kure igihano cy'igifungo yahabwa.

Ashingiye ku bikubiye muri iyo baruwa ya Komisiyo, mu ibaruwa ye n° 2864/D.11/A/PGR/INSP yo ku wa 21 Ukuboza 2006, Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika yandikiye Umushinjacyaha ku Rwego rwisumbuye rwa Nyarugenge amusaba kumugezaho bidatinze umwanzuro wafatiwe ikibazo cy'ifungwa rya NAKABONYE Emmanuel.

Ku wa 15 Werurwe 2007, Komisiyo yasubiye mu bushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Nyarugenge, umunyamabanga w'umuyobozi w'ubushinjacyaha atangaza ko dosiye ya NAKABONYE Emmanuel yari igishakishwa.

Ku wa 2 Nyakanga 2007, Komisiyo yagiye kuri Gereza ya Kigali isanga NAKABONYE Emmanuel agifunzwe by'agateganyo, ayitangariza ko kuva yayiregera nta rwego rw'ubutabera yari yashyikirizwa.

Nyuma yo gusanga NAKABONYE Emmanuel yarakomeje kuvutswa uburenganzira bwo kuburanishwa mu gihe gicirirtse kandi Komisiyo ikaba nta gisubizo yigeze ihabwa, ku wa 28 Kanama 2007, Komisiyo yandikiye Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika ibaruwa n° CRDH/418/07 imusaba gukora ibishoboka kugira ngo dosiye ya NAKABONYE Emmanuel isuzumwe byihutirwa kuko nta nzego z'ubutabera yashyikirijwe. Muri iyo baruwa kandi, Komisiyo yari yagaragaje ko n'iyo icyaha cyamuhama, igihe amaze muri gereza cyasumba kure igihano cy'igifungo yahabwa.

[5] Raporo ya Komisiyo y'mwaka w'2006, p. 59 – 60.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo yamenye ko NAKABONYE Emmanuel yafunguwe mu kwezi kwa Nzeri 2007, nta n'urubanza ruciwe.

N'ubwo bwose NAKABONYE Emmanuel yafunguwe, Komisiyo isanga ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Nyarugenge bwaragize uburangare muri iki kibazo kandi Komisiyo yari yarabukigaragarije.

Komisiyo isanga abagize uruhare muri ako karengane bose bari bakwiye gukurikiranwa.

5. Ifungwa rya MAZIMPAKA Narcisse

Ku wa 16 Kamena 2006, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yandikiwe na MAZIMPAKA Narcisse ufungiye muri Gereza ya Kigali asaba kurenganurwa kuko amaze imyaka cumi n'ibiri afunzwe akekwaho kuba icyitso cy'abajura bibye umucuruzi yakoreraga, dosiye ye n° RMP9268/S11/NG ikaba itarigeze ishyikirizwa urukiko.

Mu mapererezа Komisiyo yakoze, yasanze MAZIMPAKA Narcisse yarafunzwe ku wa 4 Kanama 1995 acyekwaho ubufatanyacyaha mu bujura, dosiye ye ikaba itarashoboye kuboneka mu Bushinjacyaha bw'Urwego Rwisumbuye rwa Nyarugenge.

Ku wa 9 Ugushyingo 2006, Komisiyo yandikiye Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika ibaruwa n° CRDH/2059/06, imusaba gushaka dosiye ya MAZIMPAKA Narcisse igasuzumwa mu buryo bwihutirwa cyane kubera ko yari amaze igihe afunzwe by'agateganyo kandi akaba yaravukijwe uburenganzira bwo kuburanishwa mu gihe giciriritse.

Ikibazo cya MAZIMPAKA Narcisse cyanditswe kandi muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006[6], uwo mwaka ukaba wararangiye nta gisubizo Komisiyo ibonye cy'iyo baruwa kandi MAZIMPAKA Narcisse yari agifunze by'agateganyo.

Ku wa 9 Nyakanga 2007, Komisiyo yasanze MAZIMPAKA Narcisse agifunze by'agateganyo.

Ku wa 17 Kanama 2007, Komisiyo yongeye kwandikira Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika ibaruwa n° CRDH/411/07 isaba ko MAZIMPAKA Narcisse afungurwa kuko n'iyo iyo dosiye yaboneka akaburanishwa, icyaha kikamuhama, igihano cy'igifungo yahabwa cyaba ari gito cyane ugereranyije n'icyo amaze afunzwe by'agateganyo.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, nta gisubizo cy'ayo mabaruwa Komisiyo yari yabona kandi MAZIMPAKA Narcisse aracyafunze by'agateganyo.

Komisiyo isanga MAZIMPAKA Narcisse yaravukijwe uburenganzira ku rubanza ruciwe mu gihe giciriritse.

[6] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006, p. 60.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo yongeye gusaba Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika gukora ibishoboka kugira ngo MAZIMPAKA Narcisse arenganurwe.

6. Ifungwa rya MUKARUBAYIZA Valeriya

Ikirego cya MUKARUBAYIZA Valeriya cyageze kuri Komisiyo mu mwaka w'2006, gitanzwe na HABARUREMA Jean Damascène ubarizwa mu Kagari ka Bugaragara, Umurenge wa Shyorongi, Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru. HABARUREMA yandikiye Komisiyo ayisaba kurenganura MUKARUBAYIZA Valeriya, avuga ko afungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali kuva ku wa 28 Mutarama 1995 nta dosiye afite kandi akaba atanaburanishwa.

HABARUREMA avuga ko MUKARUBAYIZA Valeriya yafungishijwe na musaza we wo kwa se wabo, MUGAMBAGE Papias, ngo amushinja ko yaroze abantu babiri babaga iwe bikabaviramo gupfa, harimo umwana wa MUGAMBAGE Papias n'umuyaya we wari unatwite.

Nk'uko bigaragara muri dosiye ye yashyikirijwe Komisiyo ku wa 20 Ukwakira 2005, MUKARUBAYIZA yandikiye Porokireri w'icyahoze ari Parike ya Kigali Ngali amusaba kurenganurwa kuko yari afunzwe igihe kirekire nta dosiye agira, anabimenyesha Umushinjacyaha w'Akarere ka Shyorongi ariko ngo ntibagira icyo bamumarira.

Ku wa 11 Nzeri 2006, Komisiyo yagiye muri Gereza Nkuru ya Kigali ibonana na MUKARUBAYIZA Valeriya ayisobanurira ikibazo cye ku buryo burambuye. Yavuze ko yafashwe bwa mbere ku wa 11 Ugushyingo 1994, afatwa n'abaturage bari kumwe na musaza we, MUGAMBAGE Papias, bamujyana kuri Komini Shyorongi, ngo baramukubita cyane bimuviramo kumugara.

MUKARUBAYIZA Valeriya yabwiye Komisiyo ko yabanje gufungirwa muri kasho y'icyahoze ari Komini Shyorongi, ahava ku wa 28 Mutarama 1995 ajyanywe muri Gereza Nkuru ya Kigali. Yavuze ko atigeze anyuzwa imbere y'umucamanza cyangwa ngo ajyanwe muri Parike kubazwa. Yemeza ariko ko mu kwezi kwa Kamena 2000 hari umushinjacyaha wa Parike wamusanze muri gereza amubaza imyirondoro ye, uburyo yafunzwemo n'icyo afungiye, agasiga amubwiye ko azahamagarwa agaca imbere y'umucamanza, ariko bikaba bitarigeze bikorwa.

MUKARUBAYIZA Valeriya akomeza avuga ko nyuma yo kubazwa na Parike, yakomeje kubaza nomero za dosiye ye ariko kugeza ubwo yabonanaga na Komisiyo yari atarazibwirwa. Yanavuze ko mu mwaka w'2002 hari Umushinjacyaha wa Parike wamujyanye mu Murenge w'iwabo mu rwego rw'iperereza, nyuma y'aho agarurwa muri gereza ategereza ikizakurikiraho, araheba. Yasobanuye kandi ko mu mwaka w'2005 yandikiye Parike inshuro ebyiri asaba kurenganurwa ariko ntiyahabwa igisubizo.

Ku wa 11 Nzeri 2006, Komisiyo yagiye mu bunyamabanga bwa Gereza Nkuru ya Kigali kubaza dosiye ya MUKARUBAYIZA Valeriya irabura, bashaka no mu bitabo byandikwamo abafungwa binjiye muri gereza na bwo ntibabona izina rye. Komisiyo yasize isabye ko iyo dosiye ikomeza gushakishwa kugira ngo ibashe gukurikiranwa.

Ku wa 16 Mata 2007, Komisiyo yasubiye kuri Gereza Nkuru ya Kigali isanga MUKARUBAYIZA Valeriya yararekuwe na Parike by'agateganyo ku wa 13 Mata 2007.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo irasanga MUKARUBAYIZA Valeriya yaravukijwe uburenganzira ku buryo bukabije kuko yafunzwe imyaka igera kuri cumi n'itatu mu buryo budakurikije amategeko.

Komisiyo irasaba Parike Nkuru ya Repubulika gukora ibishoboka akarengane nk'aka kagacika burundu kandi ababigiramo uruhare bagakurikiranwa n'uwarenganyijwe muri ubwo buryo agahabwa indishyi z'akababaro.

7. Ifungwa rya NYIRAMAHANGA Ziripa

Ku wa 20 Kanama 2007, umuntu utarivuze izina utuye mu Kagari ka Karenge, Umurenge wa Karenge, mu Karere ka Rwamagana, yandikiye Komisiyo asaba ko yamufasha kurenganura mushiki we, NYIRAMAHANGA Ziripa, ufungiye muri Gereza ya Nsinda kuva ku wa 16 Nyakanga 1997. NYIRAMAHANGA Ziripa afungiye kuri dosiye n° RMP 00510/S13/RE/MS, aregwa icyaha cy'ubwicanyi.

Ku wa 22 Ukwakira 2007, Komisiyo yasuye NYIRAMAHANGA Ziripa aho afungiye muri Gereza ya Ntsinda, isanga yarafashwe agafungirwa by'agateganyo muri Gereza Nkuru ya Kigali kuva ku wa 16 Nyakanga 1997. Yimuriwe muri Gereza ya Nsinda ku wa 13 Werurwe 1998.

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yamenye ko Porokireri wa Repubulika, RUKANGIRA Emmanuel, ku wa 16 Kanama 1999, yandikiye Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali amwohereza dosiye n° RMP 00510/S13/RE/MS ya NYIRAMAHANGA Ziripa kugira ngo iburanishwe mu gihe urukiko ruzagena.

Muri iryo perereza, Komisiyo yamenye kandi ko ku wa 21 Ukwakira 2005, NYIRAMAHANGA Ziripa yandikiye Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika asaba ko yaburanishwa nk'uko bigaragara muri kopi y'iyo baruwa, ariko ntiyigera abona igisubizo.

Mu gukurikirana iki kibazo mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, Komisiyo yasanze dosiye ya NYIRAMAHANGA Ziripa yarahageze ku wa 16 Kanama 1999 ihabwa n° RP 38363/Kig. Iyo dosiye yaje gushyikirizwa Urukuko Rukuru rwa Repubulika ku wa 1 Ugushyingo 2004 itaraburanishwa. Mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika i Kigali, iyo dosiye yahawe n° RP 0080/05/HC/Kig.

Komisiyo yasabye ko iyo dosiye yashyikirizwa Urukiko Rukuru rwa Repubulika, Urugereko rwa Rwamagana, bityo ikaba yaburanishwa. Ubwanditsi bukuru bw'urwo Rukiko rwa Repubulika bwashyize iyo dosiye kuri gahunda y'iburanishwa, ihabwa itariki yo ku wa 11 Gashyantare 2008.

Komisiyo isanga NYIRAMAHANGA Ziripa yaravukujwe uburenganzira bwe bwo kuburanishwa mu gihe giciriritse, kuko hashize imyaka irenga icumi afunzwe by'agateganyo.

Komisiyo irasaba Urukiko Rukuru rwa Repubulika, Urugereko rwa Rwamagana, ko rwaburanisha vuba NYIRAMAHANGA Ziripa kuko urubanza rwe rwatinze cyane.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

8. Ikibazo cya MUSABYIMANA Béatrice

MUSABYIMANA Béatrice utuye mu Mudugudu wa Rusagara, Akagari ka Mpenge, Umurenge wa Muhoza, Akarere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru, yagejeje ikirego kuri Komisiyo ku wa 4 Kamena 2007. MUSABYIMANA Béatrice yasabaga Komisiyo ko yamurenganura mu karengane yagiriwe na UWIMANA Virginie abifashijwemo n'Umuyobozi w'Umurenge wa Muhoza, NDAHIRO Amiel. Avuga ko UWIMANA amushinja kuba yaramwatse amafaranga ibihumbi mirongo irindwi (70.000 FRw), ariko ntabitangire ibimenyetso, ubuyobozi bw'Umurenge bugashyigikira ko agomba kumwishyura ayo mafaranga.

MUSABYIMANA Béatrice avuga ko yagejeje ikirego cye kuri Komite y'Abunzi yo mu Kagari ka Mpenge, ariko ntiyahabwa uburenganzira bwo kwisobanura. Abunzi bafashe umwanzuro ko agomba gusubiza UWIMANA Virginie ayo mafaranga. MUSABYIMANA Béatrice yajururiye uwo mwanzuro w'Abunzi, ageze mu Rukiko rw'Ibanze rwa Muhoza, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko yamwandikiye urupapuro rumwohereza kuri Polisi kuko yaregeraga ikibazo cy'inshinjabyaha.

Ku wa 15 Kamena 2007, umuturanyi wa MUSABYIMANA Béatrice Komisiyo itifuje kuvuga amazina ku mpamvu z'umutekano we, yaterefonnye Komisiyo ayimenyesha ko MUSABYIMANA Béatrice yafunzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Muhoza ku wa 14 Kamena 2007, akaba yarasabaga ko yarenganurwa kuko asanga yararenganyijwe.

Komisiyo yavuganye n'Umuyobozi w'Akarere ka Musanze imugezaho ikibazo cy'ifungwa ridakurikije amategeko rya MUSABYIMANA Béatrice. Umuyobozi w'Akarere ka Musanze yakurikiranye icyo kibazo, ku wa 17 Kamena 2007, amenyesha Komisiyo ko ikibazo cy'ifungwa rya MUSABYIMANA Béatrice cyakemutse. Kuri uwo munsi, Komisiyo yavuganye kandi na MUSABYIMANA ayimenyesha ko yafunguwe.

Komisiyo isanga Umuyobozi w'Umurenge wa Muhoza yarafunze MUSABYIMANA Béatrice mu buryo bunyuranyije n'amategeko, kuko nta bubasha yari abifitiye. Komisiyo isanga uwo Muyobozi akwiye gufatirwa ibyemezo.

b. Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko mu Nkiko Gacaca

Muri iki gice havugwamo ibirego birebana n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko mu Nkiko Gacaca. Cyakora ntihanditsemo ibirego byose by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca Komisiyo yakurikiranye. Bimwe muri byo byanditswe mu buryo burambuye muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006. Ibyinshi muri byo Komisiyo yabishyikirije Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inkiko Gacaca ku rwego rw'Igihugu ku wa 5 Ukuboza 2007, asanga ibyinshi yari abizi.

Ingero zikurikira ziragaragaza bimwe muri ibyo birego.

1. Ifatwa n'ifungwa rya MWEZI Emmanuel

Ku wa 18 Mutarama 2007, MUKARUREMA Jacqueline, utuye mu Mudugudu wa Buhonde, Akagari ka Kayonza Centre, Umurenge wa Mukarange, Akarere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba,

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

yandikiye Komisiyo asaba ko yamufasha kurenganura umugabo we, MWEZI Emmanuel, ufungiye muri Gereza ya Ntsinda kuva mu kwezi kwa Gashyantare 2007, aho yagejejwe yarabanje gufungirwa muri Kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Kayonza, kuva ku wa 24 Ukuboza 2006, nyuma akaza kwimurirwa muri Kasho ya Kabarondo no muri Gereza ya Kibungo.

MUKARUREMA Jacqueline yasabaga ko umugabo we yarekurwa kuko asanga uburyo yafashwemo n'uburyo yafunzwemo binyuranyije n'amategeko. Avuga ko MWEZI Emmanuel yafatiwe i Kayonza ku wa 24 Ukuboza 2006 avuye ku ishuri aho yigaga mu ishami rya K.I.E. riri i Rwamagana, n'Umupolisi witwa KAMONYO Vénuste wakoreraga kuri Sitasiyo ya Polisi ya Kayonza. MUKARUREMA Jacqueline avuga kandi ko ubwo KAMONYO Vénuste yafataga MWEZI Emmanuel yamubwiye ko afite urupapuro rumufata rwatanzwe na Parike ya Kibungo ashinjwa gushaka gucika kubera icyaha cya jenoside akurikiranweho. Nyuma MUKARUREMA Jacqueline yaje gusobanuza muri Parike ya Kibungo ibyaha umugabo we akurikiranyweho bamusubiza ko nta rupapuro rwo gufata MWEZI Emmanuel bigeze batanga.

MUKARUREMA Jacqueline yabwiye kandi Komisiyo ko intandaro y'ifatwa n'ifungwa rya MWEZI Emmanuel ari amakuru y'ibihuha y'uko yiteguraga gucika yasakajwe n'uwitwa RUMASHANA Dany wahoze ari Inyangamugayo mu Rukiko Gacaca rw'Akagari ka Mukarange, afatanyije n'abandi bantu. Avuga ko RUMASHANA Dany yasabye MWEZI Emmanuel ruswa y'amafaranga ibihumbi magana atatu kugira ngo arigise dosiye ye yari mu rukiko Gacaca, arayamwima kuko ibyo byaha atabyishinjaga. RUMASHANA ni bwo yiyemezaga kumwihimuraho, akwiza ibihuha by'uko agiye guhungira muri Tanzaniya, kugira ngo azafungwe kandi anatakaze umwanya w'ubuyobozi bw'Ishuri ryisumbuye rya Nyamirama riri mu Karere ka Kayonza. Yongeyeho ko RUMASHANA Dany yaje gufatirwa mu cyuho yaka ruswa abaturage bafite dosiye mu nkiko Gacaca, akaba yaraburanye, urukiko rumukatira igifungo cy'imyaka itatu.

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yabonanye na MWEZI Emmanuel ari muri Gereza ya Ntsinda. Yabwiye Komisiyo ko mu gihe cy'ifatwa rye, umupolisi witwa KAMONYO Vénuste yamubwiye ko afite icyemezo cyo kumufata cyasinywe n'Umushinjacyaha w'i Kibungo. Yakomeje avuga ko yaje kumenya ko afungiye ku cyemezo cyafashwe ku wa 23 Ukuboza 2006 n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge rwa Nyagatovu, ariko kuri uwo munsi inteko y'urwo rukiko ntiyigeze iterana, bityo akaba afungiye ku cyemezo cyasinywe nyuma y'aho afungiwe, ku wa 24 Ukuboza 2006.

Komisiyo yarebye dosiye ya MWEZI Emmanuel iri muri Gereza ya Ntsinda isanga harimo icyemezo kimufunga cyatanzwe n'Inteko y'Urukiko Gacaca rw'Umurenge rwa Nyagatovu, ku wa 23 Ukuboza 2006, cyanditseho ko : « aregwa ibyaha byo kwica, kujya mu bitero, gushinyagurira imirambo kikamushyira mu rwego rwa mbere (Gukekwaho gutoroka) ». Icyo cyemezo cyashyizweho umukono na BIKORIMANA Célestin, Perezida, NKUSI Boniface, Visi Perezida, NDEMEZO James, Visi-Perezida wa kabiri na RUSANGANWA Célestin, Umwanditsi.

Komisiyo yavuganye na Perezida w'Urukiko Gacaca rw'Umurenge rwa Nyagatovu, BIKORIMANA Célestin, ayibwira ko MWEZI Emmanuel yafunzwe ku cyemezo cy'inteko y'Urukiko Gacaca itabanje guterana kandi icyo cyemezo kikaba cyarasinyweho n'abagize inteko nyuma y'uko afungwa, babisabwe n'Umuhuzabikorwa w'Inkiko Gacaca mu Karere ka Kayonza.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

MWEZI Emmanuel yaburanishijwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge rwa Nyagatovu ku wa 25 Ukwakira 2007, rumugira umwere ku byaha byose yari yarezwe, afungurwa ku wa 8 Ugushyingo 2007.

Komisiyo irasanga ifatwa n'ifungwa rya MWEZI Emmanuel rinyuranyije n'amategeko kuko icyemezo kimufunga cyafashwe nyuma y'ifungwa rye kandi kikaba cyarasinywe n'Urukiko Gacaca inteko yarwo itabanje guterana.

Komisiyo isanga kandi MWEZI Emmanuel yaravukijwe akazi ke yariho ku maherere.

Komisiyo irasaba ko abagize uruhare mu ifatwa n'ifungwa rya MWEZI Emmanuel, bakurikiranwa, kimwe n'abayobozi botsa igitutu inyangamugayo, bakivanga mu Nkiko Gacaca.

2. Ifungwa ry'agateganyo rya Musenyeri MUNYAGISAKA Philémon

Musenyeri MUNYAGISAKA Philémon, ufungiye by'agateganyo muri Gereza ya Kigali kuva ku wa 20 Gicurasi 2006 bitegetswe n'Urukiko Gacaca rw'Akagari ka Kinunga, Umurenge wa Gikondo, ashinjwa kuba ashaka gucika no gusibanganya ibimenyetso bya jenoside. Muri raporo yayo y'umwaka w'2006[7], Komisiyo yari yagaragaje ko mu ifatwa rya Musenyeri MUNYAGISAKA Philémon habayemo kudakurikiza amategeko kuko uregwa atahawe umwanya wo kwisobanura ku byo ashinjwa kandi icyemezo cyafashwe inteko itateranye. Komisiyo yagaragaje kandi ko mu ikurikirana ry'urwo rubanza, Urukiko rw'Ubujurire rw'Umurenge wa Gikondo rutitaye ku biteganywa n'ingingo ya 7 y'amabwiriza n° 10/06 yo ku wa mbere Nzeri 2006 agenga ifata n'ifunga ry'agateganyo kuko uregwa atigeze agaragarizwa ibimenyetso bifatika byerekana ko asibanganya ibimenyetso cyangwa ko ashaka gutoroka.

Umwaka w'2007 nawo warangiye Musenyeri MUNYAGISAKA Philémon agifunzwe by'agateganyo igihe kitazwi, atari yanahamagarwa na rimwe ngo aburanishwe ibyaha bya jenoside yaba akurikiranweho.

3. Ifungwa rya MUNDANIKURE Jean Marie Vianney

Muri raporo yayo y'umwaka wa 2006[8], Komisiyo yari yagaragaje ifungwa ry'agateganyo rinyuranyije n'amategeko rya MUNDANIKURE Jean Marie Vianney ryakozwe n'Urukiko Gacaca rw'Akagari ka Kabeza, mu Murenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge. Komisiyo yagaragaje ko ifungwa rye ari ishimutwa kuko nta nteko y'Urukiko Gacaca yigeze iterana. Iryo shimutwa ryakozwe n'Umuhuzabikorwa w'Akagari ka Nyagahinga, TWAGIRAMUNGU Moïse, yitwaje umwanya w'ubuyobozi arimo. Intandaro ikaba ari amakimbirane ashingiye ku inyerezwa ry'umutungo w'ishyirahamwe ry'ababana n'ubwandu bwa SIDA ryitwa « Twibesheho » MUNDANIKURE Jean Marie Vianney ashinja TWAGIRAMUNGU Moïse.

Umwaka w'2007 warangiye MUNDANIKURE Jean Marie Vianney agifunze kandi atarahamagarwa ngo aburane ibyaha bya jenoside yaba akurikiranweho.

[7] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006, p. 52 - 54.
[8] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006, p. 54 – 55

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

4. Ifungwa rya RUTAYISIRE Sophonie

Ikirego cya RUTAYISIRE Sophonie, wari ufungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali, cyageze kuri Komisiyo ku wa 5 Werurwe 2007. Yari yafunzwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kanombe ku wa 6 Mutarama 2007 ashinjwa gushaka guhunga igihugu no gutoteza abatangabuhamya.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko RUTAYISIRE Sophonie atari yarigeze ahamagarwa ngo yisobanure ku byo yashinjwaga. Byongeye, yagiriwe akarengane kuba yaraburanishijwe ku cyaha cyo gutoteza abatangabuhamya amaze amezi umunani afunzwe by'agateganyo, akaba yaragombaga kuburanishwa mbere yo gufungwa kuko ubusanzwe icyaha cyo gutera ubwoba mu Nkiko Gacaca kidafungirwa by'agateganyo.

5. Ifungwa rya NEZEHOSE Sébastien

Ikibazo cy'ifungwa rya NEZEHOSE Sébastien cyagejejwe kuri Komisiyo ku wa 2 Nyakanga 2007. Yari afungiye by'agateganyo muri Gereza ya Kimironko kuva ku wa 19 Gicurasi 2007 bitegetswe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kagugu ashinjwa « gutoroka Gacaca ya Kagugu ». Nyamara iperereza rya Komisiyo ryasanze atarigeze ahamagarwa ngo yange kwitaba kandi no mu gufata icyemezo ntiyigeze asabwa kwisobanura. Aho aburaniye ku wa 13 Nzeri 2007 akagirwa umwere n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kagugu, yagumye afunzwe iyindi minsi cumi n'ibiri kandi nta cyaha kimuhama.

6. Ifungwa rya MUDENGE Didace

Ikibazo cy'ifungwa rya MUDENGE Didace, ubarizwa mu Kagari ka Muduha, Umurenge wa Gitega, Akarere ka Nyarugenge, cyagejejwe muri Komisiyo ku wa 27 Ukwakira 2006.

Kuva ku wa 9 Kamena 2006, yafungiwe by'agateganyo muri Gereza Nkuru ya Kigali afungurwa ku wa 15 Ukwakira 2007. Yafunzwe atabanje kuburanishwa n'Urukiko Gacaca ashinjwa kugira ivogonyo no gutoteza abatangabuhamya. Yamaze umwaka wose afunzwe mu buryo budakurikije amategeko.

c. Ikindi kirego cyakurikiranwe kijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca

- **Ikibazo cya NIYONSENGA Angéline**

Ku wa 30 Werurwe 2007, MUKAGATORE Marie Chantal ubarizwa mu Karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, yandikiye Komisiyo asaba kurenganura umubyeyi we NIYONSENGA Angéline. Uwo Mukecuru w'imyaka 72, akomoka mu Kagari ka Dawe, mu Murenge wa Ndora, Akarere ka Gisagara, mu Ntara y'Amajyepfo, akaba yari mu bahigwaga muri jenoside. MUKAGATORE Marie Chantal avuga ko yafunzwe arengana, akaba ubu ufungiye muri Gereza ya Butare kuva ku wa 13 Gicurasi 2007, aho yageze avuye muri Kasho y'Akarere ka Gisagara yari afungiyemo kuva ku wa 6 Werurwe 2007. MUKAGATORE Marie Chantal avuga ko NIYONSENGA Angéline yaburanye mu Rukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ndora ku wa 19 Mata 2007, agakatirwa igihano cyo gufungwa imyaka mirongo itatu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

NIYONSENGA Angéline yongeye kuburana mu Rukiko rw'Ubujurire rw'Umurenge wa Ndora, ku wa 10 Gicurasi 2007, na Komisiyo ihari, narwo rumukatira iyo myaka. Yasabye isubirishamo ry'urubanza ku wa 10 Gicurasi 2007 ariko akaba atarasubizwa.

Icyagaragariye Komisiyo ikurikirana urwo rubanza rwo ku 10 Gicurasi 2007, ni uko NIYONSENGA Angéline atahawe umwanya wo kwisobanura ku byo yari yarashinjwe kandi urukiko ntiruhe n'agaciro ibyari byaranditswe n'umuhungu we wari waje kumushinjura ari nawe wari waramushinje.

Iki kibazo Komisiyo yakigejeje ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca, mu mubonano wabahuje ku wa 5 Ukuboza 2007, imusaba ko NIYONSENGA Angéline yakwemererwa isubirishamo ry'urubanza.

Ikindi Komisiyo isanga Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inkiko Gacaca bwatekerezaho ari ubushobozi bwo kuburana bw'umukecuru nk'uwo w'imyaka 72.

B. Ihungabana ry'uburenganzira ku buzima

1. Urupfu rwa HABINSHUTI Anicet

Ku wa 28 Kanama 2006, AKIMPAYE Marie Thérèse ubarizwa mu Kagari ka Murama, Umurenge wa Maranyundo, Akarere ka Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba, yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha gukurikirana ikibazo cy'umwana we, HABINSHUTI Anicet, wakubitiwe mu Kagari ka Nsheke, Umurenge wa Nyagatare, mu Karere ka Nyagatare, bikamuviramo urupfu.

Ku wa 4 Ukwakira 2006, Komisiyo yabonanye na Komanda wa Sitasiyo ya Polisi ya Nyagatare, ayereka dosiye n° 030 E.G.M.Nytre/06 yakozwe na Polisi ku rupfu rwa HABINSHUTI Anicet, anavuga ko iyo dosiye yoherejwe muri Parike ya Nyagatare.

Kuri uwo munsi, Komisiyo yabonanye kandi na Porokireri wa Parike ku Rwego Rwisumbuye i Nyagatare, isanga iyo dosiye yarahageze ku wa 9 Kanama 2006, ihabwa n° RPGR/ 20772/S1/06/ME/RA.

Komisiyo yamenye ko Polisi yafashe RUTABINGWA Viateur ikaza kumurekura kuko nta bimenyetso simusiga byamuhamyaga icyaha. Komisiyo yasanze kandi nta pimwa ry'umurambo (autopsie) ryakozwe kugira ngo ikishe HABINSHUTI Anicet kimenyekane.

Porokireri wa Parike ku Rwego Rwisumbuye i Nyagatare yabwiye Komisiyo ko yamenye ko HABINSHUTI Anicet na NISHYIREMBERE Ignace bakubiswe n'abaturage benshi bo mu Mudugudu wa NSHEKE, biviramo HABINSHUTI Anicet gupfa.

Komisiyo yabonanye n'Umuhuzabikorwa w'Akagari ka Nsheke, NSANGANIRA François na RUCAKANAMA James, bavuga ko HABINSHUTI Anicet na NISHYIREMBERE Ignace batakubiswe, ahubwo ko HABINSHUTI Anicet yazize igicuri ndetse na mukuru we NISHYIREMBERE Ignace akavuga ko yakirwaraga.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku wa 11 Ukwakira 2006, Komisiyo yajyanye na NISHYIREMBERE Ignace kuri Parike ku Rwego Rwisumbuye i Nyagatare kugira ngo asobanure iby'urupfu rwa murumuna we HABINSHUTI Anicet.

Umushinjacyaha witwa RUSANGANWA Augustin yabwiye Komisiyo ko azatumira abaturage bose b'Umudugudu wa Nsheke, NISHYIREMBERE Ignace akerekana abishe murumuna we, ariko ntibyakorwa.

Ku wa 5 Mata 2007, Komisiyo yabonanye na Porokireri mushya, isanga atari azi icyo kibazo, ariko avuga ko agiye kugikurikirana ku buryo bwihutirwa.

Ku wa 25 Ukwakira 2007, Komisiyo yongeye kubonana na Porokireri wa Parike ku Rwego Rwisumbuye i Nyagatare, avuga ko iyo dosiye yaba yaragiye mu Rukiko, kuko ngo yayihaye Umushinjacyaha wari usanzwe ayikurikirana witwa SEJEMBA Ismaïl, ngo asubire gukora irindi perereza nyuma ibone kohererezwa Urukiko. Uwo mushinjacyaha abajijwe yavuze ko itaroherezwa mu rukiko.

Mu mabaruwa yayo n° CRDH/562/07 yo ku wa 17 Nzeri 2007 na n° CRDH/104/07 yo ku wa 19 Gashyantare 2007, Komisiyo yari yaribukije Umushinjacyaha Mukuru wa Repuburika ikibazo cy'urupfu rwa HABINSHUTI Anicet, imusaba ko hakorwa iperereza, iyo dosiye igashyikirizwa Urukiko kugira ngo abagize uruhare muri urwo rupfu bamenyekane bahanwe.

Komisiyo isanga Polisi ya Nyagatare na Parike ku Rwego Rwisumbuye i Nyagatare bataritaye kuri iki kibazo kuko nta n'iperereza rirambuye ryakozwe kugira ngo abakekwaho icyaha bashyikirizwe ubutabera.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko noneho iyo dosiye yashyikirijwe Urukiko, nyuma y'uko Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika yandikiye Umushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye kugira ngo akurikirane icyo kibazo.

2. Ikirego cya MUGWANEZA Drocella

Ikirego cya MUGWANEZA Drocella Komisiyo yagikurikiranye kuva mu mwaka wa 2006 ndetse yacyanditse muri raporo yayo y'uwo mwaka[9].

Ku wa 18 Mutarama 2006, ni bwo MUGWANEZA Drocella utuye mu Cyahafi, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa kugira ngo umushinwa witwa YU DING CHAO wakubise umugabo we MUSHUMBA Issa, bikamuviramo gupfa, ashyikirizwe ubutabera.

MUGWANEZA Drocella yavuze ko umugabo we yapfuye ku wa 16 Ukuboza 2004 aguye mu bitaro bikuru bya Kigali (C.H.K.) biturutse ku rugomo yagiriwe na YU DING CHAO. Uregwa yafashwe na Sitasiyo ya Polisi ya Muhima ashyikirizwa Parike ya Kigali akorerwa dosiye n° RPGR 0015/S1/2004/NG.R/MSM. Nyamara hashize igihe gito arekurwa mu buryo budasobanutse.

[9] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006, p. 115

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ipererereza ryakorewe kuri Pariki ya Kigali ku wa 3 Mata 2006 no ku wa 6 Ukwakira 2006 ryagaragaje ko dosiye yavuzwe itaboneka mu gitabo cyandikwamo ibirego byashyikirijwe inkiko mu mwaka w'2004 n'uw'2005.

Ku wa 9 Ugushyingo 2006, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Nyarugenge ibaruwa n° CRDH/2063/06 imusaba gukora ibishoboka kugira ngo dosiye n° RPGR0015/S1/2004/NG.R/MSM ishyikirizwe urukiko.

Kubera ko nta gisubizo Komisiyo yigeze ibona, ku wa 22 Kamena 2007, Komisiyo yandikiye Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika ibaruwa n° CRDH/323/07 imusaba gukora ibishoboka dosiye yavuzwe haruguru igashyikirizwa urukiko kuko bigaragara ko yatinze cyane mu bushinjacyaha.

Nk'uko byavuzwe haruguru, Komisiyo yandikiye inshuro ebyiri inzego z'ubushinjacyaha, ariko kugeza ubwo iyi raporo yategurwaga nta cyari cyakozwe.

Komisiyo irasaba inzego zifite mu nshingano zazo bene ibyo bibazo gukora ibishoboka byose kugira ngo MUGWANEZA Drocella azarenganurwe.

C. Iyicwa, urugomo n'itotezwa bikorerwa abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside

Mu mwaka w'2007, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yongeye gukurikirana ibibazo by'iyicwa, urugomo n'itotezwa bikorerwa abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside.

1. Iyicwa rya MUKAMARORA Costasie

Nyuma y'amakuru yanyuze kuri Radio Rwanda ku wa 16 Ukwakira 2007 avuga ku kibazo cy'iyicwa ryari rimaze iminsi ryibasiye abacitse ku icumu rya jenoside yo muri Mata 1994 n'abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca mu Turere twa Huye na Gisagara, mu Ntara y'Amajyepfo, ku wa 18 Ukwakira 2007, Komisiyo ibyibwiirije, yakurikiranye ikibazo cy'iyicwa rya MUKAMARORA Costasie wakomokaga mu Kagari ka Mbogo, Umurenge wa Gikonko, Akarere ka Gisagara, wishwe mu Ukwakira 2007.

Mu ipererereza yakoze, Komisiyo yabonanye n'inzego zinyuranye zirimo urwa Parike ya Huye ku rwego rwisumbuye, urwa Polisi, inzego z'ibanze n'abaturage banyuranye, zose ziyitangariza ko umuryango w' «abahutu» MUKAMARORA Costasie yari yarashatsemo wamwishishaga, kubera ko yagendanaga n'abacitse ku icumu rya jenoside bashinja abantu benshi mu Nkiko Gacaca, ndetse na baramukazi be bakamwanga kubera ko umuhungu we HARINDINTWARI Damien wabashinje na babyara be mu Nkiko Gacaca, yabwiye umwe muri abo ba nyirasenge witwa NYIRAMANA Jacqueline ko ari nyina ari we umwoshya kubikora. NYIRAMANA Jacqueline yamusabye kuzabashinjura, HARINDINTWARI Damien amusubiza amubwira ko «azakura inzira ku murima».

Nyuna MUKAMARORA Costasie yaje kwicwa mu ijoro mu Ukwakira 2007, ibimenyetso bikaba byaragaragaje ko yishwe n'umuhungu we HARINDINTWARI Damien.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

HARINDITWARI Damien, NYIRAMANA Jacqueline, RUHASHYA Jean Damascène na RUGAMBWA Jean Baptiste nibo bakurikiranwe n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, Urugereko rwa Nyanza, ku cyaha cy'ubuhotozi bwa MUKAMARORA Costasie, mu rubanza n° R.P 0494/07/HCR/NYANZA, rwasomwe ku wa 22 Ugushyingo 2007, HARINDITWARI Damien agahamwa n'icyaha, agahabwa igihano cy'igifungo cya burundu, naho bagenzi be rukabagira abere.

N'ubwo dosiye y'iyicwa rya MUKAMARORA Costasie yihutishijwe, ikaburanishwa, uwakoze icyo cyaha agahanwa, Komisiyo isanga harabaye uburangare bw'inzego z'ibanze zitafashe ingamba zihamye zo kumurindira umutekano, kuko byari bisanzwe bizwi ko bamuhigaga ngo bamwikize.

Komisiyo yongeye gusaba inzego bireba kurushaho kwita ku mutekano w'abacitse ku icumu rya jenoside n'abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca, zishishikariza cyane cyane abaturage kugira icyo gikorwa icyabo.

2. Iyicwa rya RUTAYISIRE Paul.

RUTAYISIRE Paul yari atuye mu Kagari ka Buhembe, Umurenge wa Karama, mu Karere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo. Yari Perezida w'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kaburemera, akaba kandi yari na Visi Perezida wa ARG-Impuhwe, ishyirahamwe ry'abacitse ku icumu ku rwego rw'Umurenge wa Karama.

Hashingiwe ku makuru yanyuze kuri Radio Rwanda ku wa 16 Ukwakira 2007 avuga iby'iyicwa rya RUTAYISIRE Paul, ku wa 19 no ku wa 20 Ukwakira 2007, Komisiyo ibyibwirije yakurikiranye icyo kibazo.

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yabonanye n'abantu banyuranye barimo abaturage, inyangamugayo mu Nkiko Gacaca, abari mu nzego z'ubuyobozi bw'ibanze, Parike ya Huye ku rwego rwisumbuye n'abashinzwe umutekano.

RUTAYISIRE Paul yishwe mu ijoro ryo ku wa 15 Ukwakira 2007 mu ma saa tatu n'igice z'ijoro. Yiciwe nko muri metero ijana avuye ku kabari kari hafi y'iwe. Yishwe atemwe ijosi, bamucocagura n'umutwe bakoresheje ishoka. Icyagaragaye mu iperereza rya Komisiyo, ni uko yaba yarazize ababonaga ko ababangamira mu manza za Gacaca kubera ibimenyetso bashakaga ko bitagaragazwa, we akaba yarakoraga ibishoboka ngo ibyo bimenyetso bijye ahagaragara nko mu bijyanye n'urubanza rw'uwitwa NYIRAKIROMBA Godelive yari yarasabye ko rwasubirishwamo. Urwo rubanza rwari kuburanishwa ku wa 17 Ukwakira 2007. Mu gihe cyo gutegura raporo, Komisiyo yamenye ko urwo rubanza rwaje kuburanishwa ku wa 16 Mutarama 2008 n'Urukiko rw'Ubujurire rw'Umurenge rwa Kaburemera, NYIRAKIROMBA Godelive akatirwa igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye kandi ko Urukiko Rukuru rwa Repulika, Urugereko rwa Nyanza rwaburanishije urubanza n° R.P 0526/07/HC/Nyanza rwa NYIRAKIROMBA Godelive na bagenzi be umunani ku cyaha cy'ubuhotozi, abantu bane barimo NYIRAKIROMBA Godelive bahanishijwe igihano cy'igifungo cya burundu no gutanga indishyi z'akababaro zingana n'amafaranga miliyoni mirongo itatu n'umunani n'ibihumbi magana atanu (38.500.000 FRw), batanu bagirwa abere.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

N'ubwo abakoze icyaha bahanwe, biragaragara ko abacitse ku icumu n'abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca bagitotezwa kandi bakicwa.

Komisiyo yongeye gusaba inzego bireba gushyiraho ingamba zihamye zo kurinda umutekano w'abacitse ku icumu rya jenoside n'abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca.

D. **Ikibazo cy'abana basambanywa**

Mu mwaka w'2007, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ibyibwirije cyangwa iregewe yakurikiranye ibibazo by'abana basambanywa bagaterwa inda ariko ubuyobozi bukabirangarana.

Abana basambanyijwe[10] bagaterwa inda yakurikiraniye ibibazo mu mwaka w'2007 ni aba bakurikira:

- N. C. wo mu Kagari ka Sure, Umurenge wa Mushubati, Akarere ka Rutsiro, mu Ntara y'Iburengerazuba.

- A. M. A. wo mu Kagari ka Gitega, Umurenge wa Mukindo, Akarere ka Gisagara, mu Ntara y'Amajyepfo.

- M. F. wo mu Mudugudu wa Kami, Akagari ka Rurangazi, Umurenge wa Nyagisozi, Akarere ka Nyanza, mu Ntara y'Amajyepfo.

- N. F. wo mu Murenge wa Manihira mu Karere ka Rutsiro, mu Ntara y'Iburengerazuba.

- N. J. wo mu Kagari ka Kidaho, Umurenge wa Nyamiyaga, Akarere ka Kamonyi, mu Ntara y'Amajyepfo.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko abo bana bagiye baterwa inda bari bafite imyaka iri hagati ya cumi n'ine na cumi n'irindwi, abayobozi b'inzego z'ibanze bakabihishira na Polisi ntiyihutire kubikurikirana.

Komisiyo irasanga ikibazo cyo gusambanya abana kimaze gutera intera ikomeye kandi kikaba kidakemurwa uko bikwiye.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko ababyeyi babihishira, bikamenyekana bitinze, abandi bakagerageza kumvikana n'ababatereye abana inda. Ikindi ni uko amaperereza atihutishwa, agakorwa atinze.

Komisiyo isanga ubuyobozi bukwiye kujya bukurikirana ibibazo nk'ibyo kandi hagakoreshwa ikoranabuhanga ripima « ADN » kuko ari ihohoterwa rikomeye.

[10] Komisiyo yanditse inyuguti zibanzirizaamazina yabo mu rwego rwo gukingira umwirondoro wabo bitewe n'imyaka yabo.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku bijyanye n'ipima rya « ADN », Komisiyo isanga hakwiye kujyaho ingengo y'imari muri Minisiteri y'Ubuzima mu rwego rwo gukumira iryo hohoterwa kugira ngo ababikoze bakurikiranwe, bahanwe, kandi n'abana bavutse bagire uburenganzira bwo kumenya ba se.

E. Imanza zitinda n'izitarangizwa

- **Imanza zitinda**

1. Urubanza rw'abahoze ari abakozi b'Ishuri Rikuru Nderabarezi rya Kigali

Ku wa 4 Kamena 2007, abantu makumyabiri n'umwe bahoze ari abakozi b'Ishuri Rikuru Nderabarezi rya Kigali (KIE), bahagarariwe na NSENGUMUREMYI François, bandikiye Komisiyo basaba kurenganurwa mu rubanza n° R.Ad 0044/07/HC/KGL baburana na KIE, bagahabwa itariki ya hafi bakaburana, kuko rumaze gusubikwa kenshi.

Mu kirego cyabo, bavuga ko basezerewe n'umukoresha wabo KIE mu mwaka w'2002. Icyo gihe bareze KIE kuba yarabirukanye nta nteguza cyangwa imperekeza bahawe kimwe n'icyemezo cy'umukoresha wa nyuma. Ikirego bakigejeje ku cyahoze ari Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, urubanza rugenda rusubikwa kenshi.

Ku wa 14 Kamena 2007, uwitwa UWIMANA Odette yamenyesheje Komisiyo ko abatanze ikirego bari abakozi bashinzwe gukora isuku muri KIE. Batangiye akazi mu mwaka w'1999 bafite kontaro y'igihe kitagenwe. Birukanywe mu mwaka w'2002 mu gihe hajyagaho uburyo bwo gukoresha amashyirahamwe yigenga mu mirimo y'isuku.

Yavuze ko ikirego cyatanzwe mu mwaka w'2003 mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, urubanza rugenda rusubikwa kenshi bitewe na avoka wa KIE watangaga impamvu zitandukanye.

Yamenyesheje Komisiyo kandi ko abarega baba kure ya Kigali ku buryo guhora bava mu Ntara urubanza rugasubikwa bibagora kuko nta mikoro bafite.

Ku wa 2 Nyakanga 2007, Komisiyo yagiye mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika i Kigali igenzura muri dosiye isanga urubanza rwatangiye kuburanishwa mu mwaka w'2003 rukiri mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali rwari rwarasubitswe inshuro esheshatu hiyongereyeho inshuro imwe rwari rumaze gusubikwa mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika.

Kubera izo mpamvu, ku wa 17 Kanama 2007, Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika ibaruwa n° CRDH/412/07 imusaba gukora ibishoboka urwo rubanza rukaburanishwa vuba kuko rumaze igihe kinini mu nkiko. Byongeye, abenshi mu barega baturuka kure ya Kigali kandi nta n'amikoro bafite yo guhora basiragira.

Mu ibaruwa ye n° 0115/PHC/07 yo ku wa 21 Kanama 2007, Perezida w'Urukiko Rukuru rwa Repubulika yijeje Komisiyo ko azakora ibishoboka hakurikijwe amategeko rukaburanishwa. Yagaragaje kandi ko urwo rubanza rutatinze mu rukiko ayobora. Nyuma urubanza rwahawe itariki ya 15 Nzeri 2007 na bwo rusubikwa kubera gahunda zihutirwa z'urukiko zatumye hataba iburanisha. Rwimuriwe ku wa 23

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ukwakira 2007 na bwo rusubikwa kubera ko avoka wa KIE yavugaga ko atabonye imyanzuro y'abatanze ikirego. Rwongeye kwimurirwa ku wa 5 Ugushyingo 2007 na bwo rurasubikwa kubera ko bane mu barega bari bashatse avoka wabo, icyo gihe akaba atari yitabye.

Mu nkiko zombi urubanza rwanyuzemo, rumaze gusubikwa inshuro 10 mu buryo bukurikira :

Itariki	Impamvu y'isubikwa
26/10/2003	Urega yasabye gushaka umwunganira mu rubanza.
26/2/2004	Impamvu ntigaragara muri dosiye
9/11/2004	Umucamanza ntiyabonetse
7/3/2006	Impamvu ntigaragara muri dosiye
4/8/2006	Impamvu ntigaragara muri dosiye
10/1/2007	Impamvu ntigaragara muri dosiye
4/6/2007	KIE ntiyahaye assignation avoka wayo ku gihe ngo ategure urubanza.
15/9/2007	Urukiko ntirwaburanishije kubera imirimo yihutirwa
23/10/2007	Avoka wa KIE yavuze ko atigeze ahabwa imyanzuro y'abatanze ikirego
5/11/2007	Avoka wa bamwe mu batanze ikirego ntiyabonetse.

Biragaragara ko urwo rubanza rwatinze mu rukiko kubera guhora rusubikwa kandi ko KIE na avoka wayo batinza urubanza nkana. Komisiyo iboneyeho gusaba Urukiko Rukuru rwa Repubulika gukora ibishoboka urwo urubanza rukaburanishwa vuba.

2. Urubanza rwa RUZAGIRIZA John

Ikirego cya RUZAGIRIZA John, ubarizwa mu Kagari ka Niboyi, Umurenge wa Niboyi, Akarere ka Kicukiro, yakigejeje kuri Komisiyo ku wa 25 Ukwakira 2006. Yanditse asaba Komisiyo kumurenganura mu rubanza n° RSOC0025/06/TGI/GSBO aregamo sosiyete *KK Security* yigeze gukorera nyuma akirukanwa.

Muri urwo rubanza, RUZAGIRIZA John yaregeye indishyi z'akababaro zo kwirukanwa ku buryo bunyuranye n'amategeko, indishyi z'uko atahawe « décompte final », icyemezo cy'umurimo, amafaranga y'amasaha y'ikirenga n'ay'iminsi y'ikiruhuko yakoze atahembewe, « indemnités » zihwanye n'icumbi, ingendo no kwivuza atahawe.

Ku wa 23 Ugushyingo 2006, Komisiyo yari yagiye ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, isanga urubanza rwa RUZAGIRIZA John rutaraburanishwa.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko urwo rubanza rwagiye rusubikwa kenshi mu buryo bukurikira :

- Dosiye yakiriwe ku wa 7 Gashyantare 2005 (date d'inscription) n'Urukiko rw'Umujyi wa Kigali i Nyamirambo ;
- Itariki ya mbere yo kuburana yari ku wa 25 Gicurasi 2005 ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Ku wa 25 Gicurasi 2005 urubanza ntirwaburanishijwe kubera irahira ry'Abaseseri, rwimurirwa ku wa 2 Kanama 2005 ;
- Ku wa 2 Kanama 2005, urubanza ntirwaburanishijwe kuko ababuranyi bombi batitabye urukiko, urubanza rwimurirwa ku wa 26 Ukwakira 2005 ;
- Ku wa 26 Ukwakira 2005, urubanza rwaraburanishijwe *KK Security* idahari, rutegeka iperereza ryagombaga gukorwa ku wa 10 Ugushyingo 2005, urubanza rugakomeza ku wa 16 Ugushyingo 2005 ;
- Ku wa 16 Ugushyingo 2005, urubanza rwarasubitswe bitewe n'uko abacamanza bari mu mahugurwa, rwimurirwa ku wa 15 Gashyantare 2006 ;
- Kuva ku wa 15 Gashyantare 2006 urubanza rwarahagaze, dosiye yimurirwa i Masaka bitewe n'imiterere n'imikorere mishya y'inkiko, rwongera gushyirwa ku wa 4 Mutarama 2007 ;
- Ku wa 4 Mutarama 2007, urubanza rwagombaga kuburanishwa i Masaka rwarasubitswe kuko iperereza ryari ritarakorwa, bitewe n'uko uwagombaga kurikora, RUREMESHA Simon, yari mu kiruhuko, rwimurirwa ku wa 7 Gashyantare 2007 ;
- Ku wa 7 Gashyantare 2007, rwarongeye rurasubikwa kuko ababuranyi bose bataje (uretse ko n'iperereza ryari ritarakorwa), rwimurirwa ku wa 8 Werurwe 2007 i Ndera ;
- Ku wa 8 Werurwe 2007, wari umunsi w'ikiruhuko, urubanza rwimurirwa ku munsi utazwi.

Ku wa 18 Kamena 2007, Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ibaruwa n° CRDH/312/07, igenera Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga kopi, imusaba ko hakorwa ibishoboka iyo dosiye ikaburanishwa mu gihe cya vuba.

Ku wa 19 Nyakanga 2007, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, agenera Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu kopi, atanga ibisobanuro ku mpamvu iburanisha ry'urubanza n° RSOC0025/06/TGI/GSBO ryatinze.

Yagaragaje ko urubanza rwatinze kuburanishwa kuko icyicaro cy'Urukiko cyimuwe inshuro zirenze imwe, dosiye ntizibashe gushyirwa ku murongo uko bikwiye. Ikindi ni uko iperereza urukiko rwategetse mu iburanisha ryo ku wa 26 Ukwakira 2005 ryari ritarakorwa kugeza ubwo ibaruwa yandikwaga kubera amikoro make y'urwo Rukiko.

Komisiyo yari yagaragaje, mu ibaruwa yayo yavuzwe haruguru, ko impamvu nyakuri yo kuba urwo rubanza rwari rumaze igihe rutaburanishwa ari ukubera ko Urukiko rutakoze iperereza rwari rwategetse. Ibi byashimangiwe n'uko aho iperereza rikorewe, urubanza rwaburanishijwe ku wa 10 Nzeri 2007, Urukiko rugategeka ko RUZAGIRIZA John ahabwa ibyo amategeko amwemerera.

Komisiyo isanga dosiye n° RSOC0025/06/TGI/GSBO RUZAGIRIZA John yaregagamo Sosiyete *KK Security* itarashoboye kuburanishwa mu gihe giciriritse kubera umwete muke bw'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, ikaba isaba ko abagaragaweho uburangare nk'ubwo bajya babibazwa.

3. Ikibazo cya HATANGIMANA Jean Eric

Ku wa 15 Kamena 2007, MUKANTABAKUNZI Consolée, utuye mu Kagari ka Kinunga, Umurenge wa Remera, Akarere ka Ngoma, yandikiye Komisiyo ayisaba kumurenganura muri dosiye n° RPGR03001059/S1/07/BG/KC yari ifitwe na Parike y'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge iregwamo

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

umuhungu we, HATANGIMANA Jean Eric, wari afungiye muri Gereza ya Kigali, igashyikirizwa urukiko, ikaburanishwa vuba.

Ku wa 2 Nyakanga 2007, MUKANTABAKUNZI Consolée yaje kuri Komisiyo atanga ibisobanuro ku kirego cye. Yavuze ko umuhungu we yafashwe na Polisi ku wa 10 Mata 2007 ashinjwa gukoresha inyandiko mpimbano mu gihe yafatwaga atwaye imodoka afite « Permis » y'impimbano. Ikindi kandi, nyina yagejeje kuri Komisiyo icyemezo cy'Umurenge kigaragaza ko HATANGIMANA Jean Eric afite imyaka 17 gusa, akaba yari yariyongereye imyaka kugira ngo abone uruhushya rwo gutwara imodoka.

Ku wa 18 Nyakanga 2007, Komisiyo yasuye HATANGIMANA Jean Eric aho afungiye isanga yemera icyaha. Yasobanuye ko yafatiwe i Nyarugenge ubwo yari atwaye imodoka. Nyuma y'iminsi igera ku ijana afunze, yari atarahamagarwa kuburana kandi atari yasubizwa mu nama y'abacamanza n'icyemezo kimufunga by'agateganyo kitarongerewe.

Ku wa 27 Kanama 2007, Komisiyo yagiye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge isanga dosiye ye n° RP 0116/07/TB/NYG itarahabwa itariki yo kuburaniraho.

Nyuma, Ubwanditsi bw'Urukiko bwashyize iburanisha ry'urwo rubanza ku wa 7 Nzeri 2007, ari nawo munsi yaburanyeho.

Ku wa 17 Ukwakira 2007, Komisiyo yabonanye na HATANGIMANA Jean Eric ayibwira ko urubanza rwe rwasomwe ku wa 21 Nzeri 2007, agakatirwa igihano cyo gufungwa amezi atandatu, kikaba cyaragombaga kurangira ku wa 19 Ukwakira 2007. Nyamara ubwo Komisiyo yasubiraga muri Gereza ya Kigali kuri iyo tariki, yasanze HATANGIMANA Jean Eric atari ku rutonde rw'abagomba gutaha kuko urukiko rutigeze rugeza kuri Gereza imyanzuro yarwo.

Kubera iyo mpamvu, ku wa 23 Ukwakira 2007, Komisiyo yagiye mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge isaba ko matolewa y'urubanza rwa HATANGIMANA Jean Eric ishyikirizwa ubuyobozi bwa Gereza ya Kigali bidatinze kuko yarangije igihano cye.

Komisiyo yamenye ko HATANGIMANA Jean Eric yafunguwe ku wa 25 Ukwakira 2007, amaze iminsi itandatu afunze kandi yari yararangije igihano.

4. Urubanza rwa MUKANYIRIGIRA Solange

Ku wa 21 Gicurasi 2007, Umuryango wa MUKANYIRIGIRA Solange wandikiye Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu usaba kurenganura MUKANYIRIGIRA Solange wari ufungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali kuva ku wa 20 Ukuboza 2002, akaba atarigeze aburana.

Mu mapereereza Komisiyo yakoze, yamenye ko ku wa 11 Mata 2003, Ubushinjacyaha bwa Repubulika bwashyikirije Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali dosiye n° RMP 1317/S15/GS/HI igahabwa n° RP 41258/KIG. Nyuma y'ivugururwa ry'ubucamanza yoherejwe mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika yandikwa mu gitabo cy'ibirego kuri n° RP 0107/06/HC/KIG. MUKANYIRIGIRA Solange akurikiranyweho icyaha cyo gukubita no gukomeretsa MUKAMUHIZI Dominata, ibyo bikaba byarabaye mbere y'uko yicwa n'umugabo we, KUBWIMANA François.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu rubanza rwaburanishijwe n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika ku wa 6 Ugushyingo 2006, rugasomerwa mu ruhame ku wa 10 Mutarama 2007, KUBWIMANA François yahamwe n'icyaha cy'ubuhotozi ahanishwa igifungo cy'imyaka cumi n'itanu. MUKANYIRIGIRA Solange we, nk'uko bigaragara muri rwemeje ya nyuma ku rupapuro rwa nyuma rw'urwo rubanza, Urukiko rwemeje ko urubanza rwe rwoherezwa mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, akaba ari ho ruburanishirizwa kuko icyaha yari akurikiranyweho cyo gukubita no gukomeretsa kitari mu bubasha bw'Urukiko Rukuru rwa Repubulika ku rwego rwa mbere ndetse bikaba byaragaragaye ko MUKANYIRIGIRA Solange atafatanyije na musaza we nk'uko byatekerezwaga mbere.

Komisiyo yamenye kandi ko ku wa 7 Gashyantare 2007, NDORIMANA Potin, musaza wa nyakwigendera MUKAMUHIZI Dominata, yajuririye Urukiko rw'Ikirenga. Ku wa 13 Gashyantare 2007, urwo Rukiko rwandikiye Urukiko Rukuru rwa Repubulika rusaba kohererezwa dosiye n° RP 0107/06/HC/KIG. Dosiye imaze kuhagera, yarasuzumwe, Urukiko rw'Ikirenga rusanga ubujurire bwa NDORIMANA Potin butakwakirwa. Icyo gihe dosiye yagumye muri urwo Rukiko.

Ku wa 20 Kanama 2007, Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ibaruwa n° CRDH/419/07 isaba ko, nk'uko byemejwe n'Urukiko Rukuru rwa Repubulika, dosiye n° RP 0107/06/HC/KIG yohererezwa Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo mu gihe cya vuba, kugira ngo MUKANYIRIGIRA Solange wari umaze hafi imyaka itanu afunze, aburane.

Komisiyo yamenye ko ku wa 19 Nzeri 2007, Urukiko rw'Ikirenga rwoherereje Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo dosiye n° RP 0107/06/HC/KIG ihabwa n° RP 0587/07/TGI. Mu rubanza rwaburanishijwe ku wa 6 Ugushyingo 2007, rugasomerwa mu ruhame ku wa 22 Ugushyingo 2007, MUKANYIRIGIRA Solange yahamwe n'icyaha cyo gukomeretsa ariko agabanyirizwa igihano kuko yemeye icyaha akanagisabira imbabazi, Urukiko rumuhanisha igifungo cy'imyaka ibiri.

N'ubwo MUKANYIRIGIRA Solange yafunguwe ku wa 6 Ukuboza 2007, Komisiyo irasanga yaravukijwe uburenganzira ku rubanza ruciwe mu gihe gicirirtse kubera ko urubanza rwe rwaburanishijwe nyuma y'igihe kigera ku myaka itanu afunzwe by'agateganyo, ibyo bigatuma amara muri gereza igihe gisumba kure igihano yahawe.

Komisiyo irasanga kandi abagize uruhare muri ubwo burangare bwavukije umuturage uburenganzira bwe bw'ibanze bakwiye kubibazwa.

5. Urubanza rwa BUTERA Gérard na bagenzi be

Ku wa 22 Werurwe 2006, KABANDA Michel yandikiye Komisiyo ayisaba kurenganura BUTERA Gérard wari ufungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali kuva ku wa 22 Nyakanga 2003 akaba yari amaze igihe ataraburana.

Ku wa mbere Werurwe 2007, Komisiyo yabonanye na BUTERA Gérard muri Gereza Nkuru ya Kigali, ayitangariza ko atari yaburana ahubwo ko yamenye ko dosiye n° RP0549/06/TG/GSB aregwamo « icyaha cyo gukubita no gukomeretsa byateye urupfu » iri mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku wa 6 Werurwe 2007, Komisiyo yagiye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kureba ibyerekeranye n'iyo dosiye. Yasanze ari dosiye ihuriweho n'abantu batandatu ari bo MITARI Prosper, NTAWUKIZAMWABO Cyrille, TWAGIRAMUNGU Emmanuel, BUTERA Gérard, SIBIKINO Jean Claude na MURASIRA Théogène, bose bakaba bari bakurikiranyweho icyaha cyo « gukubita no gukomeretsa byateye urupfu ». Komisiyo yasanze kandi Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika bwarayishyikirije Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 20 Nyakanga 2006 na bwo buyishyikiriza Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 18 Nzeri 2006.

Komisiyo yamenye na none ko ku wa 8 Ugushyingo 2006, urubanza rwasubitswe kubera ko icyumba cyo kuburanishirizamo kitashoboye kuboneka rwimurirwa ku wa 22 Werurwe 2007. Kuri iyo tariki, urubanza nabwo rwarasubitswe. Rwaje kuburanishwa ku wa 30 Gicurasi 2007, rusomerwa mu ruhame ku wa 2 Nyakanga 2007. Gutinda gusomwa k'urwo rubanza kwaba kwaratewe n'uko umucamanza waruburanishije yari yaragiye mu mahugurwa. BUTERA Gérard na bagenzi be bakatiwe igihano cy' igifungo cy'imyaka ibiri mu gihe bari bamaze imyaka ine bafunze. Ku wa 30 Nyakanga 2007 ni bwo bafunguwe.

Komisiyo irasanga Ubushinjacyaha bwaratinze gushyikiriza Urukiko dosiye n° RP 0549/06/TG/GASABO bituma BUTERA Gérard na bagenzi be bavutswa uburenganzira bwabo ku rubanza ruciwe mu gihe giciriritse.

Komisiyo irasanga kandi Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaratinze gushyikiriza ubwanditsi bwa gereza kopi y'urubanza bituma BUTERA Gérard na bagenzi be bamara hafi ukwezi kose bagifunze kandi bararangije igihano, hatirengagijwe ko bakatiwe imyaka ibiri bari bamaze imyaka ine bafunze.

6. Urubanza rwa NZABAHAGAMA Pierre Célestin na HABIMANA Boniface

Ikirego cya NZABAHAGAMA Pierre Célestin na HABIMANA Boniface, bafungiye muri Gereza ya Ruhengeri, cyageze muri Komisiyo mu mpera z'umwaka w'2006. Basabaga Komisiyo kurenganurwa, bakaburanishwa vuba. Dosiye yabo n° 35368/S5/H.A iri mu Bushinjacyaha bwo ku Rwego Rwisumbuye rw'Akarere ka Musanze, basabaga ko yashyikirizwa urukiko, ikaburanishwa. Bavuga ko baregwa icyaha cyo gucura umugambi wo gushaka kwica (tentative d'assissinat), bakaba barafunzwe n'icyemezo cy'Umucamanza cyo ku wa 16 Gashyantare 2004, ariko kuva icyo gihe kugeza ubwo bandikiraga Komisiyo bakaba bari batarashyikirizwa urukiko.

Ku wa 14 Werurwe 2007, Komisiyo yabonanye n'Umushinjacyaha ufite ububasha mu gihugu hose wo mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika, Urugereko rwa Musanze, KALIMWABO, imugezaho ikibazo cya NZABAHAGAMA Pierre Célestin na HABIMANA Boniface kirebana no gutinda kuburana. Yabwiye Komisiyo ko bagize ikibazo cy'amadosiye menshi yavuye mu nkiko zitandukanye nyuma y'ivugurura ry'ubucamanza ku buryo bItari byoroshye guhita bamenya aho dosiye yabo iherereye, cyakora yizeza Komisiyo ko nibayibona bazahIta bayishyikiriza urukiko rufite ububasha bwo kuyiburanisha.

Dosiye ya NZABAHAGAMA Pierre Célestin na HABIMANA Boniface yashyikirijwe urukiko, urubanza rwabo rushyirwa ku wa 20 Kamena 2007. Komisiyo yabimenyesheje NZABAHAGAMA Pierre Célestin na HABIMANA Boniface. Cyakora urubanza ntirwaburanishijwe kuri iyo tariki kuko rwimuriwe ku wa 3 Nyakanga 2008.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo isanga kuba NZABAHAGAMA Pierre Célestin na HABIMANA Boniface bamaze hafi imyaka ine bafunzwe by'agateganyo badashyikirizwa urukiko, baravukijwe uburenganzira ku rubanza ruciye mu gihe gicirirtse, bityo ikaba isaba ko abagira uruhare mu bikorwa nk'ibyo bagomba kubibazwa.

- **Imanza zitarangizwa**

1. Urubanza rwa KATANGA WA KATANGA Dominique

Ku wa 6 Nyakanga 2007, KATANGA WA KATANGA Dominique yandikiye Komisiyo ibaruwa asaba kurenganurwa kugira ngo urubanza n° R.P.A.135/R1/RUH rwo ku wa 24 Werurwe 2000 rukomoka ku rubanza n° R.P. 93/R1/99. yatsinze aburana na MUNGUNDA MUKOSHIKI Emeritha, rurangizwe.

Urwo rubanza rushingiye ku mutungo wa KATANGA WA KATANGA Dominique ugizwe n'ikibanza n° 3534 kiri mu Karere ka Rubavu, yahawe mu buryo bwemewe n'amatekeko, ariko ukaba warigaruriwe na MUNGUNDA MUKOSHIKI Emeritha wimuye imbago nta burenganzira ahawe n'inzego zibifitiye ububasha.

Nk'uko bigaragazwa na matolewa z'imanza zavuzwe haruguru, KATANGA WA KATANGA Dominique yaraburanye, aratsinda, ariko kuva mu mwaka w'2001 ntabwo arahabwa ibyo yatsindiye. KATANGA WA KATANGA Dominique yavukijwe uburenganzira ku maherere kuko raporo y'Umuhesha w'Inkiko yo ku wa 11 Kamena 2003 ifite nº 21217/06.05/RUH yoherereje Minisitiri w'Ubutabera, igaragaza ko irangizarubanza ryagiye riburizwamo n'uwari ukuriye Polisi y'Igihugu ahahoze ari mu Ntara ya Gisenyi, MUHETO Francis.

Komisiyo yakurikiranye iki kibazo, ibonana n'Umuhesha w'Inkiko witwa RUCYAHANA Manassé wari watangiye kurangiza urwo rubanza biciye mu cyamunara. Uwo Muhesha w'Inkiko yatangarije Komisiyo ko mu gihe ipiganwa ry'abaguzi ryari ryatangiye, uwari umukuru wa polisi mu cyahoze ari Intara ya Gisenyi yaje gusesa icyo cyamunara.

Icyagaragariye Komisiyo ni uko uwo mupolisi yasheshe icyo cyamunara nta bubasha abifitiye. Ubusanzwe icyemezo cyo gusesa cyamunara gifatwa n'Urukiko.

Komisiyo irasanga KATANGA WA KATANGA Dominique yaravukijwe uburenganzira bwe ku irangirizwa ry'urubanza yatsinze nk'uko biteganywa n'amategeko kandi nta mpamvu uwafashe icyo cyemezo agaragaza.

Komisiyo irasaba inzego zose zifite mu nshingano zazo kurangiza imanza, kurangiza uru rubanza nta yandi mananiza kuko urubanza rwaciwe ruba rwabaye itegeko.

2. Ikirego cya MUKARUSINE Spéciose

MUKARUSINE Spéciose ubarizwa mu Mudugudu wa Kitazigurwa, Akagari ka Ngiryi, Umurenge wa Gasaka, Akarere ka Nyamagabe, mu Ntara y'Amajyepfo, yandikiye Komisiyo ayigezaho ibibazo bibiri yari afitanye n'umubyeyi we SEHENE.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Muri ibyo birego byombi, kimwe kirebana n'urubanza n° RC 7989/19 yaburanye na SEHENE rugacibwa n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Nyamagabe ku wa mbere Ukwakira 1986, agatsinda ariko imyanzuro yarwo ntishyirwe mu bikorwa.

Urundi rubanza aburana na none n'umubyeyi we rufite n° RC 0025/05/TD/GIRO, rwaciwe ku wa 22 Kamena 2005. Nk'uko kopi z'imikirize y'urubanza zibigaragaza, SEHENE yaratsinzwe ariko ntibubahiriza ibyo amategeko amusaba.

Komisiyo yakoze amaperereza, ibonana n'inzego zinyuranye. Yabonanye n'ubuyobozi bw'Akarere, ibonana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari, ibonana na SEHENE na MUKARUSINE Spéciose.

Ku wa 24 Nyakanga 2007, Komisiyo yabonanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamagabe ayibwira ko ibyo bibazo byatangiye gukurikiranwa ndetse ko MUKARUSINE Spéciose n'umubyeyi we SEHENE bamenyeshejwe ko ku wa 20 Kanama 2007 hazakorwa irangizarubanza.

Ku wa 18 Kanama 2007 no ku wa 3 Nzeri 2007, Komisiyo yasubiye mu Karere ka Nyamagabe ibonana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, yongera kuyizeza ko icyo kibazo kigiye gucyemurwa mu minsi ya vuba.

Ku wa mbere Ugushyingo 2007, Komisiyo yongeye gusubira mu Karere ka Nyamagabe, isanga irangizarubanza ryarabaye, ariko nta nyandikomvugo ryakorewe**.** MUKARUSINE Spéciose akaba avuga ko atashimishijwe n'uko urubanza rwarangijwe kuko imyanzuro yarwo itubahirijwe.

Komisiyo izakomeza kugikurikirana.

3. Urubanza rwa MUKAMASABO Nathalie

Ikibazo cya MUKAMASABO Nathalie, ubarizwa mu Kagari ka Ntenyo, Umurenge wa Byimana, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo, cyanditswe muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005[11]. MUKAMASABO Nathalie yasabaga kurenganurwa agahabwa inka eshatu yatsindiye KARUGANDA Jean mu urubanza n° RC 2170/05/1999, rwakijijwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama ku wa 11 Mutarama 2002

Muri raporo yayo y'umwaka w'2005, Komisiyo yagaragaje ko yasanze uwari Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Ntenyo, MUSONERA Phocas, yaragize ubushake buke mu gukemura iki kibazo, isaba Ubuyobozi bw'uwo Murenge gushakisha aho MUKANDOLI Laurence, umugore wa KARUGANDA Jean abarizwa kugira ngo urwo rubanza rurangizwe.

Muri iyo raporo kandi, Umuyobozi w'icyahoze ari Akarere ka Ntenyo yabwiye Komisiyo ko ku wa 24 Kanama 2005 yandikiye uwo Munyamabanga Nshingwabikorwa ibaruwa n° 709/07.13/07, amusaba kurangiza icyo kibazo nta yandi mananiza, atabikora akazakurikiranwa n'amategeko. Siko byagenze kuko

[11] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005, p. 48.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Ntenyo bwakomeje kurangarana ikibazo cya MUKAMASABO Nathalie, bituma yongera kwandikira Komisiyo ayisaba gukomeza kumufasha akabona ibyo yatsindiye.

Ku wa 17 Mata 2007, Komisiyo yabonanye na MUKAMASABO Nathalie, ayibwira ko urubanza rwe rutararangizwa.

Komisiyo yasabye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Ntenyo, MUHOZA René, kurangiza urwo rubanza, ayizeza ko agiye kubikora.

Ku wa 22 Kanama 2007, Komisiyo yasubiye kureba aho icyo kibazo kigeze, isanga ntacyagikozweho.

Komisiyo yavuganye kuri icyo kibazo n'umukozi ushinzwe ibibazo by'abaturage mu Murenge wa Byimana, imusaba ko hakorwa ibishoboka bakakirangiza.

Mu gihe Komisiyo yateguraga iyi raporo, yagiye ku Murenge wa Byimana, ivugana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wawo, imusaba kurangiza icyo kibazo kuko cyatinze bikabije.

Komisiyo irasanga ikibazo cya MUKAMASABO Nathalie gikomeje kurangaranwa n'inzego zigomba kukirangiza, hirengagijwe ko urubanza rwaciwe burundu ruba rwabaye itegeko. Komisiyo irasaba Ubuyobozi bw'Akarere ka Ruhango kukirangiza bidatinze, MUKAMASABO Nathalie akarenganurwa.

4. Ikibazo cya NIBAKAREKE Vincent

Ku wa 4 Kamena 2007, NIBAKAREKE Vincent, utuye mu Kagari ka Giko, Umurenge wa Kayumbu, Akarere ka Kamonyi, mu Ntara y'Amajyefo yandikiye Komisiyo asaba ko yamufasha kubona amafaranga ibihumbi ijana na mirongo irindwi na bitandatu (176.000 FRw) yatsindiye uwitwa MWEMEZI mu rubanza rwaciwe n'Abunzi ku wa 28 Mutarama 2007.

Ku wa 4 Ukwakira 2007, Komisiyo yagiye ku biro by'Akagari ka Giko, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ayibwira ko uwatsinzwe yanze kwishyura avuga ko gasegereti ivugwa ko yagurishije yayambuwe n'abapolisi, bityo ngo NIBAKAREKE Vincent akaba agomba gutegereza akabanza akabarega, akabona kumwishyura. Uwo Munyamabanga Nshingwabikorwa yabwiye Komisiyo ko ikibazo bakigejeje ku buyobozi bw'Umurenge, hakaba hategerejwe icyemezo kizafatwa.

Komisiyo yagiye ku Murenge wa Kayumbu, ibonana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, imubaza niba azi icyo kibazo, ayibwira ko hashize iminsi mike kimugezeho, akaba agiye kukirangiza, nyuma y'igihe gito akazabimenyesha Komisiyo.

Ku wa 31 Ugushyingo 2007, umukozi ushinzwe irangamimerere mu Murenge wa Kayumbu, MUDAGIRI André, yabwiye Komisiyo ko bagiye kukirangiza ku wa 24 Ukwakira 2007, ariko ntibabone abarebwa n'icyo kibazo bose. Irangizarubanza ryimuriwe ku wa 7 Ugushyingo 2007.

Ku wa 22 Ugushyingo 2007, Komisiyo yasanze ku itariki yari iteganyijwe urwo rubanza rutararangijwe kuko ugomba kwishyura yabuze.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo irasanga ubuyobozi bw'Umurenge Bwararangaranye icyo kibazo kuko butakoresheje ububasha buhabwa n'amategeko kugira ngo bukirangize kuko mu irangizarubanza hashobora no gukoreshwa ingufu za Leta.

5. Ikibazo cya KARANGANWA Emmanuel

Ikibazo cya KARANGANWA Emmanuel cyanditswe ku buryo burambuye muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2001[12] aho Komisiyo yibutsaga ko urubanza rwe n° R.C. 1396/2/98 aburana na NTAGANIRA Wellars wari Umuyobozi w'Akarere ka Ntongwe rwasubitswe inshuro cumi na zirindwi, ibyo bikaba byararterwaga n'uko Umuyobozi wari uw'icyahoze ari Akarere ka Ntongwe atitabaga Urukiko.

Muri raporo yayo yo mu mwaka w'2002[13], Komisiyo yongeye kwibutsa icyo kibazo isaba Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama kwihutisha urwo rubanza kugira ngo ukuri kugaragare, urengana arenganurwe. Umwaka w'2003[14] warangiye urwo rubanza rutaburanishijwe, bituma Komisiyo isaba Urukiko rw'Ikirenga gukurikirana icyo kibazo kugira ngo gikemuke kuko byagaragaraga ko iburanisha ryarwo ryatinze bikabije.

Urubanza rwa KARANGANWA Emmanuel rwaburanishijwe n'Urukiko rwari urw'Intara ya Gitarama, ku wa 6 Mata 2005, Akarere ka Ntongwe karatsindwa, gategekwa gutanga indishyi zihwanye n'amafaranga miliyoni imwe n'ibihumbi mirongo irindwi na bitatu (1.073.000 FRw).

Muri raporo yayo y'umwaka w'2005[15], Komisiyo yari yasabye Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo kwibutsa Akarere ka Ruhango karimo ahahoze ari Akarere ka Ntongwe kwishyura KARANGANWA Emmanuel amafaranga y'indishyi yatsindiye nta yandi mananiza. Komisiyo yagaragazaga ko KARANGANWA Emmanuel yarenganyijwe n'inzego zifite uruhare mu irangiza ry'imanza, irangiza izisaba kumurenganura vuba.

Umwaka w'2006 warinze urangira nta gikozwe ngo KARANGANWA Emmanuel ahabwe indishyi yatsindiye. Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango yabwiraga Komisiyo ko kutishyurwa kwa KARANGANWA Emmanuel biterwa n'uko bafite abantu benshi bagomba kwishyurwa. Icyo gihe yavuze ko agiye gukora urutonde rw'abagomba kwishyurwa na KARANGANWA Emmanuel arimo, bakazahera ku bo babona bihutirwa. Komisiyo yamusabye ko KARANGANWA Emmanuel yakwishyurwa muri abo bihutirwa kuko ikibazo cye kimaze igihe kirekire.

Ku wa 18 Mata 2007, Komisiyo yongeye kubonana n'Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango, ayibwira ko batarashobora kwishyura KARANGANWA Emmanuel.

Ku wa 24 Kanama 2007, Komisiyo yabwiwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'ako Karere, BURAGATARE Wellars, ko mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi bishyuye KARANGANWA Emmanuel igice cy'amafaranga bamugomba kingana n'ibihumbi magana atanu (500.000 FRw). Yavuze ko gutinda

[12] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2001, p. 31 - 32
[13] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2002, p. 15 - 16
[14] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, p. 16 - 17
[15] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005, p. 43 - 44

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

kwishyura byatewe n'uko mu bishyurwa harimo n'abagomba kwishyurwa ibirarane by'imishahara y'abari abakozi b'Uturere twateranyijwe tukabyara Akarere ka Ruhango, ko kandi ari bo bagombaga kubanza kwishyurwa. Komisiyo yasabye ko n'igice cy'amafaranga gisigaye bakora uko bashoboye bakakimuha vuba

Ku wa 31 Ugushyingo 2007, MUKAYIRERE Gatarina, Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Ubukungu mu Karere ka Ruhango, yabwiye Komisiyo ko ikibazo cya KARANGANWA Emmanuel kizitabwaho akishyurwa asigaye mu ntangiriro z'umwaka w'2008.

Komisiyo isanga KARANGANWA Emmanuel yarakomeje kurenganywa n'abakamurenganuye, ikaba yongera gusaba Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango kumwishyura nta yandi mananiza.

6. Urubanza rwa MUKASHEMA Gatarina

Ku wa mbere Ugushyingo 2006, MUKASHEMA Gatarina ubarizwa mu Mudugudu wa Nyanza, mu Murenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, yandikiye Komisiyo asaba gufashwa kurangirizwa urubanza n° RC 13533/32 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama ku wa 19 Gicurasi 1999.

Ku wa 10 Gicurasi 2007, Komisiyo yagiye mu Murenge wa Mwendo, ibonana n'umukozi ushinzwe irangamimerere, bavugana kuri icyo kibazo, asaba ko bagezwaho kopi y'urubanza.

Ku wa 22 Kanama 2007, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mwendo, yabwiye Komisiyo ko ajya kubonana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Mutara bagahana umunsi urwo rubanza ruzarangirizwaho.

Ku wa 3 Ukwakira 2007, Komisiyo yabonanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ayizeza ko agiye kurangiza urwo rubanza.

Ku wa 31 Ukwakira 2007, Komisiyo yamenye ko icyo kibazo cyashyikirijwe ushinzwe amategeko (notaire) mu Karere, RUGAZURA Jonas, wasobanuriye Komisiyo ko icyatumye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge atarangiza urwo rubanza ari uko yari muri uwo mwanya by'agateganyo. Yemeye ko azagikemura.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, icyo kibazo cyari kitararangizwa kandi urubanza rwaraciwe mu mwaka w'1999.

Komisiyo irasaba inzego zose zifite mu nshingano zazo kurangiza imanza, kurangiza imanza zaciwe burundu nta yandi mananiza, kuko urubanza rwaciwe burundu ruba rwabaye itegeko.

7. Ikibazo cy'isambu y'umuryango wa MUKAGATARE Frolida

Ikirego cya MUKAGATARE Florida utuye mu Kagari ka Rugando, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali, cyanditswe mu buryo burambuye muri raporo ya Komisiyo

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

y'umwaka w'2005[16] n'iy'umwaka wa 2006[17]. Muri izo raporo zombi, Komisiyo yagaragaje akarengane umuryango wa RUSABYAMBUGA Martin wishwe muri jenoside yo 1994 uhagarariwe na MUKAGATARE Florida wagiriwe utishyurwa imitungo yari muri iyo sambu igizwe n'ikawa, ibishyimbo, ubwatsi bw'amatungo, ibiti by'imbuto, uruzitiro rwa senyenge n'ibyuma bishinze muri beto.

Umwaka w'2005 warangiye Ubuyobozi bw'icyahoze ari Umujyi wa Kabuga bwaremeye guha agaciro imitungo ikishyurwa, ariko bitewe n'imihindukire y'Uturere tw'Igihugu, ntibyakozwe. Kubera iyo mpamvu, ku wa 25 Mata 2006, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro, ubu kabarirwamo igice kimwe cy'ahahoze ari Umujyi wa Kabuga, ibaruwa n° CRDH/0850/06 imugezaho imiterere y'ikibazo, inamusaba kugikemura.

Bitewe n'uko Komisiyo nta gisubizo ku ibaruwa yavuzwe yigeze ibona kandi ikibazo kikaba kitarakemuka, ku wa 21 Ugushyingo 2007, Komisiyo yagiye kureba Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro imugezaho imiterere y'ikibazo kandi imusaba kugisuzuma. Uwo muyobozi yayimenyesheje ko agiye gukora ibishoboka ikibazo kigasuzumwa kugira ngo gikemurwe burundu.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, ikibazo cyari kitarabonerwa igisubizo n'inzego zibishinzwe.

Komisiyo iributsa inzego zishinzwe kwimura abaturage mu nyungu rusange kujya zubahiriza amategeko hakazirikanwa ko umuturage agomba kwimurwa amaze guhabwa ibihwanye n'agaciro k'imitungo yangijwe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003.

8. Ikirego cya Padiri NSHOGOZA François-Xavier

Ku wa 8 Kamena 2007, Padiri NSHOGOZA François-Xavier, ubarizwa mu Butaliyani**,** Ospedale Clinicizzato di Chicti, Via dei Vestini, 19, 66100 Chieti, yandikiye Komisiyo ayisaba kumurenganura kubera ko ikibanza cye kiri i Gacuriro, mu Murenge wa Kinyinya, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, cyahawe Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda nta ngurane yacyo ahawe.

Mu mapererezа Komisiyo yakoze, yamenye ko icyo kibanza gifite metero mirongo ine n'esheshatu z'ubuhagarike kuri metero mirongo itatu n'enye z'ubutambike, Padiri NSHOGOZA François-Xavier yakiguze amafaranga ibihumbi magana atandatu (600.000 FRw) na NYIRAMATAMA Verediyana ku wa 12 Nzeri 2006. Icyo gihe Umukuru w'Umudugudu wa Kirira, Ushinzwe umutekano mu Kagari ka Gacuriro n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'ako Kagari bari mu bashyize umukono ku masezerano y'ubugure, bivuga ko ubwo buyobozi bwemera kandi bwemeza ko ikibanza ari icye kandi akaba yarakiguze mbere y'uko aho hantu hahabwa Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda. Ku wa 20 Nzeri 2006, Padiri NSHOGOZA François-Xavier yishyuye ku Murenge wa Kinyinya amafaranga ibihumbi mirongo itatu na bitandatu (36.000 FRw) ahwanye na 6 % y'ikiguzi cy'ikibanza. Ku wa 25 Nzeri 2006, yahawe n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Kinyinya icyemezo cy'ubuguzi n° 64.

[16] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005, p. 52 - 53
[17] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005, p. 92 - 93

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu kugishakira ibindi byangombwa, ku wa 4 Mutarama 2007, Padiri NSHOGOZA François-Xavier yandikiye Akarere ka Gasabo asaba gutererwa imbago. Ku wa 3 Gicurasi 2007, yandikiye Akarere ka Gasabo asaba guhabwa uburenganzira bwo kubaka. Ayo mabaruwa yombi ntiyigeze asubizwa.

Kubera ko Padiri NSHOGOZA François-Xavier yari yaraguze ikibanza ashaka kubaka kandi akaba anavuga ko n'ubushobozi abufite ndetse akaba yiteguye no gukurikiza gahunda y'imiturire mu Mujyi wa Kigali, ku wa 20 Kanama 2007, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo ibaruwa n° CRDH/420/07 isaba ko yahabwa ingurane y'ikindi kibanza kingana kandi gifite agaciro nk'ak'icyo yari yaraguze mu buryo buzwi n'ubuyobozi.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, nta gisubizo cy'iyo baruwa Komisiyo yari yabona.

Komisiyo irongera gusaba Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo kwishyura uwo muturage ikibanza cye nta yandi mananiza.

9. Ikibazo cya NTAKIRUTIMANA André

Ku wa 28 Kamena 2007, NTAKIRUTIMANA André yandikiye Komisiyo ibaruwa asaba kurenganurwa ngo kuko yakorewe ivangura n'Ubuyobozi bw'ikigo cy'Urwunge rw'Amashuri cya Rambura kigwamo n'abanyeshuri b'ababungu, mu Karere ka Nyabihu aho yigaga mu mwaka wa gatandatu w'ishami ry'imibare n'ubugenge (section Maths-Physique), bukaba butaramushyize ku rutonde rw'abanyeshuri bazakora ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri yisumbuye w'2007. Akomeza agaragaza impungenge aterwa n'imyitwarire y'ubuyobozi mu kibazo cye kuko yabwiyambaje ntibumurenganure, akaba ariyo mpamvu yasabye Komisiyo kumukurikiranira icyo kibazo.

Mu rwego rwo gushaka kumenya ukuri ku miterere y'icyo kibazo, ku wa 18 no ku wa 19 Nyakanga 2007 Komisiyo yakoze iperereza ibonana n'abantu banyuranye, isanga NTAKIRUTIMANA André yaravukijwe uburenganzira bwo kwiga.

Mu mapereza Komisiyo yakoze, yasanze imvugo y'ubuyobozi bw'ikigo cy'Urwunge rw'Amashuri cya Rambura cy'abahungu y'uko NTAKIRUTIMANA André atigeze aba umunyeshuri wemewe muri icyo kigo ko kandi atigeze ariha amafaranga y'ishuri, nta shingiro ifite.

Komisiyo yamenye kandi ko amafaranga y'ishuri nayo yayahaye ushinzwe amasomo (Préfet des Etudes) kugira ngo abe ayamubikiye. Igihe cyo kujya kuriha amafaranga y'ishuri kigeze, yayasabye ushinzwe amasomo amwumvisha ko yayabitse kuri konti ye iri muri Banki y'Abaturage, ko azaba ayamuha.

NTAKIRUTIMANA André yari umunyeshui nk'abandi, ari ku rutonde rw'abazakora ikizamini cya Leta. Icyagaragaye ni uko yasimbujwe umwana uzwi ku izina rya HIRWA René ku mwanya ufite n° 51, uwo mwana akaba atari asanzwe yiga kuri icyo kigo. Ikindi cyagaragaye ni uko igihe cyose NTAKIRUTIMANA André atari ku kigo yari yaragiye gushaka ibyangombwa yasabwe n'ikigo kandi akaba yarabifitiye uruhushya rwanditse ruriho umukono wa « Surveillant » TWAGIRIHIRWE Joseph.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo imaze kwegeranya ibyavuye mu mapererezа yakoze, yandikiye Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye muri Minisiteri y'Uburezi ibaruwa n° 423/07 yo ku wa 20 Kanama 2007, imushyikiriza dosiye yose igaragaza imiterere y'ikibazo cya NTAKIRUTIMANA André kugira ngo asubizwe uburenganzira bwo kwiga.

Komisiyo isanga Umuyobozi ushinzwe uburezi mu Karere ka Nyabihu, yararangaranye ikibazo cya NTAKIRUTIMANA André igihe yamwiyambazaga ntihagire igikorwa.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, ikibazo cya NTAKIRUTIMANA André cyari kitarabonerwa umuti.

Komisiyo irasaba Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano zayo kurenganura NTAKIRUTIMANA André agasubizwa uburenganzira bwo kwiga yavukijwe kandi ababumuvukije bakabihanirwa.

- **Imanza zitarangizwa kuko abatsinzwe baba nta mitungo bafite**

1. Urubanza rwa KARANGWA Valéry

Ku wa 30 Gicurasi 2006, KARANGWA Valéry, utuye mu Kagari ka Matyazo, Umurenge wa Mushishiro, Akarere ka Muhanga, mu Ntara y'Amajyepfo, yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha agahabwa amafaranga ibihumbi magana atatu (300 000 FRw) yatsindiye mukuru we, SEBUHORO Marcel, mu rubanza n° RC4466/15/2003, rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama ku wa 19 Nzeri 2003, SEBUHORO Marcel akaba yaranze kumwishyura avuga ko ntacyo atunze.

Ku wa 5 Nzeri 2006, Komisiyo yabonanye na KARANGWA Valéry ayibwira ko mu Ukwakira 2004, yasabye ubuyobozi bw' iyari Intara ya Gitarama kumukurikiranira ikibazo ariko ntibyakorwa.

Ku wa 8 Ugushyingo 2006, Komisiyo yongeye kubonana na KARANGWA Valéry, avuga ko SEBUHORO Marcel adafite ubushake bwo kumwishyura kandi afite umutungo. Uwo munsi, Komisiyo yagiye kwa SEBUHORO Marcel, ivugana n'abaturanyi be, isanga isambu mukuru we avuga ari nto cyane kandi ngo SEBUHORO Marcel ayisangiye na bashiki babo batanu, amatungo afite nayo akaba ari indagizo.

Komisiyo yabonanye na MUKAGASANA Janvière, Umuhuzabikorwa w'Akagari ka Matyazo, avuga ko Umurenge wamusabye kurangiza urwo rubanza, bageze kwa SEBUHORO Marcel basanga ntacyo atunze.

Komisiyo isanga KARANGWA Valéry yaravukijwe uburenganzira bwo kurangirizwa urubanza, ikaba isaba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, kwiga ikibazo cy'abantu batsindwa imanza badafite ubwishyu kugira ngo uwatsinze urubanza asubizwe uburenganzira bwe.

2. Ikirengo cya MUKANYANDWI Thacienne

Ku wa 4 Nzeri 2007, MUKANYANDWI Thacienne, ubarizwa mu Mudugudu wa Kigina, Akagari ka Gahombo, Umurenge wa Kigoma, Akarere ka Nyanza, mu Ntara y'Amajyepfo, yandikiye Komiyiso ayisaba

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

kumurenganura ku karengane yagiriwe ko kudahabwa indishyi yatsindiye mu rubanza n° RPA 0458/06/NY yaburanye na SEKAMANA Alphonse no mu rubanza n° RMP 49486/S8/NJM RP 0147/04/TP/BUT yaburanye na KAYIGUMIRE Innocent.

Mu ibaruwa ye, avuga ko ku wa 10 Mata 2002, SEKAMANA Alphonse na KAYIGUMIRE Innocent bamufashe ku ngufu. Parike ya Huye ku Rwego Rwisumbuye yaregeye Urukiko Rukuru rwa Repubulika, Urugereko rwa Nyanza, rutegeka ko, mu rubanza rwa mbere, SEKAMANA Alphonse ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka itanu no guha MUKANYANDWI Thacienne amafaranga miliyoni ebyiri (2.000.000 FRw), naho mu rubanza rwa kabiri, rwaciwe ku wa 3 Werurwe 2005, urwo Rukiko ruhanisha KAYIGUMIRE Innocent igihano cy'igifungo cy'imyaka makumyabiri no guha MUKANYANDWI Thacienne amafaranga ibihumbi magana cyenda (900.000 FRw) y'indishyi z'akababaro. Kugeza ubwo Komisiyo yakurikiranaga icyo kibazo, MUKANYANDWI Thacienne yari atarahabwa ibyo urukiko rwategetse.

Mu ipereereza Komisiyo yakoze kuri icyo kibazo ku wa 30 Ugushyingo 2007, yabonanye na MUKANYANDWI Thacienne, isanga koko atarahabwa indishyi z'akababaro zavuzwe haruguru zategetswe n'Urukiko. Komisiyo yagiye ku biro by'Umurenge wa Kinazi, aho imitungo y'abakurikiranweho icyaha ibarizwa, yerekwa n'ubuyobozi bw'Umurenge inyandiko ebyiri Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kinazi, HABIMANA Jean Pierre, yandikiye MUKANYANDWI Thacienne mu rwego rw'irangiza ry'imanza ze.

Mu ibaruwa n° 117/MJ/12/06 yo ku wa 24 Ugushyingo 2006, uwo Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yandikiye MUKANYANDWI Thacienne, yamumenyesheje ko bitoroshye kubona indishyi yatsindiye mu rubanza n° RMP 49486/S8/NJM RP 0147/04/TP/BUT rwaciwe ku wa 3 Werurwe 2005 kubera ko uwo yareze, KAYIGUMIRE Innocent, afunze kandi akaba nta mutungo afite wavamo indishyi y'amafaranga ibihumbi magana cyenda (900.000 FRw) yatsindiye, kuko basanze KAYIGUMIRE Innocent afite gusa umurima wa metero ijana na makumyabiri kuri metero makumyabiri, bityo ukaba utagurishwa kuko nta kindi yaba asigaranye.

Na none mu ibaruwa n° 161/02.04.05 Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yandikiye MUKANYANDWI Thacienne ku wa 17 Nyakanga 2007, yamumenyesheje ko indishyi yatsindiye mu rubanza n° RPA 0458/06/NY, rwakijijwe ku wa 28 Gashyantare 2007, zidashobora kuboneka kubera ko SEKAMANA Alphonse ugomba kuzishyura basanze umutungo we w'isambu uhwanye na metero kare magana cyenda na mirongo irindwi (m^2 970) utavamo miliyoni ebyiri (2.000.000 FRw), kuko isambu ifite ubwo buso itagurishwa kubera ko nta kindi kintu nyirayo yaba asigaranye cyamutunga.

Komisiyo yakomeje ipereereza, igera aho iyo mitungo ibarizwa, isanga koko imitungo yagaragajwe n'ubuyobozi bw'Umurenge ari uko iteye.

Nk'uko byagaragariye Komisiyo, imitungo ya KAYIGUMIRE Innocent na SEKAMANA Alphonse ntishobora gufatirwa ngo itezwe cyamunara, kugira ngo MUKANYANDWI Thacienne ashobore guhabwa indishyi yatsindiye mu nkiko. Ibi bishimangirwa n'ingingo ya 296 y'itegeko n° 09/2006 ryo ku wa 2 Werurwe 2006 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20 Kamena 2004, ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'imirimo n'iz'ubutegetsi, ivuga ko « nta wufatira inzu umutindi nyakujya atuyemo na kimwe cya kabiri cya hegitari cy'ubutaka buhingwa gitunga uwafatiriwe n'urugo rwe byabura ntibabeho, keretse biramutse bigaragajwe ko afite ibindi cyangwa

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

ashoboye kubibona atagizwe umutindi nyakujya ngo abere umuzigo uvunanye rusange w'abaturage ari uko yabuze epfo naruguru.»

Komisiyo irasanga hakwiye guteganywa uburyo bwo guha indishyi abakorewe ibyaha mu gihe bigaragaye ko abagomba kuzitanga batazibona kubera ko ari abatindi nyakujya.

Komisiyo irasanga kandi ibibazo nk'ibi bikwiye gushakirwa umuti mu buryo burambye kugira ngo abantu bavukijwe uburenganzira bwabo bahabwe indishyi.

F. Uburenganzira ku burezi

1. Ikirego cya NIKUZE Emerthe

Ku wa 23 Gicurasi 2007, NIKUZE Emerthe, ubarizwa mu Kagari ka Remera, Umurenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga, Intara y'Amajyepfo, yandikiye Komisiyo ayisaba kumukurikiranira ikibazo kiijyanye no kuba yari arangije ikiciro rusange cy'amashuri yisumbye muri E.S. Ruhango, agakora ikizamini cya Leta ariko ntamenye amanota yagize kuko atigeze ashobora kuriha amafaranga y'ishuri, akaba amaze umwaka wose atiga, kandi afite icyemezo cy'ubukene.

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yagiye ku ishuri ryisumbuye rya Ruhango, aho NIKUZE Emerthe yigaga, ibonana na « Intendante » w'ikigo bavugana kuri icyo kibazo.

Komisiyo yasanze igice kimwe cy'amafaranga y'ishuri cyaratangwaga n'umuryango wa « Caritas », asigaye agatangwa n'ababyeyi ba NIKUZE Emerthe. Amafaranga ibihumbi makumyabiri na bitanu (25.000 FRw) yari gutangwa n'iwabo ntiyabonetse, akaba ariyo mpamvu batamubwiye amanota ye, ntibanamuha indangamanota. Komisiyo yasabye ko bayibwira amanota NIKUZE Emerthe yagize mu kizamini kirangiza ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye, isanga yaratsinzwe.

Kuri uwo munsi kandi Komisiyo yasuye umuryango wa NIKUZE Emerthe, isanga uwo muryango ukennye bikabije. Avugana na Komisiyo, NIKUZE Emerthe yayibwiye ko yari afite umuterankunga w'umuzungu. Mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri nta kibazo yigeze agira. Ibibazo yatangiye kubigira ageze mu mwaka wa gatatu uwo muterankunga amaze kugenda. Komisiyo yamenye ko mu mwaka w'2006 NIKUZE Emerthe yari afite icyangombwa cy'uko ari umukene gitangwa n'inzego z'ibanze buri mwaka, ariko ntiyatoranywa ku rwego rw'Umurenge.

Icyo kibazo kandi NIKUZE Emerthe agisangiye na musaza we, MUGABONAKE Adrien, ubu nawe utakiga kubera kubura amafaranga y'ishuri, akaba yari ageze mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye.

Ku wa mbere Ugushyingo 2007, Komisiyo yagiye ku Murenge wa Nyamabuye ivugana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, DUSHIMIMANA David ku kibazo cya NIKUZE Emerthe, wabwiye Komisiyo ko Umurenge urihira abana b'abakene kurusha abandi, baba batoranyijwe guhera mu Mudugudu no mu Kagari. Yavuze ko ku rwego rw'Umurenge bamaze kugira abana 124 bagomba kurihirwa.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo irasanga NIKUZE Emerthe na musaza we, MUGABONAKE Adrien, baravukijwe uburenganzira ku burezi, ikaba isaba abo bireba ko bakurikirana icyo kibazo abo bana bagasubizwa mu ishuri.

Komisiyo kandi yandikiye Minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano zayo iyisaba ko umuryango wa NIKUZE Emerthe wafashwa kugira ngo abo bana bashobore kwiga.

G. **Uburenganzira ku mibereho myiza**

1. Ikibazo cy'abaturage bo mu nkambi ya Kibangira

Kuva ku wa 17 Gicurasi 2005, ibyibwirije, Komisiyo yatangiye gukurikirana ibibazo by'abaturage bo mu nkambi ya Kibangira iri mu Murenge wa Bugarama, Akarere ka Rusizi, Intara y'Uburengerazuba. Iyo nkambi ituwe kuva mu mwaka w'2003 n'imiryango 231 igizwe n'abantu 830 baturutse mu Bweyeye nyuma yo gusenyerwa n'inkangu, hiyongereyeho imiryango 10 igizwe n'abantu bahungutse baturutse muri Kongo no mu Burundi.

Ibyerekeranye no gutuzwa, kwivuza, kubura ibibatunga no kubura amafaranga y'ishuri byagaragajwe ku buryo burambuye muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005[18] na raporo yayo y'umwaka w'2006[19].

Muri raporo yayo y'umwaka w'2005, Komisiyo yasabye ubuyobozi bw'icyahoze ari Akarere ka Bugarama n'Intara ya Cyangugu, inzego zari zaragejejweho ibyo bibazo, kwihutira kurenganura abo baturage kuko bari bamaze imyaka itatu badafite icumbi kandi ari kimwe mu burenganzira shingiro bwa muntu.

Kubera ko ibyo bibazo bitakemutse, mu mwaka w'2006, Komisiyo yakomeje kubikurikirana, ibigeza ku buyobozi bw'Intara y'Iburengerazuba kugira ngo bishakirwe igisubizo kirambye. N'ubwo ikibazo cyo kwivuza cyakemutse, uwo mwaka warangiye abaturage bo muri iyo nkambi bagifite ibibazo by'ingutu byerekeranye n'imibereho.

Muri raporo yayo y'umwaka w'2006, Komisiyo yongeye kubatabariza isaba inzego z'Akarere ka Rusizi n'iz'Intara y'Iburengerazuba kwihutira kubarenganura kuko bari bamaze imyaka ine bababo nk'impunzi mu gihugu cyabo.

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje gukurikirana ibibazo by'abaturage bo mu nkambi ya Kibangira. Ku wa 27 Kamena 2007, Komisiyo yasuye iyo nkambi isanga mu rwego rwo kububakira, ibibanza cumi na bitanu byari bimaze gusizwa no kubakwamo fondasiyo. Ubuyobozi bw'Umurenge wa Bugarama bukaba bwari bwarabwiye Komisiyo ko mbere y'Ugushyingo 2007, amazu agera kuri magana abiri yari kuba yararangije kubakwa kugira ngo abatuye iyo nkambi batazanyagirwa.

[18] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2005, p. 66 - 67.
[19] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2006, p. 111 - 112.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku wa 2 Ugushyingo 2007, Komisiyo yongeye gusura inkambi ya Kibangira isanga amazu cumi n'icyenda ari yo yonyine yari amaze kubakwa ariko na yo atuzuye ku buryo yaturwamo.

Mu ibaruwa n° CRDH/838/07 yo ku wa 19 Ukuboza 2007 yandikiwe Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Komisiyo yongeye gutabariza abo Banyarwanda isaba ko ikibazo cy'icumbi gikemurwa mu buryo bwihutirwa kuko nta mpamvu igaragazwa ituma ikibazo nk'icyo kimara imyaka isaga ine kitaracyemurwa mu buryo burambye. Kopi y'ibaruwa yagenewe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba n'Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi yandikiye Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage ibaruwa n° 0058/0306, agaragaza ko Akarere ka Rusizi kahagurukiye ibibazo by'abaturage ba Kibangira ku buryo bizakemuka mu gihe cya vuba. Komisiyo ikaba yarahawe kopi y'iyo baruwa.

Komisiyo isanga Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusizi bwararangaranye ikibazo cy'imiturire y'abaturage bo mu nkambi ya Kibangira kuko ntabwo byumvikana ukuntu ikibazo nka kiriya cyamara imyaka itanu kitarabonerwa igisubizo kirambye.

Komisiyo ikaba yongeye gutabariza abo baturage.

H. Ibirego by'uburenganzira ku murimo n'amategeko agenga umurimo

1. Ikirego cya RUSHIGAJIKI Cyprien

Ku wa 29 Mata 2007, RUSHIGAJIKI Cyprien, ukomoka mu Mudugudu wa Rwintare, Akagari ka Kigarama, Umurenge wa Kisaro, Akarere ka Rulindo, mu Ntara y'Amajyaruguru, yandikiye Komisiyo ayisaba kumukurikiranira ikibazo kirebana n'ibirarane by'imishahara ye bingana n'amafaranga ibihumbi ijana na mirongo icyenda na bibiri (192.000 FRw) atahembwe ubwo yari umukozi w'Umushinga DRB II wari uwa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi. RUSHIGAJIKI Cyprien yari umuzamu w'ikigo cy'Umushinga DRB II wakoreraga mu cyahoze ari Intara ya Byumba.

RUSHIGAJIKI Cyprien avuga ko yahagaritswe ku kazi ku wa 28 Gicurasi 2004, ibyo birarane avuga ngo bikaba ari ibyo kuva mu kwezi kwa Gashyantare 2003 kugeza muri Gicurasi 2004. RUSHIGAJIKI Cyprien avuga kandi ko ikibazo cye yakigejeje ku nzego zitandukanye zirimo ubuyobozi bw'icyahoze ari Intara ya Byumba ndetse n'Urugaga rw'Abakozi (CESTRAR), ariko nticyakemuka. Nk'uko kandi bigaragara muri dosiye yashyikirije Komisiyo, uwahoze ari umuyobozi w'ikigo RUSHIGAJIKI Cyprien yakoreragamo, NGABONZIZA Prime, yamuhaye icyemezo cy'uko yakoreye icyo kigo nk'umuzamu kandi hakaba hari amafaranga atahembwe.

Ku wa 16 Gicurasi 2007, Komisiyo yabonanye na RUSHIGAJIKI Cyprien ku biro by'Akarere ka Gicumbi, ayisobanurira kurushaho ikibazo cye. Yasobanuye ko yatangiye gukorera Umushinga DRB II muri Kanama 1999 nk'umuzamu, ahembwa kugeza muri Mutarama 2003 ubwo umushinga wari urangiye.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Uwari umukoresha we, NGABONZIZA Prime, ngo yamusabye gukomeza kurinda amazu uwo mushinga wakoreragamo kugira ngo atazangirika. Mu kwezi kwa Gicurasi 2004, nibwo RUSHIGAJIKI Cyprien yahagaritse akazi ko kurinda ayo mazu ubwo aho hantu hari hahinduwe urwuri rw'inka. NGABONZIZA Prime wari wamuhaye ako kazi ngo yamusobanuriye ko azahembwa na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, ariko ntibyakozwe.

Ku wa 22 Ugushyingo 2007, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi ibaruwa n° CRDH/765/07, imusaba gukurikirana ikibazo cya RUSHIGAJIKI Cyprien kugira ngo ahabwe uburenganzira bwe.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yagiye kuri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi isanga nta kirakorwa ku kibazo cya RUSHIGAJIKI Cyprien.

Komisiyo irasanga RUSHIGAJIKI Cyprien akwiye guhabwa amafaranga yakoreye kuko afite icyemezo cy'uko yakoze, yahawe n'uwari umukuriye mu kazi. Komisiyo irasaba Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi gucyemura icyo kibazo, agasubizwa uburenganzira bwe.

I. Uburenganzira ku buzima

1. Itereranwa rya MUNYANSHONGORE

Ku wa 22 Gashyantare 2007, Komisiyo yamenye ikibazo cy'umusore w'imyaka makumyabiri n'itatu witwa MUNYANSHONGORE, ubarizwa mu kagari ka Ruhango, Umurenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali, watereranwe n'umuryango we amaze gufatwa n'indwara yo mu mutwe mu mwaka w'2003, akamara imyaka ine atavuzwa.

Ku wa 23 Gashyantare 2007, Komisiyo yaramusuye isanga kuva yarwara umuryango we waramufungiranye mu kazu gato cyane mu gikari. Ibyo kurya babimunagira hasi kandi yituma muri ako kazu. Ikindi kandi ni uko ubwo Komisiyo yamusuraga yasanze atuhagirwa, yarahinamiranye kubera kutitabwaho kandi yari yambaye ubusa.

Nyirakuru ubana nawe hamwe na mushiki we baturanye babwiye Komisiyo ko batamuvuje kubera kubura ubushobozi.

Ku wa 26 Gashyantare 2007, Komisiyo yavuganye n'ubuyobozi bw'ibitaro bya Ndera bivura indwara zo mu mutwe bwemera ko MUNYANSHONGORE yakwakirwa akavurwa. Kuri uwo munsi kandi, ikibazo cyagejejwe ku buyobozi bw'Akarere ka Gasabo kugira ngo bugire uruhare mu kuvuza uwo murwayi.

Kuri uwo munsi na none, mu gihe Komisiyo yiteguraga kumujyana ku bitaro bya Ndera, Akarere ka Gasabo kahise kihutira kumujyana kumuvuza.

Ku wa 27 Gashyantare 2007, inama y'umutekano y'Umujyi wa Kigali yasabye ko abagize uruhare bose mu bugome bwakorewe MUNYANSHONGORE bakurikiranwa n'inzego z'ubutabera. Ikindi cyemejwe ni uko agomba kuvuzwa n'Akarere ka Gasabo.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Mu rwego rwo gukurikirana imibereho ya MUNYANSHONGORE, ku wa 27 Mata 2007, Komisiyo yagiye kumusura aho arwariye mu bitaro, abaganga bamwitaho bayimenyesha ko uburwayi bwe bwari bwaratangiye koroha, bakaba barateganyaga kumujyana kumuvuza mu bitaro by'i Gahini kugira ngo ingingo ze zigororwe kuko yahinamiranye amaguru bitewe n'imyaka yamaze afungiranywe mu kazu gato. Icyo gihe babwiye Komisiyo ko ikindi kibazo umurwayi yari afite ari icyo gutereranwa n'umuryango we ku buryo babura n'uwo basaba amakuru arambuye ku buzima bwe mbere y'uko arwara kugira ngo bakurikirane uburwayi bwe neza.

Kubera iyo mpamvu, ku wa 3 Gicurasi 2007, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo ibaruwa n° CRDH/222/07 imenyekanisha icyo kibazo inasaba gukora ibishoboka kugira ngo umurwayi ajye asurwa n'umuryango we kuko bifasha abaganga kandi n'umurwayi ntiyumve ko yatereranwe.

Muri rusange, Komisiyo irasanga Ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo bwarageragejе gukurikirana ikibazo cya MUNYANSHONGORE kuva aho Komisiyo ikibumenyeshereje kandi yaravujwe. Komisiyo isanga ariko abayobozi b'inzego z'ibanze, barimo ab'Umudugudu, ab'Akagari n'ab'Umurenge, bararangaranye ikibazo cya MUNYANSHONGORE, bityo ikaba isaba ko abatereranye MUNYANSHONGORE bose, barimo n'umuryango we, bakwiye gukurikiranwa, bagahanwa hakurikijwe amategeko.

J. **Ibindi birego by'ihohotera ry'uburenganzira bwa muntu.**

Ibindi birego birebana n'ihohotera ry'uburenganzira bwa muntu byashyizwe ukwabyo kuko bitari mu nshingano Komisiyo ihabwa n'itegeko.

1. Ikibazo cya RWAMUCYO Tharcisse

RWAMUCYO Tharcisse wari umukozi muri Minisiteri y'Uburezi akaza kugira impanuka y'akazi ku wa 23 Werurwe 1998, atuye mu Kagari ka Rega, Murenge wa Bigogwe, Akarere ka Nyabihu, mu Ntara y'Iburengerazuba. Ku wa 17 Mutarama 2007, RWAMUCYO Tharcisse yandikiye Komisiyo ibaruwa ayisaba kumukurikiranira ikibazo cye afitanye n'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda kuko yanze kumuha ibyo amategeko amugenera.

Ku wa 9 Gicurasi 2007, Komisiyo yabonanye na RWAMUCYO Tharcisse ayigaragariza inyandiko yandikiranye n'ubuyobozi bunyuranye kugira ngo arenganurwe, ariko bikaba impfabusa.

Ku wa 23 Gicurasi 2007, Komisiyo yakomeje iperereza kuri icyo kibazo ibonana n'Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda mu Karere ka Rubavu, ayibwira ko impamvu yatumye RWAMUCYO Tharcisse adahabwa ibyo amategeko amugenera ari uko ushinzwe Uburezi mu Karere ka Rubavu atamutangiye imisanzu mu bihembwe bibiri bibanziriza igihe yakoreyeho impanuka (igihembwe cya kane cy'umwaka w'1997 n'igihembwe cya mbere cy'umwaka w'1998). Umuyobozi w'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda yijeje Komisiyo ko igihe cyose Minisiteri y'Uburezi izamukorera izo « déclarations » azahita abarirwa amafaranga ye.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ku wa 24 Kanama 2007, Komisiyo yasubiye ku biro by'Isanduka y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda mu Karere ka Rubavu isanga ntacyakozwe kuri dosiye ya RWAMUCYO Tharcisse ariko ibasha kubona kopi y'ibaruwa yo ku wa 14 Ukuboza 2004, Ubuyobozi bw'Isanduka y'Ubwiteganyirize y'u Rwanda bwandikiye Umuyobozi w'Uburezi mu Karere ka Rubavu busaba « déclaration complémentaire » y'igihembwe cya kane cy'umwaka w'1997 n'igihembwe cya mbere cy'umwaka w'1998, ntibwahabwa igisubizo.

Ku wa 23 Ugushyingo 2007, na none Komisiyo yabonanye n'Umuyobozi w'Uburezi mu Karere ka Rubavu ayibwira ko agiye gusaba abashinzwe ahabikwa inyandiko zashyinguwe gushaka izo « déclarations » zikenewe kugira ngo RWAMUCYO Tharcisse ahabwe ibyo amategeko amwemerera.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yongeye kubonana n'Umuyobozi w'Uburezi mu Karere ka Rubavu, ibonana kandi n'umukozi ushinzwe ahabikwa inyandiko zashyinguwe bayibwira ko hamaze kuboneka « déclaration » y'igihembwe kimwe gusa. Icyagaragaye ni uko n'icyo bavuga ko babonye ari igihembwe cya kane cy'umwaka w'1998 mu gihe hari hakenewe igihembwe cya kane cy'umwaka w'1997 n'igihembwe cya mbere cy'umwaka w'1998.

Komisiyo isanga Akarere ka Rubavu kararangaranye ikibazo cya RWAMUCYO Tharcisse bitewe n'uko batatanze ibyo Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda yasabye kugira ngo uburenganzira bw'uwari umukozi bwubahirizwe.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, icyo kibazo cya RWAMUCYO Tharcisse kimaze hafi imyaka icumi, cyari kitarakemuka.

Komisiyo irasaba Minisiteri y'Uburezi gukora ibishoboka byose RWAMUCYO Tharcisse akarenganurwa.

Komisiyo irasaba kandi ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu gukora ibishoboka kugira ngo ikibazo cya RWAMUCYO Tharcisse gikemurwe, arenganurwe.

2. Ikibazo cya MUJAWIMANA Florence

Ku wa 12 Nyakanga 2007, BAZUBAGIRA Jacqueline utuye mu Kagari ka Nyamabuye, Umurenge wa Gatsata, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali, yasabye Komisiyo kurenganura umukobwa we w'imyaka makumyabiri n'umwe MUJAWIMANA Florence, wafashwe na Polisi ku wa 10 Nyakanga 2007 ikajya kumufungira i Gikondo mu Kigo gifungirwamo inzererezi. Avuga ko uwo mukobwa we yafashwe saa yine za mu gitondo ubwo yari yamutumye guhaha mu isoko rya Nyabugogo, icyo gihe akaba atari yagendanye indangamuntu.

BAZUBAGIRA Jacqueline yavugaga ko yagiye gusura umukobwa we abapolisi ntibatume abonana na we. Ikindi kandi ngo yabwiwe ko yakubiswe bikabije nyuma yo gufatwa.

Bitewe n'uko BAZUBAGIRA Jacqueline yari yagejeje kuri Komisiyo icyemezo cy'abayobozi b'inzego z'ibanze cyerekana ko zisanzwe zimuzi, akaba nta ngeso mbi zimuziho, ku wa 18 Nyakanga 2007, Komisiyo yagiye i Gikondo ku kigo gifungirwamo inzererezi ibonana n'umukozi w'Umujyi wa Kigali

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

ucunga icyo kigo imugezaho ikibazo, ayibwira ko agiye gukora ipereereza kugira ngo arebe niba ibivugwa ari ukuri. Ariko ntiyemereye Komisiyo kubonana na MUJAWIMANA Florence.

Ku wa 19 Nyakanga 2007, Komisiyo yasubiye kuri icyo kigo yongera gusaba abagicunga gukora ipereereza rirambuye kuri MUJAWIMANA Florence kugira ngo hamenyekane niba koko ari inzererezi. Abakozi bashinzwe gucunga icyo kigo bemeye gukora ipereereza ku bivugwa kuri MUJAWIMANA Florence. Icyo gihe, Komisiyo yamenye ko MUJAWIMANA Florence yafunguwe bukeye bwaho.

N'ubwo MUJAWIMANA Florence yafunguwe, Komisiyo isanga ikibazo cye gikwiye gusuzumirwa hamwe n'ikibazo rusange cyo gufunga abantu bitwa inzererezi badakorewe dosiye. N'ubwo gufata abantu bateza akajagari biri mu rwego rwo kubungabunga umutekano mu Mujyi wa Kigali, ntibikwiye gutuma umuntu afatwa agafungwa nta dosiye akorewe ngo hamenyekane icyaha aregwa n'igihe azamara mu gifungo.

Komisiyo iboneyeho gusaba inzego zose zishinzwe gukurikira ibibazo by'ubuzererezi mu Mujyi wa Kigali ko zikwiye kujya zishishoza kugira ngo zidahungabanya uburenganzira bwa muntu zishingiye ku gucyemura ibibazo biterwa n'ubuzererezi.

K. **Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abafite imibereho yihariye**

• **Uburenganzira bw'abafite ubumuga**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano Komisiyo ihabwa n'Itegeko n° 01/2007 ryo ku wa 20 Mutarama 2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, mu mwaka w'2007, Komisiyo yakurikiranye ibibazo by'imibereho y'abafite ubumuga baba mu bigo biri mu duce tunyuranye tw'igihugu.

Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano, Komisiyo yasuye ibigo bikurikira :

- Ikigo « Association Umurerwa » kiri mu Karere ka Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba ;
- Ikigo « Lilian Foundation » kiri mu Karere ka Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba ;
- Ikigo « Urugo rw'Amahoro » kiri i Kabarondo, mu Karere ka Kayonza, mu Ntara y'Iburasirazuba ;
- Ikigo « Urugo rw'Amahoro » kiri i Mukarange, mu Karere ka Kayonza, mu Ntara y'Iburasirazuba ;
- Ikigo « Amour et Miséricorde » cy'i Janja, mu Karere ka Gakenke, mu Ntara y'Amajyaruguru ;
- Ikigo « Komera » kiri mu Murenge wa Mushubati, Akarere ka Rutsiro, mu Ntara y'Iburengerazuba ;
- Ikigo « Saint Gabriel » kiri mu Murenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo ;
- Ikigo « ADAR TUBAHOZE » kiri mu Murenge wa Sahera, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo ;
- Ikigo « Home de la Vierge des Pauvres de Gatagara », kiri mu Murenge wa Gatagara, Akarere ka Nyanza, mu Ntara y'Amajyepfo ;
- Ikigo « Mother of Good Council », kiri mu Murenge wa Gihango, Akarere ka Rutsiro, mu Ntara y'Iburengerazuba.

Muri ibyo bigo byose byasuwe, Komisiyo yahasanze ikibazo cy'amikoro make.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo kandi yasanze hari abandi bantu benshi bataba mu bigo babana n'ubumuga kandi bafite ibibazo byihariye.

Komisiyo irasaba inzego zifite mu nshingano zazo gukurikirana ibibazo by'abafite ubumuga gukora ibishoboka ibyo bigo bikagobokwa kubera ayo mikoro make yabyo.

L. Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca no mu mirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro

a. Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca mu rwego rw'Umushinga « Monitoring des Juridictions Gacaca »

1. Iriburiro

Mu rwego rw'Umushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu iburanisha ry'imanza z'Inkiko Gacaca na nyuma yazo, mu mwaka w'2007 Komisiyo yakurikiranye imanza z'imitungo ku rwego rw'Akagari, izo ku rwego rw'Umurenge no k'urw'Ubujurire. Komisiyo yakurikiranye iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu manza z'ibyo byiciro bitatu. Izo manza zose hamwe ni 934. Imanza zakurikiranywe zirabarurwa ku buryo bukurikira :

- Ku rwego rw'Akagari : 62 ;
- Ku rwego rw'Umurenge : 605 ;
- Ku rwego rw'Ubujurire : 267.

Twibutse ko Inkiko Gacaca zakoze mu mwaka w'2007 ari igihumbi na magana cyenda na cumi (1910).

2. Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu iburanisha ry'imanza z'Inkiko Gacaca

Uburenganzira bwa muntu Komisiyo yakurikiranye ni ubu bukurikira :

- Uburenganzira bwo kudafungwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko ;
- Uburenganzira bwo kumenyeshwa icyo umuntu aregwa ;
- Uburenganzira bwo kutamburwa icyubahiro ;
- Uburenganzira ku rubanza rutabogamye ;
- Uburenganzira bwo guhabwa ijambo ;
- Uburenganzira bwo kumenyeshwa impamvu yashingiweho kugira ngo urukiko rufate icyemezo ;
- Uburenganzira ku mutekano ;
- Uburenganzira bwo gucibwa urubanza mu gihe giciriritse.

Muri rusange, uburenganzira bwa muntu mu iburanisha ry'imanza z'Inkiko Gacaca zakurikiranywe bwarubahirijwe. Ariko, n'ubwo inyinshi mu manza zakurikiranywe zaciwe hubahirijwe Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19 Kamena 2004 nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, hari aho ingingo

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

zimwe na zimwe z'iryo tegeko zitubahirijwe, bigatuma uburenganzira bwa muntu buhohoterwa. Ijanisha rikurikira rirerekana ishusho y'uko ibintu byagenze ku burenganzira bwa muntu bwahohotewe :

- Uburenganzira bwo kumenyeshwa impamvu yashingiweho kugira ngo urukiko rufate icyemezo bwahohotewe ku rugero rwa 9,6 % mu manza zose Komisiyo yakurikiranye kandi zasomwe ;
- Uburenganzira bwo guhabwa ijambo bwahohotewe ku rugero rwa 4,7 % mu manza zakurikiranywe ;
- Uburenganzira bwo kudafungwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko bwahohotewe ku rugero rwa 2,2 % mu manza zakurikiranywe ;
- Uburenganzira ku rubanza rutabogamye bwahohotewe ku rugero rwa 1,2 % mu manza zakurikiranywe ;
- Uburenganzira bwo kutamburwa icyubahiro bwahohotewe ku rugero rwa 0,8 % mu manza zakurikiranywe ;
- Uburenganzira ku mutekano bwahohotewe ku rugero rwa 0,4 % mu manza zakurikiranywe ;
- Uburenganzira bwo gucibwa urubanza mu gihe giciriritse bwahohotewe ku rugero rwa 0,4 % mu manza zakurikiranywe.

Uburenganzira bwo kumenyeshwa icyo umuntu aregwa bwubahirijwe mu manza zose zakurikiranywe.

3. Ibindi byabangamiye ubutabera mu Nkiko Gacaca

Mu bindi bibazo byabangamiye uburenganzira ku butabera, harimo icya ruswa nk'uko ingero zikurikira zibyerekana.

Ku wa 14 Gicurasi 2007, mu Kagari ka Jenda, Umurenge wa Jenda, Akarere ka Nyabihu, Perezida na Visi Perezida w'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Jenda bafatanywe ruswa y'amafaranga ibihumbi magana ane (400.000 FRw). Bari bayumvikanyeho n'umugore wari ufite dosiye mu rukiko bayoboraga. Ayo mafaranga bayahawe na DUSABIMANA Jacqueline, umukobwa w'uwatswe ruswa, yabanje kubyumvikanaho na Polisi kugira ngo ibafatire mu cyuho. Abakiriye iyo ruswa barayifatanywe, bajyanwa gufungwa.

Ku wa 21 Kamena 2007, mu Kagari ka Kagasa, Umurenge wa Gahanga, mu Karere ka Kicukiro, MVURUMA Ephrem yemeye imbere y'Urukiko rw'Umurenge wa Kagasa, icyaha cyo gutanga ruswa. Yayihaye TWIZEYIMANA Jean Damascène yari yaravunnye amaboko mu gihe cya jenoside, akaba yarayamuhaye agira ngo aceceke, ntamushinje ibyo yamukoreye. Umugambi wa ruswa waje gutahurwa. Mu gihe cy'urubanza, TWIZEYIMANA Jean Damascène yavuze ko atigeze ahohoterwa kandi mu ikusanyamakuru yari yabisobanuye. Umuntu wakurikiranye icyo kibazo yasobanuye uko byagenze n'umubare w'amafaranga yatanzwe (2.900 FRw na 4.100 FRw yari asigaye). Uwatanze ruswa n'uwayihawe bageze aho barayemera. Ikibazo kiri mu maboko ya Polisi y'Igihugu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

b. Ikurikirana ry'iyubahiriza ry'uburenganzira bwa muntu mu mirimo nsimburagifungo ifitiye Igihugu akamaro (TIG).

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yasuye abakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro (TIG) bayikorerwa mu ngando ziri mu Mirenge ikurikira :

- Umurenge wa Nkanka, Akarere ka Rusizi, ku wa 10 Gicurasi 2007;
- Umurenge wa Gikomero na Rutunga, Akarere ka Gasabo, ku wa 8 Kanama 2007 ;
- Umurenge wa Mugina, Akarere ka Kamonyi, ku wa 16 Kanama 2007 ;

Hari hagamijwe kureba ibi bikurikira :

- Imibereho y'abakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro (kurya, kuvuzwa, isuku, imirimo bakora, aho kuryama, ubwiherero, aho baba) ;
- Umutekano (imyitwarire n'ibihano bijyana nayo, kwirinda impanuka) ;
- Ubwisanzure (gusurwa, gusenga, kumenya amakuru, kwidagadura).

1. Imirimo nsimburagifungo ikorerwa mu ngando iri mu Murenge wa Nkanka, Akarere ka Rusizi

Ku wa 10 Gicurasi 2007, Komisiyo yasuye ingando y'abagororwa bakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu Akamaro bo mu ngando yo mu Kagari ka Kinyaga, Umurenge wa Nkanka, Akarere ka Rusizi. Iyo ngando irimo abagororwa 319 bakomoka mu Turere twa Rusizi, Nyamasheke na Karongi.

2. Ingando yo mu Murenge wa Gikomero

Ku wa 8 Kanama 2007, Komisiyo yasuye abakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro. Ubwo basurwaga na Komisiyo, abari mu ngando bari bamaze kugera kuri 306 bakomoka mu Turere twa Kamonyi, Gasabo na Gicumbi.

Abo bagororwa bari muri iyo ngando bari bashyizwe mu matsinda atandukanye, buri tsinda rifite umukuru waryo. Igikorwa bari bashinzwe cyari icyo gucukura amatelase y'indinganire.

3. Ingando yo mu Murenge wa Rutunga

Ku wa 8 Kanama 2007, Komisiyo nibwo yasuye ingando yo mu Murenge wa Rutunga, isanga abagororwa baratangiye ibikorwa byo guconga amabuye ku wa 25 Nzeri 2005.

Ubuyobozi bw'imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro muri iyo ngando bugizwe n'Umuhuzabikorwa, ushinzwe imyitwarire myiza n'umuganga. Umubare w'abagororwa bari muri iyo ngando ni 310 barimo abagore 7 n'abasaza 28 bari hejuru y'imyaka 65. Abagororwa bari muri iyo ngando bakomoka mu Turere twa Rwamagana, Kayonza, Gicumbi, Gasabo, Kamonyi, Rulindo, Kacyiru. Babiri mu bari muri iyo ngando bari bamaze gutoroka ariko umwe yarafashwe, undi akaba yarahungiye mu Ntara ya Muyinga yo mu Burundi.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

4. Ingando yo mu Murenge wa Mugina, Akarere ka Kamonyi

Ku wa 16 Kanama 2007, nibwo Komisiyo yabasuye. Bose hamwe bari 1.310, abarangije igihano 547, abatorotse batarafatwa 11, abatorotse bagafatwa 9, abapfuye baguye iwabo 4, abagiye kuburana ntibagaruke 7, abasigaye 713, abari mu mpusa 10, abahamagajwe muri gacaca 6.

Abo bagororwa bakora igikorwa cyo guconga amabuye. Umunsi Komisiyo yasuye iyo ngando, hari haconzwe amabuye 6.907. Kuva ingando yatangira, umubare w'amabuye yari amaze gucongwa kuva indando itangira wari umaze kugera kuri 4.572.711. Muri ayo mabuye yose yaconzwe, 825.634 yaragurishijwe, amabuye 3.747.137 akaba ari yarasigaye.

Abagororwa bari muri iyo ngando bashyizwe mu matsinda makumyabiri, buri tsinda rikaba rigizwe n'abantu bari hagati ya 38 na 42. Buri tsinda kandi rifite umuyobozi waryo n'umwungirije. Abo bagororwa ni bo biha gahunda y'ibyo bagomba gukora kuko hari abamennyi b'amabuye, abaconzi, abashyira abandi imyase n'abamena itaka aho bakorera (abanyantege nke).

Buri wa kane hatangwa lisiti y'abagororwa bafite ibibazo iwabo bifuza gutaha, bagahabwa impushya hakurikijwe uburyo babyumvikanyeho bo ubwabo.

Muri rusange, Komisiyo yasanze imibereho y'abakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro muri izo ngando yifashe neza kubera impamvu zikurikira :

- Barya kabiri ku munsi, ariko abarwayi ntibabona ifunguro ryihariye ;
- Baravuzwa, ariko hari aho imiti idahagije nko mu ngando yo mu Murenge wa Gikomero ;
- Bafite isuku ihagije aho baba, aho bisukurira no mu bwiherero ;
- Umutekano urahari hose, hari aba « Local defense », babafasha mu kuwubungabunga ;
- Bafite ubwisanzure kuko buri wese asengera mu idini yihitiyemo, barasurwa, baridagadura kandi ufute radiyo agakurikira amakuru n'ibiganiro ahitisha nta nkomyi.

Nyuma yo gusura ibikorwa by'imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro bikorerwa mu ngando zo muri iyo Mirenge, Komisiyo yaganiriye n'abagororwa bari muri izo ngando bayibwira ko bishimira imirimo bakora kubera impamvu eshatu :

- Inyungu rusange iyo mirimo ifitiye igihugu ;
- Kubabarirwa, bityo bikagarura umubano n'abo bahemukiye ;
- Kuba nabo ubwabo bibagabanyiriza igihano.

Komisiyo yishimiye ibikorwa bikorerwa muri izo ngando. Ibi bikaba bituma abakora imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro bafatanya n'abandi kubaka igihugu, kwiyunga n'abo bahemukiye no kugabanya ibihano bahawe.

M. Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu matora

Ku wa 28 Gashyantare 2007, Komisiyo yakurikiranye amatora y'abakandida barindwi b'abadepite b'abagore bagombaga gutorwamo babiri basimburaga abari barahamagariwe indi mirimo. Ayo matora

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

yabereye mu Turere twa Gatsibo na Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba, ari nayo yonyine yakozwe mu gihugu mu mwaka w'2007, yagenze neza kubera impamvu zikurikira :

- Abari bagize Inteko itora aribo bagizwe na Komite y'Inama y'Abagore ku rwego rw'Imirenge n'Uturere, abagize Komite Njyanama y'Uturere n'umugore uhagarariye abandi ku rwego rw'Igihugu bari bahari bose.

- Abari bashinzwe imirimo y'amatora aribo abakomiseri ku rwego rw'Igihugu, urw'Intara, Perezida wa Komite y'amatora n'abaseseri batatu ku rwego rw'Akarere bari bahari bose.

- Abashinzwe umutekano bagizwe n'abapolisi n'abasilikare bari bahari.

- Amatora yabaye mu bwisanzure busesuye ku buryo nta wari uhagarariye umukandida wavuze ko uwo ahagarariye yavukijwe uburenganzira bwe muri ayo matora.

- Ayo matora yubahirije amategeko n'amabwiriza agenga amatora kuko ibarura ry'amajwi ryakozwe ku mugaragaro imbere y'abari bahagarariye abakandida babo n'indorerezi.

Abitabiriye amatora mu Karere ka Nyagatare bari 161 ku bantu 178 bagombaga gutora, bakaba bangana na 90,4 %. Mu Karere ka Gatsibo, ku bagore 173 bagombaga gutora, hatoye 158, bangana na 91 %.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.5. GUSURA AHAFUNGIYE ABANTU NO KUREBA KO UBURENGANZIRA BWABO BWUBAHIRIZWA (ingingo ya 4 [9°])

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ifite mu nshingano zayo gukora ipererereza ku ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu nk'uko biteganywa mu ngingo y'177, 3º, y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003. Ifite kandi inshingano yo gusura ahafungiye abantu no kureba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa nk'uko ingingo ya 4, 9°, y'Itegeko nº 30/2007 ryo ku wa 6 Nyakanga 2007 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y' Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ibiteganya.

Ni muri urwo rwego, mu kwezi k'Ugushyingo 2007, Komisiyo yongeye gusura amagereza yari yarasuye guhera tariki ya 8 Ugushyingo 2006 kugeza ku wa 9 Mutarama 2007 kugira ngo irebe ko ibyifuzonama yari yaratanze byubahirijwe. Komisiyo yasanze imibare y'abavuga ko uburenganzira bwabo buhungabanywa yaragiye igabanuka ku buryo Komisiyo yizera ko, mu mwaka w'2008, icyo kibazo kizarangira. Ibibazo yari yagaragaje byari iby'abantu bavugaga ko bamaze imyaka ibiri cyangwa irenga bataburana n'abafungiye ibyaha bisanzwe barangije ibihano ntibafungurwe cyangwa abafite ibyemezo by'Inkiko Gacaca bibafungura ariko ntibafungurwe.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.6. GUFATANYA NA KOMISIYO Z'IBINDI BIHUGU ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU, AMASHYIRAHAMWE AKORERA MU GIHUGU N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA MU BIKORWA BYO KUBAHIRIZA NO GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (Ingingo ya 4 [11°])

Mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku buryo uburenganzira bwa muntu bwarindwa kandi bugatezwa imbere, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye ibikorwa by'inama zinyuranye zagiye zitegurwa zikanaterwa inkunga na Komisiyo zishinzwe uburenganzira bwa muntu n'imiryango binyuranye. Bitewe n'akamaro k'inama zimwe na zimwe, byabaye ngombwa ko Komisiyo igira izo ijyamo ikoresheje amafaranga yo ku ngengo y'imari igenerwa na Leta.

3.6.1. Ubufatanye na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ifite « statut d'affilié » muri Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Ubw'Abaturage kandi ikaba n'umunyamuryango wayo.

Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ijya mu nama zateguwe na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Ubw'Abaturage ikanayiha na raporo z'ibikorwa byayo.

Itanga kandi muri izo nama ibitekerezo ku buryo uburenganzira bwa muntu bwifashe n'uburyo bwarushaho gutera imbere.

3.6.2. Ubufatanye n'izindi Komisiyo z'uburenganzira bwa muntu.

- **Ubufatanye na Komite Mpuzamahanga Ihuza Ibikorwa bya za Komisiyo z'Ibihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu.**

Komisiyo y'u Rwanda ni imwe mu zigize biro b'iyo Komite ikaba n'imwe mu ma Komisiyo ari muri iyo Komite afite ububasha bwo gutora no gutorwa (voting member).

Komisiyo y'u Rwanda yakurikiranye inama yabaye kuva ku wa 22 kugeza ku wa 26 Ukwakira 2007 i Genève mu Busuwisi ya « sous comité d'acréditation », urwego rwa Komite Mpuzamahanga Ihuza Ibikorwa bya za Komisiyo isuzuma dosiye za « acréditation » n'iza « réacréditation » hamwe no kwiga ibibazo Komisiyo zifite. Iyo nama yari yateguwe ku bufatanye bwa Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu ya Kenya n'Ikigo « Raoul Wallenberg Institute of Human Rights and Humanitarian Law ».

Komisiyo yakurikiranye inama yateranye kuva ku wa 12 kugeza ku wa 27 Ukuboza 2007 i Genève mu Busuwisi ya Biro ya Komite Mpuzamahanga Ihuza Ibikorwa bya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu, yari igamije gutegura igenamigambi ry'ibikorwa no gushyiraho ingamba zakurikizwa muri gahunda y'imirimo y'iyo Komite.

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye inama ya 19 ya Komite Mpuzamahanga Ihuza Ibikorwa bya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yabereye i Genève mu Busuwisi kuva ku wa 21 kugeza ku wa 23 Werurwe 2007. Iyo nama yasuzumye ibyakozwe n'iyo Komite n'ibyakozwe na « sous-comité »

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

ishinzwe kwemeza ko Komisiyo z'ibihuhugu zujuje ibyangombwa bisabwa n'amahame mpuzamahanga azigenga. Muri iyo nama hanasuzumwe ingengamikorere y'iyo Komite n'itegurwa ry'inama mpuramahanga ya cyenda ya za Komisiyo z'ibihugu.

- **Ubufatanye n'Urugaga rwa za Komisiyo Nyafurika z'Uburenganzira bwa Muntu.**

Komisiyo y'u Rwanda ni yo iyobora Komite ya za Komisiyo Nyafurika z'Uburenganzira bwa Muntu mu gihe cy'imyaka ibiri kuva ku wa 8 Ukwakira 2007. Akaba ari nayo mpamvu ari imwe mu zigize biro ya Komite Mpuzamahanga Ihuza Ibikorwa bya za Komisiyo z'Ibihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu.

Urwo Rugaga rugira inama rimwe mu myaka ibiri n'ikindi gihe bibaye ngombwa Komisiyo ijya mu nama zarwo uko ziba zatumiwe, kandi ikanaziyobora.

- **Ubufatanye na Komisiyo Nyafurika z'Uburenganzira bwa Muntu.**

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye inama yabereye i Nairobi kuva ku wa 11 kugeza ku wa 13 Kamena 2007 yari igamije gusuzuma ivugururwa ryagiye rikorwa mu rwego rwo kunoza imikorere myiza y'urwego rwa Polisi mu Bihugu byo mu karere k'Afrika y'Iburasirazuba (Police Reform, Accountability and Effectiveness in East Africa).

Komisiyo yakurikiranye inama yebereye i Cape Town muri Afrika y'Epfo kuva ku wa 23 kugeza ku wa 25 Ugushyingo 2007 yari igamije gusuzuma uruhare rwa za Komisiyo z'Ibihugu z'Uburenganzira bwa Muntu mu guteza imbere ubutabera bukwiriye ibihugu bivuye mu bihe by'intambara cyangwa byigobotoye ingoma y'igitugu. Iyo nama yateguwe ku bufatanye bwa Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'igihugu cya Afrika y'Epfo n'Ibiro bya Komiseri Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu.

Komisiyo yakurikiranye kandi inama yabereye i Kayiro mu Misiri kuva ku wa 3 kugeza ku wa 4 Ukuboza 2007 yize ku ruhare rwa za Komisiyo Nyafrika z'Uburenganzira bwa Muntu mu guteza imbere no gushimangira demokarasi n'uburenganzira bwa muntu muri Afrika. Iyo nama yabaye ku bufatanye bwa Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu ya Misiri n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO).

- **Ubufatanye n'Ishyirahamwe rya za Komisiyo z'Ibihugu bihuriye ku rurimi rw'igifaransa.**

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye Kongera ya kabiri y'Ishyirahamwe rya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu z'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa yabereye i Rabat muri Maroc kuva ku wa 5 kugeza ku wa 7 Gashyantare 2007. Iyo kongere ya kabiri yize ku matora na demokarasi yari yateguwe n'Ishyirahamwe rya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu Bihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa rifatanyije n'Ubunyamabanga bwa « Francophonie » bushinzwe uburenganzira bwa muntu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Inama ya gatandatu y'Inzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu.**

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yateguye inama ya gatandatu y'inzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yateraniye i Kigali kuva ku wa 8 kugeza ku wa 10 Ukwakira 2007. Iyo nama yari yateguwe na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ifatanyije n'Ubunyamabanga buhoraho bw'Ihuriro ry'Inzego z'Uburenganzira bwa Muntu z'Ibihugu bya Afurika yatewe inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (HCR), Umushinga « Brookings-Bern » wita ku bantu bavanywe mu byabo, Umuryango Mpuzamahanga w'Ibihugu bihuriye ku rurimi rw'Igifaransa hamwe n'Umuryango w'Abongereza uharanira Iterambere (DFID).

Iyo nama yarimo n'abahagarariye Komisiyo n'izindi nzego zishinzwe uburenganzira bwa muntu z'ibihugu baturuka mu bihugu makumyabiri n'umunani. Iyo nama kandi yari yitabiriwe n'imiryango mpuzamahanga itandukanye iharanira uburenganzira bwa muntu.

Insanganyamatsiko y'iyo nama yari « Uruhare rw'Inzego z'ibihugu ziharanira uburenganzira bwa muntu mu kurengera impunzi, abavanywe mu byabo hamwe n'abatagira ubwenegihugu muri Afurika ».

Mu bikorwa by'ingenzi byaranze imirimo y'inama harimo ibi bikurikira :

- Gushyira umukono ku mategeko agenga Ihuriro ry'inzego z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu bya Afurika ;

- Gutora abagize Komite Nyobozi y'ihuriro. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda yagiriwe icyizere, ihabwa umwanya wo kuyobora ihuriro muri manda y'imyaka ibiri ; Perezida wa Komisiyo y'u Rwanda akaba ari na we Perezida w'Ihuriro ;

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Itangazo rya Abuja ryasohowe n'inzego zigize ihuriro mu mwaka w'2005. Iryo tangazo ryarebanaga n'icyemezo cy'inzego z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu bya Afurika mu gushyira muri gahunda yazo y'ibikorwa ibijyanye no kubahiriza amasezerano mpuzamahanga mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

Nyuma yo kugaragaza ko Afurika ari umugabane wugarijwe n'ibibazo by'ubuhunzi, abavanywe mu byabo ndetse n'abatagira ubwenegihugu biturutse ku makimbirane n'intambara, abari mu nama basohoye inyandiko yiswe « Itangazo rya Kigali » rikubiyemo imyanzuro irebana n'inshingano inzego z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu bya Afurika zihaye yo gushyira muri gahunda yazo ibikorwa birebana no guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'impunzi, abavanywe mu byabo n'abatagira ubwenegihugu.

Abari mu nama kandi biyemeje ko inzego bahagarariye zigomba gufatanya n'imiryango y'Akarere ndetse na Mpuzamahanga hamwe n'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika mu guteza imbere no kurinda uburenganzira bw'impunzi, abavanywe mu byabo ndetse n'abatagira ubwenegihugu bari ku mugabane wa Afurika.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

By'umwihariko imyanzuro yose y'iyo nama ikubiye mu itangazo nyirizina riri ku mugereka w'iyi raporo.

3.6.3. Ubufatanye n'indi miryango inyuranye

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye inama nyunguranabitekerezo yabereye i Johanesbourg muri Afrika y'Epfo kuva ku wa 23 kugeza ku wa 24 Mata 2007 ku buryo bwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu yitaye by'umwihariko ku burenganzira bw'ababana n'ubwandu bwa SIDA ndetse n'ubw'abatarandura (Capacity Development Workshop on International and National Human Rights Frameworks relating to HIV and AIDS). Iyo nama yabaye ku bufatanye bwa za biro z'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD) ziri mu gihugu cya Afrika y'Epfo no mu Rwanda.

Komisiyo yakurikiranye inama yabereye i Cape Town muri Afrika y'Epfo yiswe « Africa's Evolving Human Rights Architecture » kuva ku wa 28 kugeza ku wa 29 Kamena 2007 yari igamije kwiga ku kibazo cy'uburenganzira bwa muntu n'uburinganire.

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye amahugurwa yabereye i Montréal muri Canada kuva ku wa 10 kugeza ku wa 29 Kamena 2007 kuri gahunda mpuzamahanga yo kwigisha uburenganzira bwa muntu (programme international de formation aux droits humains). Iyo nama yari yateguwe n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Uburenganzira bwa Muntu gifite icyicaro i Montréal muri Canada (Centre International d'Education aux Droits Humains).

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye amahugurwa yabereye i Genève mu Busuwisi kuva ku wa 12 kugeza ku wa 23 Ugushyingo 2007 yerekeranye no kugenzura uko ibihugu bishyira mu bikorwa ibisabwa n'amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu (training course on the treaty monitoring bodies). Ayo mahugurwa yateguwe n'umuryango utegamiye kuri Leta witwa « International Service for Human Rights ».

3.6.4. Ubufatanye n'Ikigo cy'Umuryango w'Abibumbye gishinzwe Uburenganzira bwa Muntu na Demokarasi muri Afrika yo Hagati

Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye amahugurwa yerekeranye n'ubutabera bubereye ibihugu bisohotse mu ntambara cyangwa byigobotoye ingoma y'igitugu (Justice transitionnelle) yabereye i Yaounde muri Cameroun kuva ku wa 11 kugeza ku wa 13 Kamena 2007. Ayo mahugurwa yateguwe n'Ikigo cy'Umuryango w'Abibumbye gishinzwe Uburenganzira bwa Muntu na Demokarasi muri Afrika yo Hagati.

3.6.5. Ubufatanye n'imiryango ikorera mu Rwanda.

- **Ubufatanye mu rwego rw'inama ihuza Komisiyo n'amashyirahamwe nyarwanda n'iminryango mpuzamahananga biharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu mu Rwanda**

Komisiyo yakomeje gufatanya n'imiryango ikorera mu Rwanda iharanira kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu. Ubwo bufatanye bwagaragariye mu bikorwa by'inama

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

nyunguranabitekerezo ihuza Komisiyo n'amashyirahamwe nyarwanda n'imiryango mpuzamahanga biharanira kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu mu Rwanda (réunion de pilotage de la réunion de concertation). Ibikorwa by'iyo nama byagaragajwe n'amahugurwa, n'ibikorwa byo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca, mu birebana no kungurana ibitekerezo no mu bikorwa byo kwizihiza iminsi ngarukamwaka y'uburenganzira bwa muntu.

Hakozwe inama za komite nyobozi y'inama nyunguranabitekerezo y'Amashyirahamwe Nyarwanda n'Imiryango mpuzamahanga biharanira kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu bikorera mu Rwanda (réunion de pilotage de la réunion de concertation).

Muri izo nama hashyizweho gahunda y'ibikorwa bihuriweho mu mwaka w'2007 no mu mwaka w'2008. Hashyizweho Ubunyamabanga buhoraho bw'iryo huriro ndetse n'umukozi warwo. Hakozwe ibikorwa byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bwa muntu, ku wa 10 Ukuboza 2007, n'umunsi hibutswe ishyirwa ry'umukono ku masezerano mpuzamahanga arwanya icyaha cya jenoside, ku wa 9 Ukuboza 2007.

- **Ubufatanye na « Barreau » y'u Rwanda.**

Mu rwego rw'inshingano ya Komisiyo yo gukurikirana ibirego, yoherereje « Barreau » ibibazo by'abantu batishoboye n'abana kugira ngo babahe ababunganira mu nkiko.

- **Ubufatanye n'Inama Nkuru y'Abagore.**

Ku butumire bwa Perezida w'Inama Nkuru y'Abagore, ku wa 18 Ukwakira 2007, Komisiyo yafatanyije n'izindi nzego zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa byari biteganyijwe mu gihugu hose mu gihe cy'iminsi cumi n'itandatu (kuva ku wa 25 Ugushyingo kugeza ku wa 10 Ukuboza 2007) yo kwamagana iryo hohoterwa.

- **Ubufatanye mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bwa muntu**

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mukuru w'uburenganzira bwa muntu uba ku wa 10 Ukuboza, hakozwe ibikorwa bikurikira :

- Ku wa 8 Ukuboza 2007, hatanzwe ikiganiro « Kubaza bitera kumenya » ku nsanganyamatsiko igira iti: « *Itangazo mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu n'inyandiko shingiro mu guharanira uburenganzira no kwishyira ukizana mu gihe abatuye isi bayisunze kandi bakayigira iyabo* ». Icyo kiganiro cyabereye mu cyumba cy'inama cya Hotel Novotel Umubano.

- Abakozi ba Komisiyo, abakozi ba Minisiteri y'Ubutabera, abanyamuryango b'imiryango igize ihuriro ry'imiryango nyarwanda iharanira kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu bibutse umunsi hashyizwe umukono ku masezerano arwanya icyaha cya jenoside, ku wa 9 Ukuboza, basura inzibutso za jenoside za Nyamata na Ntarama.

- Komisiyo yifatanyije n'iryo huriro na Minisiteri y'Ubutabera bategura kandi bizihiza umunsi mukuru mpuzamahanga w'uburenganzira bwa muntu ku wa 10 ukuboza 2007. Uwo munsi wizihirijwe ku

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

rwego rw'Igihugu mu Murenge wa Jali, Akarere ka Gasabo, hari Minisitiri w'Ubutabera, nk'umushyitsi mukuru, n'abandi bayobozi n'abaturage b'ako Karere.

- **Ubufatanye n'imiryango ikorera mu Rwanda mu bikorwa byo kubahiriza uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca**

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yatumije kandi iyobora inama yahuriyemo, buri kwezi, n'abahagarariye imiryango nyarwanda n'imiryango mpuzamahananga ikorera mu Rwanda ikurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca. Iyo miryango ni LIPRODHOR, PAPG, PRI (Penal Reform International) na Avocats Sans Frontières (ASF).

Abandi bagiye batumirwa muri izo nama ni Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca n'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi – ishami ry'u Rwanda.

Icyari kigamijwe muri izo nama ni ukungurana ibitekerezo ku byagaragariye indorerezi mu iburanisha ry'imanza z'Inkiko Gacaca, ku buryo ibitagenze neza mu iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu bishakirwa inzira yo gukosorwa. Kubera ko Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca ruba ruhagarariwe muri iyo nama, imyanzuro yayo igera ku buyobozi bw'urwo rwego bidatinze.

3.6.6. Ubufatanye n'imiryango mpuzamahanga

Komisiyo yakomeje ubufatanye n'Umuryango w'Ubumwe bwIbihugu by'i Burayi bushingiye ku bikorwa by'umushinga ukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca no mu mirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro.

Kuva ku wa 29 Gicurasi kugeza ku wa 1 Kamena 2007, i Rabat muri Maroc intumwa za Komisiyo zakurikiranye inama nyunguranabitekerezo yiswe « Atelier pratique dans le cadre d'une formation à distance sur la prévention de la torture ». Iyo nama yabaye ku bufatanye bw'umuryango ushinzwe gukumira iyicarubozo (APT) n'Ishami ryUmuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu.

3.6.7. Ubufatanye na za Ambasade n'amashami y'Umuryango w'Abibumbye

Mu rwego rw'ubufatanye na Amasade y'Uwongereza, Komisiyo yatewe inkunga na DFID. Iyo nkunga iyicisha mu mushinga wa Komisiyo witwa « Strengthning the institutionnal framework for good governance » Komisiyo ifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere.

Ibinyujieje mu kigo cya Suwedi cyitwa SIDA, Ambasade ya Suwedi mu Rwanda yemereye Komisiyo kuyitera inkunga mu mushinga wayo wo guhugura abarimu bo mu mashuri yisumbuye yo mu gihugu bigisha isomo ry'uburenganzira bwa muntu.

Mu rwego rwo gukomeza ubufatanye, Ambasade y'Ubushinwa mu Rwanda yateye inkunga Komisiyo iyiha mudasobwa n'ibikoresho byayo, inasezeranya Komisiyo gukomeza ubufatanye.

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje ubufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD), ibinyujije mu mushinga wa Komisiyo ugamije koyongerera ubushobozi. Uwo

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

mushinga wakomeje gufasha Komisiyo mu bikorwa bijyanye no gukangurira no guhugura Abanyarwanda b'ingeri nyinshi ku burenganzira bwa muntu no kongerera ubushobozi Komisiyo.

Ku bufatanye bw'ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF), Komisiyo yashyizeho urwego rushinzwe kureba iyubahiriza ry'Uburenganzira bw'umwana by'umwihariko, inabahugura mu byerekeye n'ikurikirana ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu muri rusange, ibaha n'imfashanyigisho. Ibyo bikorwa byarakomeje mu mwaka w'2007.

Ku wa 3 Nzeri 2007, Komisiyo yakurikiranye inama yabereye Arusha muri Tanzaniya. Inama yari igamije gushyikiriza Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango wa Afrika y'Iburasirazuba ibitekerezo bya Komisiyo z'Ibihugu z'Uburenganzira bwa Muntu ku Mushinga w'Amasezerano ya Afrika y'Iburasirazuba yerekeye Uburenganzira bwa Muntu no ku Mushinga w'Amasezerano agamije gushyiraho Urugereko ruzasuzuma ibibazo by'ihohoterwa ry'Uburenganzira bwa Muntu mu Rukiko rwa Afrika y'Iburasirazuba (East African Court of Justice). Iyo nama yari yateguwe n'Umuryango Utegamiye kuri Leta « Kituo cha Katiba ».

Kuva ku wa 8 kugeza ku wa 10 Ukwakira 2007, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu hamwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi yateguye, i Kigali mu Rwanda, Inama ya gatandatu y'Inzego z'Ibihugu bya Afrika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu.

Iyo nama yari igamije gukangurira Inzego z'Ibihugu bya Afrika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu hamwe n'Ubunyamabanga Buhoraho bwa Komisiyo Nyafrika z'Uburenganzira bwa Muntu ku bushobozi bwo kurengera uburenganzira bw'impunzi, abavanywe mu byabo n'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.7. IZINDI NSHINGANO KOMISIYO IHABWA N'ANDI MATEGEKO

3.7.1. Anketi yakozwe ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano yayo yo kugenzura iyubahirizwa ry'uburnenganzira bwa muntu muri rusange n'iyo gushyiraho uburyo bwo kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana ihabwa n'itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 by'umwihariko, mu mwaka w'2006, Komisiyo yakoresheje anketi irambuye ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana by'umwihariko abana b'imfubyi, abana bayobora ingo, abana b'inzererezi n'abana bakora. Inyandiko y'iyo anketi yarangiye mu mwaka w'2007. Iyo anketi yari igamije kureba uko uburenganzira bw'abo bana b'ibyiciro binyuranye bwubahirizwa, ibibazo bahura nabyo no gutanga ibyifuzonama ku ngamba zafatwa n'inzego zibishinzwe kugira ngo uburenganzira bwabo burusheho kubahirizwa.

Iyo anketi yakorewe mu gihugu cyose hakurikijwe « échantillon » yari yateguwe. Hasuwe ibigo by'imfubyi 26, habazwa abana 160 baba muri ibyo bigo, abana 78 bayobora ingo, abana 226 b'inzererezi n'abandi 81 bakora imirimo inyuranye. Habajijwe kandi abayobozi b'ibigo by'imfubyi n'abandi bakozi babyo, abayobozi b'inzego z'ibanze n'iza Polisi y'Igihugu n'ababyeyi.

Anketi yibanze ku burenganzira bwo kubaho, uburenganzira bw'umuryango, uburenganzira bwo kugira icumbi, uburenganzira ku burezi, uburenganzira ku buzima, ukwishyira ukizana mu bitekerezo n'uburenganzira bwo kwidagadura.

Ibyavuye muri iyo anketi byagaragaje ko, n'ubwo Leta ishyira imbaraga nyinshi mu gukemura ibibazo by'ibyo byiciro bitandukanye by'abana, bacyugarijwe n'ingorane zigomba gushakirwa imiti. Zimwe muri izo ngorane ni izi zikurikira :

- Ku bana b'impfubyi baba mu miryango yabakiriye hari aho bafatwa nabi, bagakoreshwa imirimo yo mu rugo myinshi ntitume biga neza. Ikindi ni uko bamwe mu babarera biharira imitungo yabo.

- Ku bana b'imfubyi baba mu bigo, anketi yagaragaje ko bafite ibibazo by'imibereho myiza kubera amikoro make y'ibyo bigo.

- Ku bana bakoreshwa, hari abagikora mu mirima y'imiceri, iy'ibyayi by'abaturage, ndetse no muri za kariyeri z'amabuye. Hari n'abakoreshwa mu ngo, muri za resitora no mu tubari. Abo bose bafite ingorane zo kuba bavunika, bakava mu ishuri ahanini kubera ubukene bw'imiryango bavukamo kandi bakanahabwa umushara udakwiriye.

- Ku bana barera abandi, abenshi muri bo usanga barataye amashuri n'abiga ntabwo bagira amanota meza kubera imirimo myinshi bakora batashye bigatuma mu bizamini bya Leta birangiza ibyiciro by'amashuri batabona amanota abemerera kwinjira mu bigo bya Leta. Ikindi anketi yagaragaje ni uko abo bana ari bo bakora mu tubari no mu maresitora rimwe na rimwe abana b'ababakobwa bagakora uburaya.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Ishingiye kuri ibyo bibazo, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze ibyifuzonama ku nzego zibishinzwe kandi isaba ko byashyirwa mu bikorwa kugira ngo uburenganzira bw'abo bana burengerwe. Ibyo byifuzonama ni ibi bikutikira :

- Gushimangira gahunda yatangiye yo kwigisha abana batabonye uko bajya mu mashuri bakiri bato ;
- Gushyiraho umutwe wa Police y'Igihugu ushinzwe abana (Police des mineurs) n'undi ushinzwe imyifatire n'umuco (Police des moeurs) ;
- Gusaba inzego zibishinzwe gukomeza gushyigikira gahunda ya « The Neighbour's eye » isaba buri muturage kumva ko umwana utari uwe nawe amureba ;
- N'ubwo Leta ifite gahunda yo kuvana abana mu bigo by'imfumbyi ibashyira mu miryango kugira ngo babone uburere bukwiriye, ikwiriye kugenera inkunga ibigo bigifite abana b'imfubyi kuko usanga bifite amikoro adahagije bigatuma abana batagira imibereho myiza. Ikindi ni uko abana barengeje imyaka 18 bavanwa mu bigo by'imfubyi bakinjizwa mu buzima busanzwe, bakongererwa ubushobozi mu bukungu ku buryo babona uko bibeshaho ;
- Gushyiraho ibihano bigenerwa abantu bakoresha abana bataragera igihe cyo gukora n'ababakoresha mu mirimo ibavuna cyangwa itabakwiriye.

3.7.2. Ishyirwaho n'ihugurwa rya za komite zishinzwe igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana (observatoire des droits de l'enfant)

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inshingano ihabwa n'Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa mu ngingo yaryo ya 24, Komisiyo yashyizeho abagize za komite zo ku rwego rw'Umurenge no ku rwego rw'Akarere zishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana nk'uko zari zemejwe mu mwaka w'2006.

Komisiyo kandi yahuguye mu gihugu hose abagize izo komite mu bijyanye n'amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'umwana, banahabwa n'imfashanyigisho. Abahuguwe bose bari 6.607.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.8. IMIKORANIRE YA KOMISIYO N'INZEGO ZA LETA.

- **Inteko Ishinga Amategeko.**

Imikoranire ya Komisiyo n'Inteko Ishinga Amategeko ishingiye ku kugeza ku Nteko Ishinga Amategeko gahunda yayo y'ibikorwa no gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko arebana n'uburenganzira bwa muntu.

- **Urukiko rw'Ikirenga.**

Imikoranire ya Komisiyo n'Urukiko rw'Ikirenga bushingiye ku ngingo ya 44 y'Itegeko Nshinga ivuga ko Urukiko rw'Ikirenga ari rwo murinzi w'iyubahirizwa ry'Uburenganzira bwa Muntu.

Iyo mikoranire ishingira kandi ku kwigira raporo za Komisiyo mu Nama Nkuru y'Ubucamanza.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu aba kandi mu Nama Nkuru y'Ubucamanza.

- **Parike Nkuru ya Repubulika.**

Mu rwego rw'imikoranire hagati ya Komisiyo na Parike Nkuru ya Repubulika habaye inama zinyuranye hagati y'izo nzego zombi, ziganira ku bibazo by'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu muri rusange, by'umwihariko ibibazo by'abantu bafungwa by'agateganyo igihe kirekire.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ni umwe mu bagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha kandi iyo Nama ikaba isuzuma raporo za Komisiyo kugira ngo irebe niba ibibazo byayigejejweho byarekemutse.

- **Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage.**

Imikoranire ya Komisiyo na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage ishingiye ku bikorwa by'amahugurwa y'abaturage Komisiyo itegura binyuze ku bayobozi b'inzegi z'ibanze.

- **Minisiteri y'Ubutabera.**

Imikoranire ya Komisiyo na Minisiteri y'Ubutabera ishingiye ko hakurikijwe imiterere y'amategeko, Minisiteri y'Ubutabera ari umuhuza wa Komisiyo na Leta. Ni muri urwo rwego Komisiyo yakurikiranye inama zihuza inzego zihuriye ku butabera (secteur de justice / Justice sector) Minisiteri y'Ubutabera iyobora.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Minisiteri y'Umutekano mu gihugu**.

Imikoranire ya Komisiyo na Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu ishingiye ku gikorwa cyo gusura amagereza. Komisiyo iyigezaho ibibazo by'iyubahiriza ry'uburenganzira bw'abafunze.

- **Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango.**

Imikiranire ya Komisiyo na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango ishingiye ku birebana n'uburengzanzira bw'umwana n'ubw'umugore. Ni muri urwo rwego ibikorwa n'inama byateguwe n'iyo Minisiteri Komisiyo ibitumirwamo kandi ikabigiramo uruhare.

Bimwe muri ibyo bikorwa harimo Inama Nkuru y'Abana. Ku birebana n'uburenganzira bw'umugore, Komisiyo ifatanya na Minisiteri gutegura umunsi mpuzamahanga w'umugore n'ibindi bikorwa bigamije guteza imbere uburinganre n'uburenganzira bw'umwana kandi ikanatanga n'ibitekerezo.

Hari kandi n'ibirebana n'amaraporo asabwa mu rwego rw'amasezerano mpuzamahanga (CEDOW). Ni muri urwo rwego Komisiyo yafatanyije na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango mu itegura ry'inyandiko ya raporo y'u Rwanda yerekana intambwe yatewe mu ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana (une Afrique digne des enfants / Africa fit for children) mbere y'uko yohererezwa Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe.

- **Minisiteri y'Itanganzamakuru muri Minisiteri y'Intebe.**

Imikoranire ya Komisiyo na Minisiteri y'Itangazamakuru yashingiye ku mahugurwa y'abanyamakuru yateguwe n'iyo Minisiteri Komisiyo ikayatangamo ibiganiro.

Komisiyo kandi yafatanyije na Minisiteri y'Itangazamakuru gutanga ibitekerezo ku mbanzirizamishinga y'amategeko arebana n'itangazamakuru.

- **Minisiteri y'Abakozi ba Leta**

Imikoranire ya Komisiyo na Minisiteri y'Abakozi ba Leta ishingiye ku gutanga ibitekerezo ku mushinga wa politiki y'igihugu yo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana, no gukurikirana ibikorwa birebana n'uburenganzira bw'umwana.

- **Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge**.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakomeje gutanga ibiganiro ku burenganzira bwa muntu mu ngando zinyuranye zateguwe n'iyo Komisiyo. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yafatanyije n'iyo Komisiyo gutegura Inama Nkuru y'Abana mu rwego rw'igihugu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- **Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abavuye ku Rugerero.**

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abavuye ku Rugerero, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakomeje gutanga ibiganiro binyuranye ku burenganzira bwa muntu mu ngando z'abitandukanyije n'abacengezi.

- **Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca.**

Ubufatanye n'uru rwego bushingiye ku bikorwa byo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu mikorere y'Inkiko Gacaca. Buri mezi atatu, Komisiyo igeza kuri urwo rwego raporo igaragaza uko uburenganzira bwa muntu bwubahirijwe mu Nkiko Gacaca. Iyo raporo iba ikubiyemo n'ibyifuzonama.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.9. ABAGENDEREYE KOMISIYO

Madamu Louise ARBOUR, Komiseri Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu n'intumwa bari kumwe, zirimo uhagarariye mu Rwanda Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD), yasuye Komisiyo ku wa 24 Gicurasi 2007 bagirana ibiganiro n'abagize Komisiyo bose. Ibyo biganiro byibanze ku buryo uburenganzira bwa muntu bwifashe mu gihugu.

Ambasaderi w'Ubudage mu Rwanda na GUNTER NOOKE, Umujyanama wa Guverinoma y'Ubudage mu bijyanye n'Uburenganzira bwa Muntu, bagendereye Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda, baganira ku byerekeye Uburenganzira bwa Muntu mu Rwanda.

Komisiyo kandi yasuwe na Komisiyo y'Inteko Ishinga Amategeko ishinzwe uburengzira bwa muntu ku wa 9 Werurwe 2007 baganira ku bibazo byanditswe muri raporo yayo y'umwaka w'2006 n'aho bigeze bikemuka.

Komisiyo yanasuwe n'intumwa ziturutse mu Muryango w'Abibumbye mu rwego rwa gahunda yiswe « Action II », n'intumwa y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu iri kumwe na « UN Resident Coordinator » ari na we wari uhagarariye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere mu Rwanda. Baganiriye kuri gahunda y'ibikorwa by'Umuryango w'Abibumbye byaba bishingiye ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu.

Komisiyo na none yasuwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushinzwe Inkiko Gacaca ku rwego rw'Igihugu ku wa 5 Ukuboza 2007 abonana n'abagize Komisiyo. Komisiyo yamugejejeho muri rusange ibibazo yakurikiranye birebana n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca n'ibirebana n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko muri izo nkiko by'umwihariko.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

3.10. GUSURA URUKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO U RWANDA I ARUSHA

Kuva ku wa 24 kugeza ku wa 28 Nzeri 2007 no kuva ku wa 1 kugeza ku wa 5 Ukwakira 2007, abagize Komisiyo n'abakozi bayo bagiye mu rugendoshuri Arusha muri Tanzaniya.

Mbere yo kujya Arusha, Komisiyo yari yabanje gusura Gereza ya Mpanga igamije kureba ko ibyangombwa bisabwa n'amategeko mpuzamahanga z'ahafungirwa byuzuye muri iyo gereza.

Urugendoshuri rwari rugamije ibi bikurikira :

- Gusura Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda kugira ngo abagize Komisiyo bamenye dosiye z'abafungiye Arusha bakurikiranyweho icyaha cya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu hagamijwe gutegura kuzakurikirana izo dosiye igihe abafunzwe bazaba bimuriwe mu Rwanda ;

- Gusura Gereza ya Arusha kugira ngo bamenye imibereho y'abahafungiye n'uko uburenganzira bwabo bwubahirizwa, bamenye kandi n'imicungire y'amadosiye yabo ndetse n'amadosiye y'ababuranishijwe n'urwo Rukiko ;

- Kuganira n'abayobozi banyuranye b'urwo Rukiko ;

- Gusura Urukiko rw'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku birebana n'ububasha rugiye guhabwa bwo kuburanisha imanza zerekeye ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Karere ka Afurika y'iburasirazuba

Urwo rugendoshuri rwakozwe mu matsinda abiri. Abagize Komisiyo n'abakozi bayo babonanye n'abayobozi bakuru b'urwo rukiko n'abandi bakozi bakuru bakurikira :

- Bwana Dennis C.M Byron, Perezida w'Urukiko ;
- Bwana Hassan Bubacar Jallow, Umushinjacyaha Mukuru ;
- Bwana Adama Dieng, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko ;
- Bwana MUTABINGWA Aloys, uhagarariye inyungu z'u Rwanda mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ;
- Bwana Roland Amoussouga, Senior Legal, umuvugizi w'Urukiko ;
- Bwana Saidou Guindo, Umuyobozi wa Gereza ;
- Madamu Sarah M. Kilemi, ushinzwe Ubuyobozi mu Rukiko ;
- Madamu Sylvie Becky, ushinzwe Serivisi y'abatangabuhamya;
- Bwana Dustin Mwangulu, ushinzwe Ubuyobozi bw'Inkiko
- Bwana Alessandro Caldarone, ukuriyeriye ishami rishinzwe kwakira abantu.

Muri rusange baganiriye, ku kibazo cy'amadosiye, ku iyimura ry'imfungwa zakatiwe zikoherezwa ahakorewe ibyaha no ku manza nyirizina n'uko zaburanishirizwa mu Rwanda.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Abari mu rugendoshuri basuye Gereza ya Arusha, banabonana na bamwe mu bafunzwe bari mu bice binyuranye bya Gereza.

Iyo Gereza yujuje ibiteganywa n'umubumbe w'amategeko ntarengwa y'Umuryango w'Abibumbye ajyanye n'uburyo bwo gucunga amagereza no kwita ku bafungwa. Iri kandi ahantu hitaruye hari umutekano uhagije, ifite abayobozi n'abakozi bahagije babifitiye ubumenyi n'ububasha. Imibereho y'abafunze nayo yitaweho bihagije.

Abari mu rugendoshuri kandi bakurikiranye imiburanishirize y'imanza za bamwe mu bafungwa.

*

* *

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

IV. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI

4.1. IBISOBANURO BY'IBANZE

Raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka w'2007 igaragaza amafaranga Komisiyo yahawe ku ngengo y'imari ya Leta, ayo yahawe n'abaterankunga, n'ayo yahawe na Minisiteri y'Ubutabera kuva ku wa mbere Mutarama kugera ku wa 31 ukuboza 2007 n'uburyo yakoreshejwe.

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yagenewe n'itegeko n° 53/2006 idasanzwe yo ku wa 31 ukuboza 2006 .rigena imari ya Leta amafaranga angana na *miliyoni magana atandatu n'umunani, ibihumbi magana abiri na cumi na bine n'amafaranga magana ane mirongo itandatu n'atandatu* (608 214 466 FRw).

Ku mafaranga Komisiyo yagenewe n'itegeko, kugeza ku wa 31 ukuboza 2007 yari imaze guhabwa amafaranga angana na *miliyoni magana atanu mirongo inani n'imwe, ibihumbii magana arindwi mirongo ine na bine n'amafaranga magana arindwi mirongo itatu n'icyenda* (581 744 739 FRw). Komisiyo ikaba itarahawe amafaranga y'imikoreshereze ya buri munsi y'ukwezi k'ukuboza. Ibyo bikaba byaratumye umwaka urangira Komisiyo ifite ibirarane. Ayo mafaranga yaje yiyongera ku yari kuri konti no mu isanduku nto ya Komisiyo ku wa 31 ukuboza 2006 ahwanye na *miliyoni eshanu, ibihumbi magana ane na mirongo itatu n'amafaranga magana atanu mirongo inani n'ane* (5 430 584 FRw).

Usibye ayo mafaranga y'ingengo y'imali ya Leta Komisiyo yari ifite mu mwaka w'2007, yabonye andi y'abaterankunga ahwanye na *miliyoni ijana na mirongo itatu n'esheshatu, ibihumbi magana arindwi na bitatu n'amafaranga magana abiri na mirongo ine* (136 703 240 FRw) ; yari agenewe ibikorwa bikurikira:

- *Amafaranga miliyoni mirongo irindwi n'umunani, ibihumbi magana atatu mirongo inani na birindwi n'amafaranga magana ane n'atanu* **(78 387 405 FRw)**, Komisiyo yahawe na UNICEF yari agenewe guhugura abagize Komite zishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana. Ayo mafranga yanyujijwe kuri konti ya Komisiyo ;

- *Amafaranga miliyoni mirongo itanu n'umunani, ibihumbi magana atatu na cumi na bitanu n'amafaranga magana inani mirongo itatu n'atanu* **(58 315 835 FRw)** yari agenewe gutegura inama Mpuzamahanga ya 6 ya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yabereye i Kigali kuva ku wa 8 kugeza ku wa 10 Ukwakira 2007 ; akaba yaratanzwe n'abaterankunga bakurikira :

- Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu (HCDH) ryatanze miriyoni makumyabiri n'enye, ibihumbi magana ane mirongo irindwi na *kimwe n'amafaranga magana atatu mirongo inani na rimwe (24 471 381 FRw) ;*

- Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi riri mu Rwanda (HCR) ryatanze *miriyoni makumyabiri n'imwe n'ibihumbi magana inani na mirongo ine* (21 840 000 FRw) ;

- Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'ibihugu bikoresha ururimi rw'igifaransa (OIF) ryatanze *miriyoni indwi, ibihumbi magana atandatu mirongo icyenda na bitandatu n'amafaranga magana ane mirongo icyenda n'icyenda* (7 696 499 FRw) ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Umuryango utegamiye kuri Leta wita ku bavanywe mu byabo « Brookings-Bern » yatanze *miliyoni enye, ibihumbi magana atatu na birindwi n'amafaranga magana cyenda mirongo itanu n'atanu* (4 307 955 FRw).

Ayo mafaranga yose yari agenewe inama yanyuze kuri konti yihariye ya Komisiyo yafunguwe kubera icyo gikorwa.

Muri uwo mwaka w'2007, Minisiteri y'Ubutabera yahaye Komisiyo amafranga *ibihumbi magana ane mirongo ine na bitandatu n'amafaranga magana abiri* (446 200 FRw) mu kuyitera inkunga mu gikorwa cyo kwakira Komiseri Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu.

Ayo mafaranga yose y'impano yiyongereye ku yo Komisiyo yahawe ku ngengo y'imali y'umwaka w'2007 akaba ahwanye na *miliyoni magana arindwi na cumi n'umunani n'ibihumbi magana inani mirongo icyenda na bine n'amafaranga ijana na mirongo irindwi n'icyenda* **(718 894 179 FRw).**

Hari n'andi mafaranga *miliyoni cumi n'imwe, ibihumbi magana inani na mirongo itanu na bine n'amafaranga magana atanu makumyabiri na rimwe* **(11 854 521 FRw**) imishinga ikorera muri Komisiyo yari ifitiye Komisiyo.

Amafaranga Komisiyo yakoresheje kugeza ku wa 31 Ukuboza 2007 ni *Miliyoni magana arindwi na cumi n'eshanu, ibihumbi magana abiri mirongo irindwi na birindwi n'amafaranga magana atatu na cumi n'atanu* **(715 277 315 FRw).** Ayo mafaranga yakoreshejwe ku bijyanye n'imishahara, imikorere ya buri munsi, yishyura na bimwe mu birarane by'imyenda Komisiyo yari ifte ku wa 31 Ukuboza 2006.

Umwaka w'2006 warangiye Komisiyo ifite imyenda ihwanye *na miriyoni makumyabiri n'icyenda, ibihumbi mirongo icyenda na bibiri n'amafaranga magana atatu mirongo itanu n'atanu* **(29 092 355)**[20]; umwaka w'2007 urangira Komisiyo yishyuye bimwe muri ibyo birarane; hasigaye ibihwanye na *miriyoni imwe, ibihumbi magana arindwi na makumyabiri na bitanu n'amafaranga magana atanu mirongo itandatu n'atanu* **(1.725.565 FRw)** by'iyongera ku by'umwaka w'2007 bingana na *miliyoni cumi n'esheshatu n'ibihumbi makumyabiri na bine n'amafaranga mirongo itanu n'icyenda* (**16 024 059 FRw**). Ibyo birarane bikaba byaratewe n'uko Komisiyo itahawe amafaranga y'imikorere ya buri munsi (fonctionnement) y'ukwezi k'Ukuboza 2007.

Ku wa 31 Ukuboza 2007, Komisiyo yari ifite amafaranga itarakoresha ari kuri konti zayo no mu isanduku ntoya ahwanye na *miliyoni zirindwi, ibihumbi magana inani na mirongo itatu na bitatu n'ibihumbi magana atandatu mirongo irindwi n'atatu* **(7 833 673 FRw).**

Mu mwaka w'2007, abaterankunga bahaye imishinga ikorera muri Komisiyo **(Umushinga wo kongererera Ubushobozi Komisiyo n'umushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca**) amafaranga *miliyoni magana atatu mirongo cyenda na zirindwi, n'ibihumbi ijana na mirongo ine na bitatu n'amafaranga mirongo itanu n'icyenda* (**397 143 059 FRw)**.

[20] Icyo giteranyo cy'ibirarane ni amafaranga y'ibirarane by'umwaka w'2006 kongeraho 300 000 FRw ya 3 % yari atarishyurwa ku wa 31 ukuboza 2006.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Uburyo iyo mishinga yakoresheje ayo mafaranga tubisanga kuva ku rupapuro rw'120 kugeza ku rw'122.

4.2.ISHUSHO Y'IMARI YA KOMISIYO MU MWAKA W'2007

4.2.1. Ishusho y'ingengo y'imari ya Leta n'andi mafaranga yanyuze kuri konti za Komisiyo mu mwaka w'2007

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza amafaranga Komisiyo yari ifite muri banki no mu isanduku ntoya, imyenda n'ayo imishinga yari iyifitiye ku wa 31 Ukuboza 2006 ; amafaranga Komisiyo yabonye n'ayakoreshejwe mu mwaka w'2007. Igaragaza kandi n'ayo yari isigaranye ndetse n'imyenda yari ifite ku wa 31 Ukuboza 2007.

I. AMAFARANGA KOMISIYO YARI IFITE KU WA 31/12/2006	**UMUBARE W'AMAFARANGA**
1. AMAFARANGA YARI KURI KONTI KU WA 31/12/2006 (A)	
Konti n° 120.10.95	1 724 694
Konti n° 320.10.53	3 628 990
Konti n° 120.29.47- Inama mpuzamahanga ya 6 (CINDHA)	0
Isanduku ntoya ya Komisiyo	76 900
Isanduku ntoya - Inama mpuzamahanga ya 6 (CINDHA)	0
2. IBINDI (B)	
Amafaranga imishinga yari ifitiye Komisiyo	11 854 521
Imyenda	29 092 355
ISHUSHO Y'IMARI KU WA 31/12/2006 (A+B)	**-11 807 250**
II. AMAFARANGA KOMISIYO YABONYE MU MWAKA W'2007 (C)	
II.1. Amafaranga Komisiyo yahawe ku ngengo y'imari y'umwaka w'2007	581 744 739
II.2. Amafaranga Komisiyo yahawe na Minisiteri y'Ubutabera	446 200
II.3. Amafaranga Komisiyo yahawe n'Abaterankunga : - UNICEF - Abaterankunga b'Inama mpuzamahanga ya 6 ya za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yatanzwe na "HCDH", "HCR", "BROOKINGS", "OIF"	 **78 387 405** **58 315 835**
IGITERANYO CY'AMAFARANGA KOMISIYO YABONYE MU MWAKA W'2007	**718 894 179**
IGITERANYO: (A+B+C)	**707 086 929**
ICYO AYO MAFARANGA YAKORESHEJWE (D)	
Imishahara n'amafaranga y'imikorere ya buri munsi ava ku ngengo y'imali	579 864 831
FRw yakoreshejwe mu guhugura Komite zishinzwe kurengera uburenganzira bw'umwana ; yatanzwe na UNICEF	70 060 099
Amafaranga yakoreshejwe mu gutegura inama 6 mpuzamahanga ya	65 352 385*

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

za Komisiyo zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yatanzwe na HCDH, HCR, BROOKINGS, OIF	
IGITERANYO	**715 277 315**
IKINYURANYO: (A+B+C) - D	**-8 190 386**
IBISOBANURO BY'ICYO KINYURANYO	
AMAFARANGA KOMISIYO YARI IFITE KU WA 31/12/2007	
Konti n° 120.10.95	5 790 920
Konti n° 320.10.53	127 807
Konti n° 120.29.47- Inama mpuzamahanga ya 6 (CINDHA)	1 479 282
Isanduku ntoya ya Komisiyo	358 664
Isanduku ntoya - Inama mpuzamahanga ya 6 (CINDHA)	77 000
Amafaranga imishinga yari ifitiye Komisiyo	0
Imyenda	16 024 059
ISHUSHO Y'IMARI KU WA 31/12/2007	**-8 190 386**

** Amafranga yatanzwe n'abateye inkunga mu gutegura inama mpuzamahanga ya gatandatu ya za Komisiyo zishyinzwe Uburenganzira bwa Muntu, ayakoreshejwe aruta ayo batanze kubera ko babanje gutanga 80 % by'ayo bari bateganyije, Komisiyo ikaba itegereje ko bayisubiza 20 % asigaye.*

4.2.2. Ishusho y'imari y'imishinga ikorera muri Komisiyo mu mwaka w'2007

A. **Umushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca**

A. AHO AMAFARANGA YATURUTSE	**UMUBARE W'AMAFARANGA**
1. Ayari kuri konti mu ntangiriro z'umwaka w'2007	
Konti n° 120.13.44	0
Isanduku ntoya y'umushinga	0
Igiteranyo cy'amafaranga umushinga wari ufite	**0**
2. *Amafaranga umushinga wahawe n'umuterankunga mu mwaka w'2007*	177.477.468
IGITERANYO CY'AMAFARANGA UMUSHINGA WABONYE MU MWAKA W'2007 (1+2)	**177.477.468**
B.ICYO AMAFARANGA YAKORESHEJWE	
- Gukurikirana imikorere y'Inkiko Gacaca	70.022.413
- Imishahara y'abakozi b'umushinga	107.454.826
IGITERANYO CY'AYAKORESHEJWE	**177.477.239**
IKINYURANYO CY'AYABONETSE N'AYAKORESHEJWE (A-B)	**229**
C. AMAFARANGA UMUSHINGA WARI USIGARANYE KU WA 31/12/2007 :	
Konti n° 120.13.44	229
Isanduku y'umushinga	0
IGITERANYO	**229**
IKINYURANYO	**0**

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

B. ISHUSHO Y'IMARI Y'UMUSHINGA WO KONGERERA KOMISIYO UBUSHOBOZI

A. AHO AMAFARANGA YATURUTSE	UMUBARE W'AMAFARANGA
1. Amafaranga Umushinga wari ufite mu ntangiriro z'umwaka w'2007	
Konti n°1202931	0
Isanduka ntoya	0
Igiteranyo cy'amafaranga Umushinga wari ufite	0
2. Amafaranga Umushinga wahawe n'Abaterankunga mu mwaka w'2007	219 665 591
IGITERANYO CY'AMAFARANGA UMUSHINGA WABONYE MU MWAKA W'2007 (1+2)	**219 665 591**
B. ICYO AMAFARANGA YAKORESHEJWE	
Kugura ibikoresho by'Ikoranabuhanga no kubishyira muri Komisiyo	42 087 075
Ibiganiro, kugura ibitabo bya Komisiyo n'izindi nyandiko	7 329 495
Amahugurwa ku burenganzira n'ibijyana nayo	74 831 017
Inama mu gihugu imbere	22 955 986
Inama n'amahugurwa mu mahanga	48 552 918
Ibigenda ku bakozi b'Umushinga n'ibikoresho byo mu biro	23 315 305
Amafaranga y'umufuragiro wa Banki	126 098
IGITERANYO CY'AMAFARANGA YAKORESHEJWE	**219 197 894**
IKINYURANYO CY'AYABONETSE N'AYAKORESHEJWE	**467 697**
C. AMAFARANGA UMUSHINGA WARI USIGARANYE KU WA 31 UKUBOZA 2007	
Konti n°120.13.44	467 627
Isanduka ntoya	70
IGITERANYO	**467 697**
IKINYURANYO	**467 697**

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

4.3. IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE NA LETA MU MWAKA W'2007

Imikoreshereze y'amafranga Komisiyo yahawe na Leta ku ngengo y'imari isanzwe ya Leta mu mwaka w'2007 igaragarira mu mbonerahamwe ikurikira ikanumvikana neza mu bisobanuro biyiherekeje.

Kode	INYITO	AYARI ATEGANYIJWE	AMAFARANGA YATANZWE	AYAKORE-SHEJWE	IKINYURANYO	IJANISHA
	IGITERANYO CYA BYOSE	**608 214 466**	**581 744 739**	**579 864 831**	**1 879 908**	**99,68%**
5	**IGENAMIGAMBI N'IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO**	**520 514 974**	**498 846 810**	**509 163 027**	**-10 316 217**	**102,07%**
501	***IMICUNGIRE Y'IKIGO***	***480 934 974***	***462 851 257***	***483 732 252***	**-20 880 995**	**104,51%**
5010101	IBIGENDA KU BAKOMISERI N'ABAKOZI	357 164 130	353 253 552	353 486 994	-233 442	100,07%
5010102	IBINDI BIFASHA MU MIKORERE YA BURI MUNSI	123 770 844	109 597 705	130 245 258	-20 647 553	118,84%
502	***KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO***	***39 580 000***	***35 995 553***	***25 430 775***	**10 564 778**	**70,65%**
5020101	AMAHUGURWA MU GIHUGU KU BAKOMISERI N'ABAKOZI	3 000 000	2 571 428	3 254 800	-683 372	126,58%
5020201	INGENDO-SHURI KU BAKOMISERI I GENEVE	5 000 000	4 527 715	0	4 527 715	0,00%
5020202	INGENDOSHURI KU BAKOMISERI n'abakozi ku rukiko mpuzamahanga rw' arusha	7 000 000	6 900 000	4 323 470	2 576 530	62,66%
5020203	INGENDOSHURI KU BAKOMISERI n'abakozi mu zindi Komisiyo z' uburenganzira bwa muntu	5 000 000	4 390 139	1 382 792	3 007 347	31,50%
5020301	Amahugurwa hanze y'igihugu ku ba komiseri n'abakozi	4 000 000	3 428 572	3 090 553	338 019	90,14%

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

5020401	Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa bya porogaramu y'ibikorwa bya komisiyo	1 280 000	1 097 143	937 750	159 393	85,47%
5020501	Gukurikirana inama mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu	4 000 000	3 428 572	4 468 867	-1 040 295	130,34%
5020601	Gushyira mu byumba bya komisiyo umuyoboro wa za mudasobwa	7 300 000	6 980 555	5 527 543	1 453 012	79,18%
5020701	Guhugura abakozi mu ndimi no gukoresha mudasobwa	3 000 000	2 671 429	2 445 000	226 429	91,52%
6	**Kurengera uburenganzira bwa muntu**	**37 820 000**	**37 820 000**	**36 036 229**	**1 783 771**	**95,28%**
601	***Ipereza kw'ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu***	***25 000 000***	***25 000 000***	***28 969 134***	**-3 969 134**	**115,88%**
6010101	Kwakira ibirego no kubikurikirana	8 770 000	8 770 000	20 196 490	-11 426 490	230,29%
6010102	Kuregera inkiko	9 180 000	9 180 000	0	9 180 000	0,00%
6010105	Gukurikirana iburanishwa ry'imanza	1 590 000	1 590 000	764 352	825 648	48,07%
6010106	Gutanga ibyifuzonama	2 090 000	2 090 000	696 000	1 394 000	33,30%
6010107	Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana	3 370 000	3 370 000	7 312 292	-3 942 292	216,98%
602	***Kureba iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu nkiko gacaca no mu mirimo nsimburagifungo***	***12 820 000***	***12 820 000***	***7 067 095***	**5 752 905**	**55,13%**
6020101	Gusura za gereza	2 190 000	2 190 000	1 309 950	880 050	59,82%

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

6020102	Gutanga ibyifuzonama kubijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu muri za gereza	1 100 000	1 100 000	460 000	640 000	41,82%
6020201	Gukurikirana imirimo y'inkiko gacaca	1 600 000	1 600 000	2 687 113	-1 087 113	167,94%
6020202	Gutanga ibyifuzonama kubijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu nkiko gacaca	1 880 000	1 880 000	226 472	1 653 528	12,05%
6020301	Gukurikirana TIG	1 800 000	1 800 000	1 870 060	-70 060	103,89%
6020302	Gutanga ibyifuzonama kubijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu muri TIG	1 470 000	1 470 000	247 500	1 222 500	16,84%
6020401	Gukurikirana amatora	1 000 000	1 000 000	266 000	734 000	26,60%
6020402	Gutanga ibyifuzonama ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu matora	1 780 000	1 780 000	0	1 780 000	0,00%
7	**Guteza imbere uburenganzira bwa muntu**	**49 879 492**	**45 077 929**	**34 665 575**	10 412 354	**76,90%**
701	***Kwigisha no gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu***	***49 879 492***	***45 077 929***	***34 665 575***	10 412 354	**76,90%**
7010101	GUTUNGANYA IMFASHANYIGI-SHO KU BURENGANZIRA BWA MUNTU	800 000	657 142	986 000	-328 858	150,04%

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

7010201	GUTEGURA AMAHUGURWA Y'ABARIMU BO MU MASHURI YISUMBUYE KU BURENGANZIRA BWA MUNTU	1 600 000	1 342 856	5 109 000	-3 766 144	380,46%
7010301	GUTEGURA AMAHUGURWA Y'ABAGIZE IMIRYANGO YITA KU BURENGANZIRA BWA MUNTU N'AMASHYIRAHA-MWE Y'URUBYIRUKO KU BURENGANZIRA BWA MUNTU	1 700 000	1 457 142	4 549 989	-3 092 847	312,25%
7010401	GUTEGURA AMAHUGURWA Y'ABANYAMADINI KU BURENGANZIRA BWA MUNTU	1 800 000	1 500 000	3 037 252	-1 537 252	202,48%
7010501	GUTEGURA AMAHUGURWA Y'ABAGIZE URUGAGA RW'ABANYARWA-NDA RW'ABIKORERA KU GITI CYABO KU BURENGANZIRA BWA MUNTU	800 000	685 713	0	685 713	0,00%
7010601	GUTEGURA AMAHUGURWA Y'ABUNZI KU BURENGANZIRA BWA MUNTU	1 500 000	1 257 142	0	1 257 142	0,00%
7010701	GUKURIKIRANA IYEMEZWA BURUNDU RY'AMASEZERA-NO MPUZAMAHANGA Y'UBUREGNANZI-RA BWA MUNTU	300 000	257 142	75 000	182 142	29,17%
7010801	KUGURA IBIKORESHO BYA	1 100 000	942 857	0	942 857	0,00%

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

	STUDIO					
7010802	GUTEGURA IBIGANIRO NO KUBIHITISHA KURI RADIYO	1 290 000	1 034 285	582 500	451 785	56,32%
7010901	GUTEGURA IBIGANIRO NO KUBIHITISHA KURI TELEVIZIYO	1 300 000	1 114 285	0	1 114 285	0,00%
7011001	GUTEGURA, KWANDIKA NO GUSAKAZA INYANDIKO-MPINE KU BIJYANYE N'UBURENGANZI-RA BWA MUNTU	1 200 000	538 446	692 183	-153 737	128,55%
7011101	GUKANGURIRA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU NGANDO KU BANTU B'INGERI ZINYURANYE	1 800 000	1 142 856	743 852	399 004	65,09%
7011201	GUKANGURIRA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MURI ZA GEREZA	1 400 000	1 200 000	0	1 200 000	0,00%
7011301	GUCAPISHA RAPORO Y'UMWAKA KW'IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGAN-ZIRA BWA MUNTU	1 100 000	942 857	750 000	192 857	79,55%
7011302	GUHINDURA MU NDIMI ZITANDUKANYE RAPORO Y'UMWAKA KW'IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGAN-ZIRA BWA MUNTU	1 000 000	857 143	672 600	184 543	78,47%
7011401	GUTEGURA INYANDIKO ZAMAMAZA	500 000	428 571	0	428 571	0,00%
7011402	GUTANGAZA MU BINYAMAKURU INYANDIKO ZAMAMAZA	200 000	171 429	500 000	-328 571	291,67%
7011501	GUTEGURA IBIGANIRO-MPAKA KU	2 100 000	1 800 000	0	1 800 000	0,00%

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

	BURENGANZIRA BWA MUNTU MU NTARA ZOSE Z'IGIHUGU					
7011601	GUKORESHA IRUSHANWA RY'IKINAMICO MU MASHURI YISUMBUYE	1 500 000	1 285 714	0	1 285 714	0,00%
7011701	GUFATANYA N'IZINDI NZEGO GUTEGURA INAMA NYUNGURANABIT EKEREZO KU BURENGANZIRA BWA MUNTU	1 390 000	1 191 429	82 500	1 108 929	6,92%
7011801	GUTEGURA INAMA MPUZAMAHANGA YA 6 YA KOMISIYO NYAFURIKA ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU	23 899 492	23 899 492	16 007 199	7 892 293	66,98%
7011901	GUTUNGANYA INZU Y'ISOMERO YA KOMISIYO	800 000	685 714	0	685 714	0,00%
7012001	KWIZIHIZA IMINSI NGARUKAMWAKA Y'UBURENGANZI-RA BWA MUNTU	800 000	685 714	877 500	-191 786	127,97%

Aho byavuye : *- Inyandiko zo mu ibaruramari rya Komisiyo zo mu mwaka w'2007*
Itegeko rigena imari ya Leta y'umwaka wa 2007

4.3.1. Ibisobanuro ku mbonerahamwe y'imikoreshereze y'amafaranga aturuka ku ngengo y'imari ya Leta y'umwaka w'2007

Imbonerahamwe igaragaza ko ku mirongo imwe n'imwe hagiye hasaguka amafaranga, ku yindi akarenga.

A. Imirongo y'aho amafaranga arenga ku yateganyijwe

Muri rusange, ibikorwa bimwe byakoresheje amafaranga aruta ayo Komisiyo yahawe. Ibyo bikaba byaratewe n'uko ibyo bikorwa byari byaragenewe amafaranga make kandi bikaba ari bimwe mu bikorwa by'ingenzi Komisiyo yabonaga ari ngombwa ko bikorwa ihereye ku nshingano zayo.

Ibyo bikorwa ni ibi bikurikira :

- Ibijyanye no kwakira ibirego no kubikurikirana (6010101) : amafaranga akoreshwa aba menshi ukurikije ayateganyijwe kubera ko kuri icyo gikorwa niho hava amafaranga yo gukodesha imodoka

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

zitwara abagiye gukurikirana ibirego ku ihutazwa mu burenganzira bwa Muntu kandi icyo gikorwa ni inshingano ikomeye ya Komisiyo kuko yiyambazwa igihe cyose bibaye ngombwa ko bikorwa. Izo modoka usanga zitwara amafaranga menshi iyo ugereranyije n'ayateganyijwe.

- Ibijyanye no gutegura amahugurwa y'abagize imiryango yita ku burenganzira bwa muntu n'amashyirahamwe y'urubyiruko ku burenganzira bwa muntu (7010301) no gutegura amahugurwa y'abanyamadini ku burenganzira bwa Muntu (7010401) ; amafaranga yari ateganyijwe yari make ugereranyije n'icyo gikorwa.

- Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana (6010107) : Amafaranga yarenze ayari yateganyijwe kubera ko UNICEF ku nkunga yari yageneye Komisiyo mu gikorwa cyo gushyiraho no guhugura za komite zishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana mu cyiciro cya mbere yabaye make, biba ngombwa ko Komisiyo yongeraho amafaranga kugira ngo icyo gikorwa kibe.

- Amahugurwa y'abarimu bo mu mashuri yisumbuye ku burenganzira bwa Muntu (7010201) : Amafaranga yari yateganyijwe kuri icyo gikorwa yabaye make kubera ko abarimu ba Nyabihu bahuguwe byabaye ngombwa ko amahugurwa yabo aba mu byiciro bitandukanye kugira ngo babashe gukurikira inyigisho neza kubera ko bari benshi kandi bava kure.

B. Imirongo y'aho amafaranga atakoreshejwe

Imbonerahamwe igaragaza kandi ko hari ibikorwa bitagiyeho amafaranga yose yari abigenewe ku ngengo y'imari kubera ko za gahunda z'imirimo zahuriranye bituma ibikorwa bimwe bidakorwa. Ayo mafaranga yishyuye ibirarane bimwe bya Komisiyo by'imyaka iri hagati y'2002 n'2006.

Hari n'ibindi bikorwa bitigeze bikorwa kubera ko byari bifite amafaranga make ugereranyije n'ingano yabyo, biba ngombwa ko ayo mafaranga nayo yishyura ibirarane (7010601, 7010801, 7010901,7011201, 7011402, 7011501, 7011601, 7011901). Hari n'ibindi bikorwa bitakozwe bijyanye no gutanga ibyifuzonama ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa Muntu mu matora (6020402) kimwe no kuregera inkiko (6010102).

C. Ibirarane byishyuwe mu mwaka w'2007

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ku buryo burambuye ibirarane Komisiyo yishyuye mu mwaka w'2007.

INYITO	AMAFRANGA
IBIGANIRO KURI RADIO	9 732 500
GUFATA NEZA INYUBAKO IGENEWE IBIRO	2 951 487
UBURINZI	283 200
GUCAPISHA INYANDIKO	3 972 124
GUHUGURA ABAKOZI N'ABAKOMISERI	1 438 000

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

UBUGENZUZI	239 154
GUKODESHA IMODOKA	2 460 000
KWAKIRA ABAKOZI	532 500
AMAFARANGA Y'UBUTUMWA MU GIHUGU	171 360
KWAKIRA ABASHYITSI	35 000
IBIKORESHO BITARAMBA BYO MU BIRO	2 614 924
IBIKORESHO BIRAMBA BYO MU BIRO	2 390 500
Amahugurwa	245 676
Acompte 3 %	300 365
IGITERANYO CYA BYOSE	**27 366 790**

Muri rusange, ibyo birarane bikaba byaratwaye amafaranga menshi bitewe n'uko Komisiyo yari ifite fagitire nyinshi zitishyuwe mu mwaka w'2006 kubera ko itari yarabonye amafaranga y'ukwezi k'Ugushyingo n'Ukuboza 2006.

D. Imyenda Komisiyo yari itarishyura kugeza ku wa 31 ukuboza 2007

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ku buryo burambuye ibirarane Komisiyo yari isigaranye ku wa 31 Ukuboza 2007.

IMYAKA	INYITO	AMAFARANGA
2004	AMAFARANGA YA TELEFONI FAGISI NA INTERNET	510 565
2006	AMAFARANGA YO KUGURA IBITABO BY'IBYITANGWA RY'AMASOKO	900 000
2007	GUFATA NEZA INYUBAKO IGENEWE IBIRO	3 698 133
	AMAHUGURWA MU GIHUGU	614 426
	KWAKIRA ABASHYITSI	511 350
	GUCAPISHA INYANDIKO	382 000
	IPOSITA	171 696
	GUKODESHA IMODOKA	942 000
	UBURINZI	330 400
	IBIGANIRO KURI RADIO	25 000
	IBIKORESHO BITARAMBA BYO MI BIRO	7 655 000
	AVANSI YA 3 % YA RWANDA REVENUE	285 489
	IGITERANYO CYA BYOSE	**16 024 059**

Kuba ku wa 31 Ukuboza 2007, Komisiyo yari isigaranye ibyo birarane ni uko itahawe amafaranga y'imikorere ya buri munsi y'ukwezi k'Ukuboza 2007.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

4.4. AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE N'ABATERANKUNGA

Mu mwaka w'2007, Komisiyo yahawe n'abaterankunga amafaranga angana na *Miliyoni magana atatu mirongo inani na zirindwi, ibihumbi magana ane mirongo inani na bine n'amafaranga magana arindwi mirongo itanu* (387 484 750 FRw) akaba yari agenewe imishinga ikorera muri Komisiyo.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana amafaranga Komisiyo yahawe n'abaterankunga mu mwaka w'2007.

Umuterankunga	Icyo inkunga igenewe	Amafaranga yateganyijwe mu w'2007	Amafaranga yatanzwe muri 2007	Amafaranga yakoreshejwe	Ikinyuranyo ku mafranga yatanzwe n'ayakoreshejwe
Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere	Kongerera Ubushobozi Komisiyo	**227 006 900**	**219 665 591**	**208 999 641**	**467 627**
Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi	Gukurikirana imirimo y'Inkiko Gacaca	**275 611 560**	**177 477 468**	**177 477 239**	**229**

Aho byavuye : Raporo z'imishinga

4.4.1. Imikoreshereze y'amafaranga y'umushinga wo kongerera ubushobozi Komisiyo mu mwaka w'2007

Mu mwaka w'2007, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD) rifatanyije n'Ishami ry'iterambere Mpuzamahanga rya Leta y'Ubwongereza (DFID) byahaye Komisiyo inkunga ingana n'amafaranga y'u *Rwanda miliyoni magana abiri na cumi n'icyenda, ibihumbi magana atandatu na mirongo itandatu na bitanu n'amafaranga magana atanu na mirongo icyenda na rimwei* (**219 665 591 FRw**). Ayo mafaranga yakoreshejwe mu kongerera ubushobozi Komisiyo.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko ayo mafaranga yakoreshejwe :

INYITO / IGIKORWA	AMAFARANGA YATEGANYIJWE MU MWAKA W'2007	AMAFARANGA YATANZWE	AMAFARANGA YAKORESHEJWE	IKINYURANYO KU MAFARANGA YATANZWE N'AYAKORESHEJWE
1. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO				
1. 1. Ibikoresho by'Ikoranabuhanga no Kubishyira muri Komisiyo	57 548 800	42087075	42087075	0

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

2. Kumenyekanisha Komisiyo no Gukangurira abaturarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu				
2.1 Ibiganiro, kugura ibitabo bya Komisiyo n'izindi nyandiko	41 510 049	7 329 495	7 329 495	0
3. Ubukangurambaga ku burenganzira bwa muntu				
3.1. Amahugurwa ku burenganzira n'ibijyana nayo	76 761 450	74 831 017	7 4831 017	
3.2 Ikurikirana ry'Ibikorwa by'Amatora			0	0
4. Imikoranire ya Komisiyo n'indi miryango itegamiye kuri Leta iharanira uburenganzira bwa Muntu				
4.1 Inama mu gihugu imbere	23 423 683	23 423 683	22 955 986	467 697
4.2 Inama n'amahugurwa mu mahanga	48 552 918	48 552 918	48 552 918	0
5. Isuzumabikorwa			0	0
6. Imicungire y'Umushinga				
6.1 Ibigenda ku bakozi b'Umushinga n'Ibikoresho byo mu biro	24 210 000	23 315 305	23 315 305	0
IGITERANYO BYOSE HAMWE	**272 006 900**	**219 665 591**	**219 197 894**	**467 697**

** Amafaranga yari agenewe amahugurwa ku burenganzira bwa Muntu (3.1) yarasagutse kubera ko abari guhugurwa batitabiriye amahugurwa bose.*

4.4.2. Imikoreshereze y'amafaranga y'umushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca

Mu mwaka w'2007, Umuryango w'Ubumwe bw'ibihugu by'i Burayi wari wageneye Komisiyo amafaranga y'u Rwanda angana na *miliyoni magana abiri na mirongo irindwi n'eshanu n'ibihumbi magana atandatu na cumi na kimwe na magana tanu na mirongo itandatu* **(275.611.560 FRw).** Kuri ayo yagenwe, hatanzwe amafaranga angana *na mililiyoni ijana na mirongo irindwi na zirindwi n'ibihumbi magana ane na mirongo irindwi na birindwi na magana ane na mirongo itandatu n'umunani mu mafaranga y'u Rwanda* **(177.477.468 FRw)** yagombaga gukoreshwa mu mushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

bwa muntu mu Nkiko Gaca kuva ku wa 1 Mutarama 2007 kugeza ku wa 31 Ukwakira 2007 kubera ko umushinga ari bwo wari uteganyijwe guhagarara.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza imikoreshereze y'amafaranga yatanzwe mu gikorwa cyo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa Muntu mu Nkiko Gacaca.

Inyito	Amafaranga yagenwe	Amafaranga yatanzwe	Amafaranga yakoreshejwe	Amafaranga yasigaye ku yatanzwe	Amafaranga yasigaye ku yagenwe
Gukurikirana imikorere y'inkiko Gacaca	85.960.000	70.022.642	70.022.413	229	15.937.358
Imishahara y'abakozi b'umushinga	176.527.200	107.454.826	107.454.826	0	69.072.374
Ibikorwa bitateganijwe (Imprévus)	13.124.360	0	0	0	13.124.360
YOSE HAMWE	**275.611.560**	**177.477.468**	**177.477.239**	**229***	**98.134.092**

Aho byavuye : Raporo y'umushinga

- *Aya mafaranga agaragara mu mbonerahamwe ko yasigaye kandi akanagaragara ko yahawe umushinga yagumye kuri Konti y'umuterankunga.*

4.4.3. Ibisobanuro ku isaguka ry'amafaranga yatanzwe n'umuterankunga

- Mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'Inkiko Gacaca hasagutse *miliyoni cumi n'eshanu n'ibihumbi magana cyenda na mirongo itatu na birindwi na magana atatu na mirongo itanu n-umunani* (**15.937.358 FRw**) yari ateganyirijwe gukora amezi cumi n'abiri ariko kubera ko umuterankunga yatanze amafaranga akenewe umushinga wakoze amezi icumi.

- Ku nyito y'imishahara y'abakozi, *hasagutse miliyoni mirongo itandatu n'icyenda ibihumbi mirongo irindwi na bibiri na Magana tatu na mirongo irindwi na bine mu mafranga y'u Rwanda* (**69.072.374 FRw**) kubera impamvu yavuzwe haruguru hakiyongeraho ikibazo cy'uko umushinga wamaze amezi atatu nta Kontabure ufite, hakaba hari nabandi bakozi bagiye basezera mu kazi ntibahite basimburwa.

- Ku nyito y'ibikorwa bitateganyijwe ; ayo mafranga yose ntiyigeze atangwa kuko atigeze akenerwa.

- Amafaranga yasigaye ku yari yagenewe umushinga ni ukuvuga *miriyoni mirongo icyenda n'umunani, ibihumbi ijana na mirongo itatu na bine n'amafaranga mirongo icyenda nabiri mu maafranga y' u Rwanda* (**98.134.092 FRw**) azongerwa mu gice cya kabiri cy'umushinga kuko aba akiri kuri konti y'umuterankunga mu ibahasha yagenewe Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa muntu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

V. UMWANZURO N'IBYIFUZONAMA

Nk'uko bigaragara muri iyi raporo, mu mwaka w'2007, Komisiyo yakomeje gushyira mu bikorwa inshingano ihabwa n'ingingo y'177 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'Itegeko n° 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu nk'uko ryahinduwe n'Itegeko n° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002 nk'uko naryo ryahinduwe n'Itegeko n° 30/2007 ryo ku wa 6 Nyakanga 2007 rigena imitere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu. Kimwe no mu myaka yashize, ibikorwa bya Komisiyo byibanze mu kwigisha no gukangurira ingeri zinyuranye z'abaturarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu hagamijwe ko barushaho kubumenya no kubuharanira.

Ikigaragara muri rusange, ni uko hari intambwe ishimishije yatewe n'inzego zishinzwe gukemura ibibazo bijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu kuko inyinshi zihatiye kubonera umuti ibibazo zashyikirijwe, izindi zigaragaza ubushake bwo kubikemura.

N'ubwo bigaragara ko inzego z'ubuyobozi zigenda zirushaho kubahiriza amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bwa muntu, haracyari indi ntambwe igomba guterwa kugira ngo iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu ribe ihame mu migirire no mu mibereho ya buri munsi y'Abaturarwanda. Kubera iyo mpamvu, Komisiyo igejeje ku nzego nkuru z'Igihugu no ku baturarwanda ibyifuzonama bikurikira :

- **Kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Urukiko rw'Ikirenga na Guverinoma.**

- Gusaba inzego z'ibanze kongera imbaraga mu kurinda umutekano w'abacitse ku icumu rya jenoside, abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca n'Abanyarwanda muri rusange.

- Gusaba inzego zibishinzwe gushyiraho ingamba zo gukemura ikibazo cy'abantu batsindwa imanza ari abatindi nyakujya ntibashobore kubona ubwishyu bwategetswe n'inkiko kugira ngo uwatsinze urubanza ahabwe ibyo yatsindiye.

- Gushishikariza inzego z'ubuyobozi kujya zihutira gutanga indishyi mu manza zatsinzwemo kuko bikunze kuba ingorabahizi mu irangiza ry'imanza izo nzego ziba zatsinzwemo.

- Gusaba inzego zose zifite mu nshingano zazo kurangiza imanza kujya zizirangiza kandi zikarangizwa uko zaciwe n'inkiko, kuko urubanza rwaciwe ruba rwabaye itegeko.

- Kubera ko ikibazo cyo gusambanya abana kigenda gifata intera ndende, mu rwego rwo gukumira iryo hohotera, inzego z'ubuyobozi n'iza Polisiyi y'Igihugu zikwiye kujya zikurikirana bene ibyo bibazo kandi zibyibwirije, zigakora amaperereza vuba kuko hari ababyeyi babihishira.

- Hakwiye kandi gukoreshwa ikoranabuhanga ripima abakekwaho icyaha n'abahohotewe (ADN) kugira ngo ukuri kugaragare.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Kwibutsa inzego bireba kutajya zifunga by'agateganyo igihe kirekire abakoze ibyaha byoroheje kugeza n'ubwo barenza cyane igihe cy'igihano cy'igifungo bashobora gukatirwa mu gihe icyaha cyabahama.

- Gusaba inzego zose zishinzwe gukurikira ibibazo by'ubuzererezi cyane cyane mu Mujyi wa Kigali kujya zishishoza kugira ngo zidahungabanya uburenganzira bwa muntu zishingiye ku gukemura ibibazo biterwa n'ubuzererezi. Muri urwo rwego, abafashwe baba bakwiye gukorerwa dosiye kugira ngo badakomeza gufungwa nta mpamvu kandi byaba ngombwa bagashyikirizwa ubutabera vuba.

- Gusaba ubuyobozi bwa Gereza kuba bufite muri dosiye y'umufungwa icyemezo cy'umucamanza gifunga umuntu by'agateganyo n'ikigaragaza igihe afungiwe n'igihe azarangiriza igihano.

- Gushimangira gahunda yatangiye yo kwigisha abana batabonye uko bajya mu mashuri bakiri bato kugira ngo bigabanye umubare w'abana bajya mu muhanda.

- Gushyiraho umutwe wa Police y'Igihugu ushinzwe abana (Police des mineurs) n'undi ushinzwe imyifatire n'umuco (Police des moeurs) mu rwego rwo kurengera uburere bwiza bw'abana.

- Gusaba inzego zibishinzwe gukomeza gushyigikira gahunda ya « the neighbour's eye » isaba buri muturage kumva ko umwana utari uwe nawe amureba.

- Kugenera inkunga ibigo by'impfubyi byemewe na Leta kugira ngo abana b'impfubyi bari muri ibyo bigo bagire imibereho myiza.

- **Ku baturarwanda bose.**

- Kurushaho gusobanukirwa uburenganzira n'ishingano bya muntu.

- Gukomeza kugana Komisiyo bayigezaho ibibazo n'ibitekerezo bijyanye n'uburenganzira bya muntu.

- Kurinda no kurengera uburenganzira bwabo n'ubw'abandi.

- Kwirinda kugeza kuri Komisiyo ibibazo by'ibinyoma cyangwa bidafite ishingiro.

- Kumenyera kubanza kugeza ibibazo ku nzego zifite inshingano zo kubikemura mbere yo kwiyambaza Komisiyo.

- Ababyeyi bakwiye kujya bihutira kugeza ku bushinjacyaha ibibazo by'isambanywa by'abana babo kugira ngo bikurikiranwe vuba.

- Ababyeyi bagomba kudahishira abahohoteye abana babo babasambanya.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

VI. IBIKORWA BITEGANYIJWE MU MWAKA W'2008

- **Mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu**

Mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu, mu mwaka w'2008, Komisiyo irateganya kwibanda ku bikorwa by'ingenzi bikurikira :

- Gutegura, kwandika no gusakaza inyandiko zinyuranye zerekeye uburenganzira bwa muntu zakwifashishwa nk'imfashanyigisho mu kwigisha no gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu.

- Gutegura no gukoresha amahugurwa mu by'uburenganzira bwa muntu.

- Gutegura no gukoresha ibiganirompaka ku burenganzira bwa muntu ku rwego rw'igihugu no ku rw'Intara.

- Gukangurira uburenganzira bwa muntu abantu b'ingeri zinyuranye (mu bigo by'amashiri, muri za gereza, mu ngando n'ahandi…)

- Gutegura ibiganiro ku burenganzira bwa muntu byasakazwa hakoreshejwe ibitangazamakuru binyuranye n'inyandiko zigezwa ku bantu benshi.

- Kwizihiza iminsi mpuzamahanga ngarukamwaka ku burenganzira bwa muntu.

- Ikurikirana n'isuzumabikorwa by'inyigisho n'amahugurwa ku burenganzira bwa muntu.

- Guteza imbere ibihimbano by'imyuga byerekeye uburenganzira bwa muntu (ikinamico, ibishushanyo n'amafoto) mu mashuri abanza n'ayisumbuye.

- Gusakaza amategeko n'amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bwa muntu.

- Kwandika no gusakaza raporo ya Komisiyo y'umwaka n'izindi raporo zihariye.

- Gutegura inama ziba mu bihe biteganyijwe zihuza Komisiyo n'inzego ifatanya na zo mu bikorwa byo guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

- **Ibijyanye no kurinda uburenganzira bwa muntu**

Ibikorwa biteganyijwe muri uru rwego ni ibi bikurikira :

- Gusesengura no gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko no ku mategeko cyangwa amabwiriza ariho kugira ngo bishingire ku mahame mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu.

- Gushishikariza inzego zibishinzwe gusinya, kwemeza no kwinjiza mu mategeko y'u Rwanda amasezerano mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Gukora raporo yihariye ku burenganzira bw'abafite ubumuga no ku burenganzira bwo kwiga ku bana batishoboye, kubakorera ubuvugizi no kugeza ku nzego zibishinzwe ibitekerezo byafasha mu guteza imbere imibereho yabo.

- Gusuzuma no gukora ipereereza ku birego yagejejweho cyangwa yibwirije gukurikirana no kugeza ibyifuzonama ku nzego zifite ububasha bwo kubikemura.

- Gukurikirana no kunoza imikorere y'abakorerabushake ba Komisiyo bo mu rwego rw'Imirenge n'Uturere n'ab'Urwego rushinzwe kureba iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana hagamijwe gusuzuma uko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa muri rusange n'ubw'umwana by'umwihariko.

- Gushyira mu bikorwa inshingano yo kuregera inkiko uwo ari we wese uhohotera uburenganzira bwa muntu.

- Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca no mu mirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro, kugeza raporo ku nzego bireba no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama Komisiyo iba yatanze.

- Gutegura no kuyobora inama ihuza abakora ibikorwa byo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca no mu mirimo nsimburagifungo ifitiyeye igihugu akamaro (TIG).

- Gusura ahafungiye abantu no kureba ko uburenganzira bw'abafunzwe bwubahirizwa.

- **Ibijyanye no kongerera ubushobozi Komisiyo**

Mu rwego rwo kongerera Komisiyo ubushobozi, mu mwaka w'2008, hateganyijwe ibikorwa by'ingenzi bikurikira :

- Gutegura gahunda ngenderwaho (plan stratégique 2009 - 2012) ya Komisiyo.

- Kongerera ubushobozi Komisiyo mu birebana n'ikoranabuhanga.

- Gutegura gahunda z'ibikorwa n'imishinga bya Komisiyo.

- Gutegurira abagize Komisiyo n'abakozi bayo amahugurwa ku burenganzira bwa muntu abera mu gihugu no mu mahanga.

- Gutegurira abagize Komisiyo n'abakozi bayo ingendoshuri mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu i Genève no muri Komisiyo z'Ibihugu zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu.

- Kongerera ubushobozi isomero rya Komisiyo.

- Gushyigikira gahunda y'imikino ngororamubiri n'imyidagaduro y'abagize Komisiyo n'abakozi bayo mu rwego rwo kubafasha kubungabunga ubuzima kugira ngo bashobore gushishikarira umurimo.

- Gutunganya icyumba mberabyombi cya Komisiyo.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Umugereka

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

INAMA YA GATANDATU Y'INZEGO Z'IBIHUGU BYA AFURIKA ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Kigali, ku wa 8 - 10 Ukwakira 2007

ITANGAZO RYA KIGALI

Abari mu Nama ya Gatandatu y'Inzego z'Ibihugu bya Afrika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yabaye kuva ku wa 8 kugeza ku wa 10 Ukwakira 2007 ikibanda ku nsanganyamatsiko: *"Uruhare rw'Inzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu kurengera impunzi, abavanywe mu byabo n'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu babyo",* ikaba yarateguwe na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ifatanyije n'ibiro by'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku burenganzira bwa muntu (HCDH), Komite mpuzabikorwa y'inzego z'uburenganzira bwa muntu muri Afurika, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (HCR), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD), Umushinga « Brookings-Bern » wita ku bantu bavanwe mu byabo, Umuryango mpuzamahanga w'Ibihugu bihuriye ku rurimi rw'Igifaransa hamwe na "UK-Department for International Development" (DFID) ;

Dushimira byimazeyo Leta n'abaturage b'u Rwanda kuba barakiriye Inama ya Gatandatu y'Inzego z'Uburenganzira bwa Muntu z'ibihugu bya Afrika ;

Dushimira kandi Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda uburyo yateguye kandi ikakira iyo nama ;

Twishimira ukwitabira inama kwa Perezida wa Komite Mpuzamahanga Mpuzabikorwa y'Inzego z'Ibihugu zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu,

Twishimira kandi tuzirikana inkunga ihoraho y'ibiro by'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu mu bijyanye no kongerera ubushobozi Ihuriro ;

Dushimangira ko dushyigikiye Itangazo rya Abuja ndetse n'amahame akubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Ubukungu, mu Mibereho Myiza no mu Muco, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'Imbonezamubano na mu bya Politiki, Amasezerano ya Afurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Amategeko agenga Impunzi (1951) hamwe n'Amasezerano y'inyongera ku Mategeko agenga Impunzi yo mu 1967, Amasezerano mpuzamahanga arebana no kugabanya ukutagira ubwenegihugu (1961) hamwe n'Amasezerano ya OUA agenga imiterere y'ibibazo by'ihariye by'impunzi muri Afurika (1969) ;

Twishimira ko Itegeko Shingiro ry'Ihuriro ryashyizweho umukono ;

Twishimira kandi ko Ubunyamabanga buhoraho bw'Ihuriro bwahawe icyicaro i Nairobi muri Kenya ;

Dushingiye ku Masezerano y'Amahoro, Umutekano, Demokarasi n'Amajyambere mu Karere k'Ibiyaga Bigari ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Twibutsa inshingano y'inzego z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu bya Afrika yo kubahiriza no gukora umurimo wazo zikurikiza Amahame ya Paris nk'uko yemejwe n'Inama rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu mwanzuro wayo n° 48/134 yo ku wa 20 Ukuboza 1993 ;

Twibutsa kandi ko guteza imbere nyakuri uburenganzira n'ubwisanzure bw'ibanze bwa muntu hamwe no kubwubahiriza bisaba ibihugu kwemeza burundu Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye hamwe n'ay'Akarere yerekeye uburenganzira bwa muntu, kuyashyira mu bikorwa hamwe no kohereza ku gihe raporo kuri komite zigenzura iyubahirizwa ry'ayo masezerano hakurikijwe ibiteganyijwe na buri masezerano ;

Twibutsa ko umuntu wese afite uburenganzira ku bwenegihugu n'ubwo kutabwamburwa mu buryo budakurikije amategeko nk'uko buteganywa n'Itangazo mpuzamahanga ry'uburenganzira bwa muntu kimwe n'amasezerano atandukanye arimo Amasezerano yerekeranye no kurwanya ivangura ry'amoko, Amasezerano mpuzamahanga mu by'imbonezamubano na politike, Amasezerano yerekeranye no kurwanya ivangura rikorerwa abagore n'Amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bw'umwana ;

Tuzirikana ko uburenganzira bw'impunzi n'abavanywe mu byabo ari ikibazo gikwiye kwitabwaho ;

Duhangayikishijwe n'uko n'ubwo hariho amasezerano mpuzamahanga n'ay'akarere atandukanye arengera impunzi, bikigaragara ko impunzi zikomeje kutarengerwa bihagije ; byongeye uburenganzira bw'abavanywe mu byabo n'ubw'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu babyo bukaba butubahirizwa uko bikwiye ku rwego rw'ibihugu n'urw'akarere ;

Tuzirikana uruhare rukomeye inzego z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu bya Afrika mu guteza imbere no kurinda uburenganzira bw' impunzi, abavanywe mu byabo n'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu babyo ;

Tugaragaza impungenge dutewe n'ibibazo bikomereye impunzi, abavanywe mu byabo, n'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu babyo ;

Duhamya inshingano z'ibihugu zo gushyira mu mategeko yabyo amasezerano mpuzamahanga arengera impunzi ;

Dushimangira ko inzego z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu zifite uruhare rukomeye mu guteza imbere no kurinda uburenganzira bw'impunzi, ubw'abavanywe mu byabo n'ubw'abatagira ibihugu bibemera nk'abanegihugu babyo ;

Twiyumvisha neza ko byihutirwa gushakira ibisubizo ibibazo byavuzwe haruguru bibangamiye uburenganzira bw'impunzi, ubw'abavanywe mu byabo n'ubw'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu babyo ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Dufashe imyanzuro ikurikira :

(a) Mu birebana n'abantu bavanywe mu byabo

Ku birebana n'abantu bavanywe mu byabo, Inama ifashe imyanzuro ikurikira :

- Kwita ku bijyanye no kumenya neza no gukora urutonde rw'abantu bavanywe mu byabo mu bihugu byabo ;
- Gushyira ibibazo by'abavanywe mu byabo muri gahunda z'ibikorwa by'Inzego z'Ibihugu zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu hagamijwe kwemera no kurengera ku buryo bufatika uburenganzira bwa muntu ;
- Kugira inama no gukangurira Guverinoma, Imiryango itegamiye kuri Leta n'abaturage muri rusange kwita ku bibazo by'abantu bavanywe mu byabo ;
- Gushyiraho ihuriro rigizwe n'inzego za Leta n'imiryango itegamiye kuri Leta mu gushaka ibisubizo by'ibibazo byugarije abavanywe mu byabo ;
- Kugenzura niba harashyizweho amategeko na politiki biboneye ijyanye n'Amahame Ngenderwaho y'Umuryango w'Abibumbye ndetse n'andi Masezerano yo mu karere nk'Amasezerano y'Amahoro, Umutekano, Demokarasi n'Amajyambere mu Karere k'Ibiyaga bigari ;
- Guhamagarira abo bireba bose gushyiraho uburyo bwihuse bwo gutabariza abavanywe mu byabo;
- Gushyigikira ibyemezo birambye bigamije kugarura umutekano n'agaciro ntagereranywa k'abantu bavanywe mu byabo aho batuye cyangwa no mu turere tw'ibyo bihugu babarizwamo ;
- Gufatanya n'Intumwa Idasanzwe y'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye mu byerekeye Uburenganzira bwa Muntu bw'abantu bavanywe mu byabo hamwe n'Intumwa Idasanzwe ya Komisiyo y'Afurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage mu kurengera impunzi n'abantu bavanywe mu byabo.

(b) Ku birebana n'impunzi, hakenewe ibikorwa mu gukumira, kurengera impunzi ndetse no gushakira ibisubizo birambye

<u>Mu byerekeye gukumira ubuhunzi</u> :

- Gushimangira uburyo bwihuse bwo gutabariza impunzi n'igenzura cyane cyane mu turere turimo amakimbirane ;
- Gushimangira imishyikirano ikoreshwa n'Inzego z'Ibihugu mu guteza imbere ubufatanye bugamije amahoro ku rwego rw'akarere kugira ngo hakemurwe ibibazo by'impunzi ,
- Kwigisha cyangwa guhugura impunzi mu bijyanye n'inshingano yazo yo kubahiriza uburenganzira bw'abaturage bazakiriye no mu kurengera ibidukikije ;
- Kwigisha abantu batuye mu turere twakiriye impunzi umuco wo kwihanganira impunzi no kubaha uburenganzira bwazo ;
- Guteza imbere imibanire myiza hagati y'impunzi n'abaturage bo mu duce zatujwemo.

<u>Mu byerekeye kurengera impunzi</u> :

- Gukora ubuvugizi bw'impunzi ;
- Gushishikariza Guverinoma kwemeza burundu, kwemera no gushyira mu bikorwa Amasezerano Mpuzamahanga n'ay'Akarere yerekeye Uburenganzira bw'Impunzi ;

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

- Gushyiraho ubufatanye hagati ya HCR n'indi miryango kugira ngo hubahirizwe amahame mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'impunzi ;
- Kureba niba uburenganzira bw'impunzi ku mibereho myiza, ku buzima, ku burezi n'ibindi bwubahirizwa ;
- Gufatanya na Guverinoma mu bijyanye no gukumira ibikorwa bya gisirikare hamwe n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose harimo n'irishingiye ku gitsina bishobora gukorerwa mu nkambi z'impunzi ;
- Gukora ibishoboka kugira ngo haboneke ibisubizo birambye by'ibibazo by'impunzi ari byo gutaha ku bushake, gusubizwa mu buzima busanzwe no koherezwa mu kindi gihugu.

(c) Ku byerekeye abantu badafite ubwenegihugu, Inama yemeje ibi bikurikira

- Gushyiraho uburyo bwo kumenya abantu bose badafite ubwenegihugu kugira ngo hamenyekane neza imiterere y'ikibazo ku mugabane ;
- Gusuzuma ibibazo biterwa no kutagira ubwenegihugu ;
- Gusuzuma no kuvugurura amategeko ariho yerekeranye n'ubwenegihugu no kureba niba ubwayo atari intandaro yo kutagira ubwenegihugu ;
- Kumvisha Guverinoma ko zigomba gushyiraho uburyo buhamye bwo kwandikisha mu bitabo by'irangamimerere abadafite ubwenegihugu ;
- Gufata ingamba zigamije guca ukutagira ubwenegihugu ;
- Gushyigikira no gushimangira ubufatanye mpuzamahanga no ku rwego rw'akarere mu bijyanye no kwita ku bibazo byo kutagira ubwenegihugu.

Abari mu nama,

Bishimiye inkunga yatewe Inama ya Gatandatu y'Inzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu (HCDH), Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (HCR), Umushinga « Brookings-Bern » wita ku bantu bavanwe mu byabo, Umuryango w'Ibihugu bivuga Igifaransa, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ritsura Amajyambere (PNUD) na DFID ;

Basaba inkunga y'Inzego z'Ibihugu bya Afurika zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu n'inkunga ihoraho y'ibikoresho n'iy'imari y'imiryango y'ibihugu, iy'akarere, hamwe n'imiryango mpuzamahanga ndetse n'abandi bafitanye ubufatanye ;

Bongeye kwiyemeza gufatanya na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage mu byerekeye guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'impunzi, ubw'abavanywe mu byabo n'ubw'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu babyo muri Afurika ;

Biyemeje gufatanya n'imiryango mpuzamahanga n'iy'akarere, harimo Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'impunzi, ubw'abavanywe mu byabo n'ubw'abatagira ibihugu bibemera nk'abenegihugu babyo muri Afurika ;

Bumvikanye ko Inama itaha izabera muri Maroc mu mwaka w'2009.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10 Ukwakira 2007.

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira Bwa Muntu

B.P. 269 Kigali – Tél. : (00250) 504273/4 – Fax : (00250) 504270

E-mail : cndh@rwanda1.com / cndh1@rwanda1.com

PDF Created with deskPDF PDF Writer - Trial :: http://www.docudesk.com